<p>(3) Mu gutanga agahimbazamushi kavugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, amasoko abarwa ni ayatangajwe hakoreshejwe uburyo bw'itangwa ry'amasoko bwemewe n'amategeko, agasesengurwa ndetse agatangirwa icyifuzonama, uretse amasoko yatanzwe hakoreshejwe uburyo bw'ubwumvikane butaziguye, gusaba ibiciro, reji no gukoresha abaturage.</p> <p>(4) Umubare w'amasoko uherwaho mu kugena agahimbazamushi k'abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta, ni uw'amasoko yatanzwe mu mwaka w'ingengo y'imari ubanziriza utangwamo agahimbazamushi.</p> <p>(5) Inzego zitanga amasoko ya Leta zigishyirwaho zifatwa nk'iziri mu cyiciro cya mbere cy'inzego zitanga amasoko atarenze 50 buri mwaka kandi agahimbazamushi k'umwaka wa mbere gatangwa hashingiwe kuri icyo cyiciro.</p>	<p>(3) Tenders to be considered in allocating a monthly allowance referred to under Paragraph (1) of this Article are those advertised through existing procurement methods for which the evaluation and recommendation processes were completed, except tenders awarded through single source, request for quotation, force account and community participation.</p> <p>(4) The number of tenders serving as a basis in determining the monthly allowance for members of the public tender committee is that of tenders awarded during the financial year preceding the one in which the allowance is being allocated.</p> <p>(5) Newly established procuring entities are considered as belonging to the category which awards less than 50 tenders a year and monthly allowances for the first year is allocated on that basis.</p>	<p>(3) Les marchés qui servent de référence dans l'allocation de primes visées au paragraphe (1) du présent article sont ceux publiés par biais des méthodes de passation des marchés existantes pour lesquelles l'évaluation et recommandation ont été accomplis, sauf les marchés attribués par utilisation de la méthode d'entente directe, demande de cotations, régie et participation communautaire.</p> <p>(4) Le nombre de marchés servant de base pour déterminer la prime mensuelle des membres du comité de passation de marchés publics est celui des marchés attribués au cours d'exercice précédant l'exercice pour lequel la prime est due.</p> <p>(5) Les entités de passation de marchés nouvellement créées sont considérées comme appartenant à la catégorie qui attribue moins de 50 marchés par an et la prime mensuelle pour la première année est allouée sur cette base.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA III: AKANAMA K'UBUJURIRE KIGENGA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER III: INDEPENDENT REVIEW PANEL</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE III : COMITÉ INDÉPENDANT DE RECOURS</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 20: Abagize akanama k'ubujurire kigena</u></b></p>	<p><b><u>Article 20: Composition of the independent review panel</u></b></p>	<p><b><u>Article 20 : Composition du comité indépendant de recours</u></b></p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(1) Akanama k'ubujurire kigenga kagizwe nibura n'abantu 11 barimo Perezida n'aba Visi Perezida babiri.</p> <p>(2) Perezida ni we uyobora akanahuza ibikorwa by'aka kanama kavugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p> <p>(3) Abagize Akanama k'ubujurire kigenga Batoranywa mu nzego za Leta, mu bikorera no mu miryango itari iya Leta.</p> <p>(4) Mu bashyirwa mu kanama k'ubujurire kigenga habamo nibura impuguke mu byerekeye amasoko ya Leta, amategeko, ubwubatsi, ubukungu n'ikoranabuhanga.</p> <p>(5) Abagize akanama batoranywa mu nzego za Leta ntibagira ubwiganze. Abagize akanama k'ubujurire kigenga bagira manda y'igihe cy'imyaka itatu ishobora kongerwa inshuro imwe.</p>	<p>(1) The independent review panel is composed of at least 11 members including its chairperson and two vice-chairpersons.</p> <p>(2) The Chairperson manages and coordinates the organisation and functioning of the Panel referred to under paragraph (1) of this provision.</p> <p>(3) Members of the independent Review Panel are selected from the public sector, private sector and civil society.</p> <p>(4) Members of the Independent Review Panel include at least an expert in public procurement, law, engineering, economy and technology.</p> <p>(5) Members from the public sector shall not constitute majority. Members of the Independent Review Panel are appointed for a term of office of three years, renewable once.</p>	<p>(1) Le Comité Indépendant de Recours est composé d'au moins 11 membres, dont son Président et deux Vice-Présidents.</p> <p>(2) Le Président gère et coordonne l'organisation et le fonctionnement de comité visée au paragraphe (1) du présent article.</p> <p>(3) Les membres du Comité Indépendant de Recours proviennent du secteur public, du secteur privé et de la société civile.</p> <p>(4) Les membres du Comité Indépendant de Recours comprennent au moins les experts en matière de marchés publics, en droit, en construction, en économie et en technologie.</p> <p>(5) Les membres provenant du secteur public ne doivent pas être majoritaires. Les membres du Comité Indépendant de Recours sont nommés pour un mandat de trois ans renouvelable une seule fois.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Abatemerewe kujya mu kanama k'ubujurire kigenga</b></p> <p>Abantu batemerewe kujya mu kanama</p>	<p><b><u>Article 21:</u> Persons not eligible to be members of the independent review panel</b></p> <p>The following persons are not eligible to be</p>	<p><b><u>Article 21 :</u> Personnes non éligibles comme membres du comité indépendant de recours</b></p> <p>Les personnes suivantes ne sont pas</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>k'ubujurire kigenga ni aba bakurikira:</p> <p>(a) abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta;</p> <p>(b) abatemerewe kuba mu bagize akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta hakurikijwe iri teka;</p> <p>(c) abakozi b'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano n'abagize Inama y'Ubuyobozi y'Urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano.</p> <p><b><u>Ingingo ya 22: Inshingano z'akanama k'ubujurire kigenga</u></b></p> <p>Akanama k'ubujurire kigenga gafite ububasha bwo kwakira ubujurire ku masoko ya Leta ku rwego rw'Igihugu cyose. Akanama k'ubujurire kigenga kagamije imitunganyirize y'ubujurire bushingiye ku kutishimira ibyemezo byafashwe n'urwego rutanga isoko kuva ku gikorwa cyo gutangaza isoko kugeza igihe amasezerano y'isoko ashyiriweho umukono.</p>	<p>members of the independent review panels:</p> <p>(a) members of a public tender committee;</p> <p>(b) officials not allowed to be members of a public tender committee in accordance with this order;</p> <p>(c) staff of the state organ in charge of public procurement and members of Board of Directors of the state organ in charge of public procurement.</p> <p><b><u>Article 22: Responsibilities of the Independent Review Panel</u></b></p> <p>The independent review panel has the power to receive appeals on public procurement at the national level. The independent review panel aims to the organization of review based on dissatisfaction about decisions of the procuring entity from the publication of the tender to the signature of the contract.</p>	<p>éligibles comme membres du comité indépendant de recours :</p> <p>(a) les membres d'un comité de passation de marchés publics ;</p> <p>(b) les fonctionnaires non autorisés à faire partie du comité de passation de marchés publics conformément à cet arrêté ;</p> <p>(c) le personnel de l'organe de l'Etat ayant les marchés publics dans ses attributions ainsi que les membres du Conseil d'administration de l'organe de l'Etat ayant les marchés publics dans ses attributions.</p> <p><b><u>Article 22 : Responsabilités du comité indépendant de recours</u></b></p> <p>Le comité indépendant de recours a le pouvoir de recevoir des recours en rapport avec les marchés publics au niveau national. Le comité indépendant de recours a pour but d'examiner les recours relatifs à l'insatisfaction à l'égard des décisions de l'entité de passation des marchés depuis la publication de du marché jusqu'à la signature du contrat.</p>
---	--	--

<b><u>Ingingo ya 23: Ububasha bw’akanama k’ubujurire kigenga</u></b>	<b><u>Article 23: Powers of the independent review panel</u></b>	<b><u>Article 23 : Compétences du comité indépendant de recours</u></b>
<p>(1) Kugira ngo akanama k’ubujurire kigenga gashobore kurangiza inshingano zako gafite ububasha bukurikira:</p> <p>(a) gusaba urwego rutanga isoko kugaha inyandiko zose zishobora kugafasha gusuzuma no gukusanya amakuru kuri dosiye iri mu bujurire;</p> <p>(b) gusaba ibisobanuro ku byemezo cyangwa ibikorwa byakozwe n’urwego rutanga isoko, cyangwa ku ngingo z’uwajuriye ku bijyanye n’imitangire y’isoko rifitanye isano na dosiye iri mu bujurire;</p> <p>(c) gufata ingamba z’agateganyo, zijyanye n’imitangire y’isoko, zirimo gutegeka isubika ry’ibikorwa byo gutanga isoko kugeza igihe icyemezo ku kirego cy’ubujurire cyatanzwe gifatiwe;</p> <p>(d) gufata ibyemezo bisaba</p>	<p>(1) To achieve its responsibilities, the independent review panel has the following powers:</p> <p>(a) to request from the procuring entity to provide any document which may help in the examination and collection of information on the file under review;</p> <p>(b) to request for explanations on decisions and actions taken by the procuring entity, or complainant’s claim on procurement proceedings in relation to a file under review;</p> <p>(c) to take provisional measures, including ordering suspension of the procurement proceedings of a tender related to a file under review until a decision on the complaint is taken;</p> <p>(d) to issue corrective measures on</p>	<p>(1) Pour s'acquitter de ses attributions, le comité indépendant de recours a les pouvoirs suivants :</p> <p>(a) demander à l’entité de passation de marchés tout documents à aider à l’analyse et à la collecte des informations sur le dossier en cours d’examen ;</p> <p>(b) demander des explications sur les décisions et mesures prises par l’entité de passation de marchés ou sur la plainte du plaignant relative aux procédures de passation de marché en rapport avec le dossier en cour d’examen ;</p> <p>(c) prendre des mesures provisoires, y compris ordonner la suspension de la procédure de passation de marché public concerné jusqu’à ce qu’une décision sur la plainte soit prise ;</p> <p>(d) émettre des mesures</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>gukosora imitangire y'isoko ryatangajwe n'urwego rutanga isoko mu byerekeye idosiye isuzumwa;</p> <p>(e) gukora ikindi gikorwa gikurikije ibiteganywa n'iri teka cyatuma gasohoza inshingano zako ziteganywa n'amategeko.</p> <p>(2) Inyandiko zivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo zitangwa mu minsi itatu y'akazi ibarwa uherye ku munsu urwo rwego rwakiriyeho ibaruwa y'akanama k'ubujurire kigenga isaba inyandiko.</p> <p>(3) Akanama k'ubujurire kigenga gashobora gutumiza uruhande rumwe gutanga ibisobanuro cyangwa impande zombi kuza kuvuguruzanya imbona nkubone imbere y'abakagize. Nyuma yo kuvuguruzanya byaba mu nyandiko cyangwa imbona nkubone, abagize akanama k'ubujurire kigenga bafata umwanzuro wa nyuma ku bujurire.</p>	<p>any procurement proceedings taken by a procuring entity in relation to a file under review;</p> <p>(e) to take any other action in conformity with this Order that allows it to achieve its responsibilities provided for by law.</p> <p>(2) The documents referred to in Paragraph (1) of this Article are provided within three working days from the day that entity receives the letter of the independent review panel requesting for the documents.</p> <p>(3) The independent review panel may invite one side to provide clarifications or both sides in a face-to-face debate before its members. After hearing both parties, in writing or face-to-face, members of the independent review panel take a final decision.</p>	<p>correctives pour toute procédure de passation de marché engagée par une entité de passation de marchés dans le cadre d'un dossier en cours d'examen ;</p> <p>(e) prendre toute autre mesure conformément au présent arrêté permettant de s'acquitter de ses responsabilités prévues par la loi.</p> <p>(2) Les documents mentionnés dans le paragraphe (1) du présent article sont délivrés endéans trois jours ouvrables à partir du jour de réception de la demande faite par le comité indépendant de recours.</p> <p>(3) Le comité indépendant de recours peut requérir la comparution de l'une des parties pour présenter les explications devant le comité ou la comparution des deux parties pour une confrontation devant ses membres. Après le débat contradictoire par écrit ou la confrontation des parties, le comité indépendant de recours prend une décision finale sur le recours.</p>
---	--	---



Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p><b><u>Ingingo ya 24: Imikorere y’akanama k’ubujurire kigenga</u></b></p> <p>(1) Akanama k’ubujurire kigenga kigabanyamo amatsinda abiri mu rwego rwo kwihutisha isuzuma ry’ubujurire.</p> <p>(2) Abagize akanama k’ubujurire kigenga bumvikana uko amatsinda abiri aterana.</p> <p>(3) Buri tsinda rigizwe nibura n’abantu batanu, rikayoborwa na Visi Perezida. Iyo Perezida ari muri rimwe mu matsinda abiri yateranye, icyo gihe ni we uyobora inama.</p> <p>(4) Kugira ngo buri tsinda riterane kandi rifate ibyemezo ku buryo bwemewe, haba hari nibura bitatu bya gatanu by’abarigize.</p>	<p><b><u>Article 24: Functioning of the independent review panel</u></b></p> <p>(1) For a quick review of appeal, the independent review panel is divided into two teams.</p> <p>(2) Members of the independent review panel agree on how the two teams hold meetings.</p> <p>(3) Each team is composed of at least five members and chaired by the Vice Chairperson. When the Chairperson attends a meeting of one of the two teams, he or she presides over its meeting.</p> <p>(4) The quorum required for each team to make valid resolutions is at least three fifths of the concerned team members.</p>	<p><b><u>Article 24 : Fonctionnement du comité indépendant de recours</u></b></p> <p>(1) Le comité indépendant de recours se divise en deux équipes pour éviter des retards d’examen des demandes en recours.</p> <p>(2) Les membres du comité indépendant de recours se conviennent sur la tenue de réunions des deux équipes.</p> <p>(3) Chacune des équipes est composée d’au moins de cinq membres et présidée par le Vice-Président. Lorsque le Président participe à une réunion de l’une de deux équipes, il préside la réunion.</p> <p>(4) Le quorum exigé pour que chaque équipe délibère valablement est d’au moins les trois cinquièmes des membres de l’équipe concernée.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 25 : Gusezererwa mu kanama k’ubujurire kigenga</u></b></p> <p>Minisitiri asezerera mu kanama k’ubujurire kigenga uwo ari we wese mu bakagize ugaragaweho ubushobozi buke, imyitwarire idahwitse cyangwa kunanirwa kuzuzanya inshingano.</p>	<p><b><u>Article 25: Dismissal from the independent review panel</u></b></p> <p>The Minister dismisses any member of the independent review panel for incompetence, misconduct or poor performance of his or her duties.</p>	<p><b><u>Article 25 : Révocation du comité indépendant de recours</u></b></p> <p>Le Ministre révoque tout membre du comité indépendant de recours pour incapacité, mauvaise conduite ou incompétence dans l’exercice de ses attributions.</p>

<b><u>Ingingo ya 26</u> : Ubunyamabanga bw'akanama k'ubujurire kigenga n'inshingano zabwo</b>	<b><u>Article 26: Secretariat of the independent review panel and its duties</u></b>	<b><u>Article 26</u> : Secrétariat du comité indépendant de recours et ses responsabilités</b>
(1) Akanama k'ubujurire kigenga kagira ubunyamabanga bugizwe n'abakozi bahoraho.	(1) The independent review panel is supported by the secretariat composed of full-time staff.	(1) Le comité indépendant de recours est appuyé par le secrétariat composé du personnel permanent.
(2) Ubunyamabanga bw'akanama bufite inshingano zikurikira :	(2) The secretariat performs the following duties:	(2) Le secrétariat est chargé de fonctions suivantes :
(a) kwakira inyandiko z'ubujurire;	(a) to receive appealed dossiers;	(a) réceptionner les dossiers de recours ;
(b) gukora ibanzirizasuzumary'ubujurire ;	(b) to conduct the pre-screening of the appeal;	(b) faire le pré-examen du dossier de recours ;
(c) gutegura inyandiko za ngombwa zifasha akanama k'ubujurire kigenga mu mirimo yako;	(c) to prepare all documents that are necessary for the activities of the independent review panel;	(c) préparer tous les documents nécessaires aux activités du comité indépendant de recours ;
(d) gutegura ubutumire bw'ababazwa n'akanama k'ubujurire kigenga ;	(d) to prepare invitation of people to be interviewed by the independent review panel;	(d) préparer les invitations destinées aux personnes devant être interrogées par le comité indépendant de recours ;
(e) gukora imirimo y'ubwanditsi w'akanama k'ubujurire kigenga ;	(e) to act as the secretary to the Independent Review Panel;	(e) assurer le secrétariat du comité indépendant de recours ;
(f) kumenyesha abagize akanama k'ubujurire kigenga iby'amategeko yishwe bikwiye kumenyeshwa urwego rwa Leta	(f) to inform members of the independent review panel on cases of breach of laws which must be communicated to the	(f) informer les membres du comité indépendant de recours de toute violation des dispositions légales devant être

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>rufite amasoko ya Leta mu nshingano kugira ngo rubikoreho iperereza;</p> <p>(g) kubika neza inyandiko zerekeranye n'ibikorwa by'akanama k'ubujurire kigenga.</p> <p>(h) gukora no gutanga raporo za buri gihembwe n'iz'umwaka zerekeye ibikorwa by'akanama k'ubujurire kigenga;</p> <p>(i) kugira abagize akanama k'ubujurire kigenga inama za tekini ku masoko ya leta n'iz'amategeko;</p> <p>(j) Gutangaza ibyemezo na raporo by'akanama k'ubujurire kigenga hifashishijwe ikoranabuhanga.</p>	<p>state organ in charge of Public Procurement for further investigations;</p> <p>(g) to safely keep documents related to the activities of the Independent Review Panel;</p> <p>(h) to produce quarterly and annual reports on the independent review panel activities;</p> <p>(i) to provide technical and legal advice to the members of the Independent Review Panel;</p> <p>(j) to publish decisions and reports of the Independent Review Panel through electronic means.</p>	<p>communiquée à l'organe de l'Etat ayant les marchés publics dans ses attributions pour investigations.</p> <p>(g) garder minutieusement des documents relatifs aux activités du comité indépendant de recours.</p> <p>(h) produire des rapports trimestriels et annuels relatifs aux activités du comité indépendant de recours ;</p> <p>(i) donner des conseils techniques et juridiques aux membres du comité indépendant de recours ;</p> <p>(j) publier électroniquement les décisions et les rapports du comité indépendant de recours.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 27</u> : Raporo z'akanama k'ubujurire kigenga</b></p> <p>Akanama k'ubujurire kigenga gaha Minisitiri, raporo ya buri gihembwe na buri mwaka, kakagera kopi urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano.</p>	<p><b><u>Article 27: Reports of the independent review panel</u></b></p> <p>The independent review panel submits quarterly and annual reports to the Minister with a copy to the state organ in charge of public procurement.</p>	<p><b><u>Article 27</u> : Rapports du comité indépendant de recours</b></p> <p>Le comité indépendant de recours transmet son rapport trimestriel et annuel d'activités au Ministre, avec copie à l'organe de l'Etat ayant les marchés publics dans ses attributions.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 28</u> : Igenzurwa ry’akanama k’ubujurire kigenga</b></p> <p>Akanama k’ubujurire kigenga kagenzurwa igihe cyose bibaye ngombwa n’itsinda rishyirwaho na Minisitiri ufite amasoko ya Leta mu nshingano.</p> <p><b>UMUTWE WA IV : INZIRA ZIKURIKIZWA MU GUTANGA AMASOKO YA LETA</b></p> <p><b><u>Icyiciro cya mbere</u> : Igenamigambi ry’amasoko ya Leta</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 29</u> : Itegurwa n’iyemezwa ry’umushinga w’igenamigambi ry’itangwa ry’amasoko ya Leta</b></p> <p>(1) Urwego rutanga isoko rutegura igenamigambi ry’itangwa ry’amasoko ya Leta ry’umwaka rukoresheje ikoranabuhanga mu masoko ya Leta.</p> <p>(2) Buri soko riri mu igenamigambi ry’amasoko ya Leta ateganyijwe gutangwa rigomba kuba rihura n’ingingo y’imari yaryo.</p> <p>(3) Umushinga w’igenamigambi ry’itangwa ry’amasoko ya Leta ritegurwa n’Umukozi ushinzwe</p>	<p><b><u>Article 28</u>: Inspection of the independent review panel</b></p> <p>The independent review panel is inspected whenever necessary by a team set by the Minister in charge of public procurement.</p> <p><b>CHAPTER IV: TENDER AWARD PROCESS</b></p> <p><b><u>Section one</u>: Procurement plan</b></p> <p><b><u>Article 29</u>: Preparation and consideration of a draft public procurement plan</b></p> <p>(1) A procuring entity prepares an annual procurement plan using e-procurement system.</p> <p>(2) Each tender in the procurement plan must be aligned with its corresponding budget line.</p> <p>(3) The draft procurement plan is prepared by the procurement officer of each procuring entity.</p>	<p><b><u>Article 28</u> : Inspection du comité indépendant de recours</b></p> <p>Le comité indépendant de recours est inspecté chaque fois que de besoin par un comité établi par le Ministre ayant les marchés publics dans ses attributions.</p> <p><b>CHAPITRE IV : PROCÉDURES D’ATTRIBUTION DE MARCHÉS PUBLICS</b></p> <p><b><u>Section première</u> : Plan de passation de marchés publics</b></p> <p><b><u>Article 29</u> : Préparation et considération d’un plan de passation de marchés publics</b></p> <p>(1) L’entité de passation de marchés doit préparer un plan annuel de passation de marchés publics en utilisant le système électronique de passation de marchés publics.</p> <p>(2) Chaque marché figurant sur un plan de passation de marchés publics doit correspondre à sa ligne budgétaire.</p> <p>(3) Le projet de plan de passation des marchés est préparé par l’agent chargé des marchés publics de chaque entité</p>
--	--	--

<p>amasoko ya Leta wa buri rwego.</p> <p>(4) Umushinga w'igenamigambi ry'amasoko ya Leta wemezwa n'Umuyobozi mukuru w'ingengo y'imari n'umutungo mbere yo kuwushyikiriza urwego rubifitiye ububasha kugira ngo ruwemeze burundu.</p> <p><b><u>Ingingo ya 30: Ibigaragazwa mu igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta</u></b></p> <p>Igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta rigaragaza –</p> <p>(a) ubwoko bw'amasoko agomba gutangwa, mu rwego rw'ibigemurwa, urw'imirimu n'urwa serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke;</p> <p>(b) inyito y'isoko ;</p> <p>(c) ikigereranyo cy'agaciro k'isoko;</p> <p>(d) aho amafaranga azava ;</p> <p>(e) uburyo bwo gutanga isoko buteganyijwe;</p> <p>(f) itariki y'agateganyo yo gutegura</p>	<p>(4) The procurement plan proposal is approved by the Chief Budget Manager before its submission to the competent organ for final approval.</p> <p><b><u>Article 30: Content of a public procurement plan</u></b></p> <p>The procurement plan indicates –</p> <p>(a) the type of tenders to be awarded, in the category of goods, works, consultancy and non- consultancy services;</p> <p>(b) the title of the tender;</p> <p>(c) an estimated cost of the tender;</p> <p>(d) a source of funds;</p> <p>(e) a planned tendering method;</p> <p>(f) a planned tender document</p>	<p>de passation de marchés.</p> <p>(4) Le projet du plan annuel de passation de marchés publics est approuvé par le Gestionnaire Principal du Budget avant sa transmission à l'organe compétente pour approbation définitive.</p> <p><b><u>Article 30 : Contenu du plan de passation de marchés publics</u></b></p> <p>Le plan de passation de marchés publics indique -</p> <p>(a) le type des marchés à attribuer, dans la catégorie des biens, des travaux, des services de consultance et de non-consultance ;</p> <p>(b) l'intitulé du marché ;</p> <p>(c) le budget estimatif du marché ;</p> <p>(d) la source de financement ;</p> <p>(e) la méthode prévue pour l'attribution du marché ;</p> <p>(f) la date prévue pour la préparation</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa;</p> <p>(g) itariki iteganyijwe yo gutangaza isoko;</p> <p>(h) itariki iteganyijwe yo gufungura inyandiko z'ipiganwa;</p> <p>(i) itariki iteganyijwe yo gusesengura inyandiko z'ipiganwa;</p> <p>(j) itariki iteganyijwe y'imenyekanisha ry'agateganyo;</p> <p>(k) itariki iteganyijwe yo gusinya amasezerano;</p> <p>(l) gushyiraho isosiyete ishinzwe ubugenzuzi, niba ikenewe;</p> <p>(m) itariki iteganyijwe yo gutangira imicungire y'amasezerano;</p> <p>(n) itariki iteganyijwe yo kurangiza amasezerano y'isoko;</p> <p>(o) gukoresha amasezerano asasiye y'urwego rutanga isoko cyangwa urwego rwa Leta rwemerewe gukorera izindi nzego amasezerano;</p>	<p>preparation date;</p> <p>(g) a planned publication date of a tender;</p> <p>(h) a planned bids' opening date;</p> <p>(i) a planned date for bids evaluation;</p> <p>(j) a planned provisional notification date;</p> <p>(k) a planned contract signing date;</p> <p>(l) a recruitment of the supervising firm, if required;</p> <p>(m) a planned contract management start date;</p> <p>(n) a planned procurement contract closure date;</p> <p>(o) a new or ongoing individual or centralized framework contract;</p>	<p>du dossier d'appel d'offres ;</p> <p>(g) la date prévue pour la publication du marché ;</p> <p>(h) la date prévue pour l'ouverture des offres ;</p> <p>(i) la date prévue pour l'évaluation des offres ;</p> <p>(j) la date prévue pour la notification provisoire ;</p> <p>(k) la date prévue pour la signature du contrat ;</p> <p>(l) le recrutement de la société de supervision, si nécessaire ;</p> <p>(m) la date prévue pour le commencement de la gestion du contrat ;</p> <p>(n) la date prévue pour terminer le contact de marché ;</p> <p>(o) utilisation d'un contrat-cadre individuel ou centralisé existant ;</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(p) niba isoko rizatangirwa mu rubuga rw'ikoranabuhanga ry'amasoko ya Leta cyangwa hanze yarwo;</p> <p>(q) amakuru yerekeye gutanga amahirwe yihariye cyangwa amahirwe yisumbuye ku bikorerwa mu Rwanda cyangwa ba rwiyemezamirimo bo mu Rwanda;</p> <p>(r) kugaragaza niba isoko rizatangwa mbere y'uko ingengo y'imari yemezwa burundu</p> <p>(s) andi makuru yose akenewe nko:</p> <p>(i) kubanza gukora inyigo;</p> <p>(ii) impuguke yo gutegura imiterere y'isoko cyangwa gucunga amasezerano;</p> <p>(iii) ijonjora;</p> <p>(iv) gusaba uburenganzira urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano;</p>	<p>(p) whether the procurement will be conducted through the e-procurement system or offline;</p> <p>(q) Information on the application of exclusive or local preference for local products and bidders;</p> <p>(r) whether the procurement will be conducted before final approval of the budget;</p> <p>(s) any other needed information like:</p> <p>(i) a prior study;</p> <p>(ii) a specialist for technical specifications or terms of references or contract management;</p> <p>(iii) a prequalification;</p> <p>(iv) seeking for no objection from the state organ in charge of public procurement;</p>	<p>(p) si la passation des marchés sera effectuée par le biais du système électronique de passation des marchés public ou en dehors du système électronique ;</p> <p>(q) l'information sur l'application de la préférence exclusive ou locale aux produits et soumissionnaires locaux ;</p> <p>(r) indiquer si le marché sera passé avant l'approbation définitive du budget ;</p> <p>(s) toute autre information nécessaire comme:</p> <p>(i) une étude préalable ;</p> <p>(ii) un spécialiste pour la préparation des spécifications techniques ou des termes de références ou pour la gestion des contrats ;</p> <p>(iii) une pré-qualification ;</p> <p>(iv) demande de non objection à l'organe de l'Etat ayant les marchés publics dans ses</p>
---	---	---

<p>(t) gusaba uburenganzira umuterankunga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 31:</u> Itangazwa ry'igenamigambi ry'amasoko ya Leta</b></p> <p>(1) Bitarenze itariki ya 31 Nyakanga ya buri mwaka, buri rwego rutanga isoko rutangaza igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta ryemejwe rigaragaza amasoko yose azatangwa. icyakora amakuru yerekeranye n'ibivugwa ngingo ya 30(c) y'iri teka ntatangazwa.</p> <p>(2) Igenamigambi ritangazwa, riba rigaragaza amasoko yose akubiyemo azatangwa hifashishijwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta n'azatangwa hadakoreshejwe iri koranabuhanga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 32:</u> Ubundi buryo bwo gutangaza igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta</b></p> <p>Urwego rutanga isoko rushobora kandi gutangaza igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta ku rubuga rwarwo rwa murandasi. Mu gihe habayeho kudahuza</p>	<p>(t) seeking for no objection from funding institution.</p> <p><b><u>Article 31:</u> Publication of the public procurement plan</b></p> <p>(1) Not later than 31<sup>st</sup> July of every year, each procuring entity must publish an approved annual procurement plan. However, information related to what is provided in Article 30(c) of this Order is not published.</p> <p>(2) The annual procurement plan includes all tenders to be conducted through electronic and non-electronic procedures.</p> <p><b><u>Article 32:</u> Other means of publication of a public procurement plan</b></p> <p>A procuring entity may also publish its annual public procurement plan on its official website. When there is a conflict between the content of the procurement plan published on</p>	<p>attributions ;</p> <p>(t) demande de non-objection au bailleur de fonds.</p> <p><b><u>Article 31 :</u> Publication du plan de passation de marchés publics</b></p> <p>(1) Au plus tard le 31 juillet de chaque année, chaque entité de passation de marchés doit publier, un plan annuel de passation de marchés publics approuvé. Toutefois, une information relative au contenu de l'article 30(c) du présent arrêté n'est pas publiée.</p> <p>(2) Le plan annuel de passation de marchés publics comprend tous les marchés qui seront passés par voies électroniques et non-électroniques.</p> <p><b><u>Article 32 :</u> Autres voies de publication d'un plan de passation de marchés publics</b></p> <p>Une entité de passation de marchés peut publier le plan annuel de passation de marchés publics sur son site web officiel. Lorsqu'il y a une contradiction entre le</p>
---	---	--



Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>kw'ibiri mu igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta ryatangajwe ku rubuga rw'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta n'urubuga rwa murandasi rw'urwego rutanga isoko, ibiri ku rubuga rw'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta ni byo bihabwa agaciro.</p> <p><b><u>Ingingo ya 33:</u> Isubirwamo ry'igenamigambi ry'amasoko ya Leta</b></p> <p>(1) Igenamigambi ry'umwaka ry'itangwa ry'amasoko ya Leta rishobora gusubirwamo inshuro zitarenze ebyiri mu mwaka w'ingengo y'imari, inshuro imwe mu gihembwe cya kabiri n'inshuro imwe mu gihembwe cya gatatu.</p> <p>(2) icyakora, mu gihe habayeho kwimura ingengo y'imari cyangwa habonetse amafaranga y'inyongera yo gukora igikorwa cyihariye cyangwa mu gihe bibaye ngombwa bitangiye uburenganzira n'umuyobozi ukuriye Umuyobozi Mukuru ushinze gucunga imari n'umutungo bya Leta muri urwo rwego, urwego rutanga isoko rushobora kuvugurura igenamigambi ry'amasoko ya Leta inshuro zirenze</p>	<p>e-procurement portal and that of the procurement plan published on an official website of a procuring entity, the content of the procurement plan on e-procurement portal prevails.</p> <p><b><u>Article 33:</u> Review of the annual public procurement plan</b></p> <p>(1) The annual public procurement plan can be reviewed only twice during the same financial year, once in the second quarter and once in the third quarter.</p> <p>(2) However, in case of budget re-allocation or availability of additional funds to execute a particular activity or when necessary, upon authorisation from the supervisor of the Chief Budget Manager, the procuring entity can review its procurement plan more than twice.</p>	<p>contenu du plan de passation de marchés publics publié sur le site du système électronique de passation de marchés publics et celui du plan de passation de marchés publics publié sur le site web officiel de l'entité de passation de marchés, le contenu du plan publié sur le site du système de passation des marchés électronique prévaut.</p> <p><b><u>Article 33 :</u> Révision du plan annuel de passation de marchés publics</b></p> <p>(1) Le plan annuel de passation de marchés publics ne peut être révisé que deux fois pendant une même année budgétaire, une fois dans le deuxième trimestre et une fois dans le troisième trimestre.</p> <p>(2) Toutefois, en cas de réaffectation budgétaire ou de disponibilité de fonds supplémentaires pour exécuter une activité particulière sur approbation du superviseur du Gestionnaire principal du budget l'entité de passation de marchés peut revoir son plan de passation de marchés plus de deux fois.</p>
---	---	---

<p>ebyiri.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 2:</u> Gutegura igitabo y'ipiganwa, kugitangaza no gupiganira isoko</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 34:</u> Gukoresha ibitabo ngenderwaho by'ipiganwa</b></p> <p>(1) Ibigo byose bya Leta bikoresha, mu masoko bitanga, ibitabo by'icyitegererezo by'ipiganwa bishyirwaho na Ministiri.</p> <p>(2) Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, ibigo bya Leta byemerewe gukoresha ibindi bitabo by'icyitegererezo bikwiye mu gihe bibiherewe uburenganzira n'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano.</p> <p>(3) Ibitabo by'icyitegererezo by'ipiganwa bigaragaraza nibura ibi bikurikira:</p> <p>(a) amabwiriza rusange agenga abapiganwa ashobora kongerwaho Amabwiriza yihariye agenga isoko;</p> <p>(b) ibishingirwaho mu gukora</p>	<p><b><u>Section 2:</u> Preparation of a tender document, its publication and bidding process</b></p> <p><b><u>Article 34:</u> Use of standard tender documents</b></p> <p>(1) Procuring entities use the standard tender documents established by an order of the minister in their tenders.</p> <p>(2) Without prejudice to provisions of Paragraph (1) of this Article, public institutions may use other appropriate tender documents upon authorization of the state organ in charge of public procurement.</p> <p>(3) The standard tender documents include but not limited to the following information:</p> <p>(a) instructions to bidders which may be supplemented by Bid data sheet;</p> <p>(b) evaluation criteria;</p>	<p><b><u>Section 2 :</u> Préparation du dossier d'appel d'offres, sa publication et procédure de soumission</b></p> <p><b><u>Article 34 :</u> Utilisation des dossiers types d'appels d'offres</b></p> <p>(1) Toutes les entités de passation des marchés doivent utiliser dans leurs marchés les dossiers types d'appels d'offres établis par le Ministre.</p> <p>(2) Sans préjudice des dispositions du paragraphe (1) du présent article, les établissements publics sont autorisés de recourir aux autres dossiers types d'appels d'offres appropriés sur autorisation de l'Organe d'Etat ayant les marchés publics dans ses attributions.</p> <p>(3) Le dossier type d'appel d'offres comprend, sans s'y limiter, les informations suivantes :</p> <p>(a) les instructions aux soumissionnaires qui peuvent être complétées par les Données particulières de l'appel d'offres ;</p> <p>(b) les critères d'évaluation ;</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>isesengura;</p> <p>(c) inyandiko ngenderwaho;</p> <p>(d) ibiranga ibikenewe n’urwego rutanga isoko;</p> <p>(e) icyiciro cy’isoko aho biri ngombwa;</p> <p>(f) amasezerano y’icyitegererezo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 35 : Ikoreshwa ry’imbonerahamwe koranabuhanga y’ibigurwa</u></b></p> <p>(1) Inzego za Leta zitanga amasoko ya Leta zikoresha imbonerahamwe koranabuhanga y’ibigurwa mu bikorwa byose byo gutanga amasoko ya Leta aho imiterere y’ibikoresho na serivisi iba ikeneye kugaragazwa.</p> <p>(2) Iyo isoko rya Leta ry’igikoresho cyangwa irya serivisi bitari mu mbonerahamwe koranabuhanga y’ibigurwa, urwego rutanga isoko rubanza gusaba urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano kwandika icyo gikoresho cyangwa serivisi.</p>	<p>(c) standard forms;</p> <p>(d) tender requirements or specifications;</p> <p>(e) category of the tender, where applicable;</p> <p>(f) model contract.</p> <p><b><u>Article 35: Use of e-catalogue</u></b></p> <p>(1) Procuring entities use e-catalogue in any procurement process where the description of products and services is needed.</p> <p>(2) When procuring a product or service not registered in the e-catalogue, the procuring entity requires a prior request for registration of product or service from the state organ in charge of public Procurement.</p>	<p>(c) les formulaires types ;</p> <p>(d) les exigences ou spécifications des besoins ;</p> <p>(e) catégorie de marché le cas échéant ;</p> <p>(f) contrat type.</p> <p><b><u>Article 35: Utilisation du catalogue électronique</u></b></p> <p>(1) Les entités de passation des marchés utilisent le catalogue électronique dans tout le processus de passation de marchés publics nécessitant la description des produits ou des services.</p> <p>(2) En cas de la passation de marché public d’un produit ou d’un service non enregistré dans le catalogue électronique, l’entité de passation de marchés doit au préalable demander auprès de l’organe de l’Etat ayant les marchés publics dans ses attributions.</p>
--	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 36: Ibikubiye mu itangazo rihamagarira ipiganwa</u></b></p> <p>Iyo ari isoko ritangwa binyuze mu ipiganwa, urwego rutanga isoko rutegura itangazo rihamagarira ipiganwa rigaragaza nibura ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) izina n’umwirondoro by’urwego rutanga isoko;</li> <li>(b) inyito y’isoko na numero y’isoko izakoreshwa mu itangwa ryaryo;</li> <li>(c) gusobanura muri make ingano y’ibikenewe n’igihe bikenerewe;</li> <li>(d) uko igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kiboneka n’ikiguzi cyacyo;</li> </ul>	<p><b><u>Article 36: Content of the tender notice</u></b></p> <p>When a tender is to be awarded through competitive bidding, a procuring entity prepares a tender notice that sets out at least the following elements:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) the name and address of the procuring entity;</li> <li>(b) the title and the reference number of the tender to be used in the tender award process;</li> <li>(c) brief description of the quantity, size of goods, works and services needed, including the expected time for delivery;</li> <li>(d) an explanation on how to obtain the tender document and its cost.</li> </ul>	<p><b><u>Article 36 : Contenu d’un avis d’appel d’offres</u></b></p> <p>Lorsqu’un marché est à attribuer par voie de méthode compétitive, l’entité de passation de marchés prépare un avis d’appel d’offres qui présente au moins les éléments suivants :</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>(a) le nom et l’adresse de l’entité de passation de marchés ;</li> <li>(b) le titre et le numéro de référence du marché qui sera utilisé dans le processus de passation de marchés ;</li> <li>(c) brève description de la quantité et le volume des biens, des travaux et services à acquérir, y compris le temps souhaité pour l’exécution</li> <li>(d) la manière d’obtenir le dossier d’appel d’offres et son coût ;</li> </ul>
<p><b><u>Ingingo ya 37: Kunyuranya kw’amakuru yerekeye isoko</u></b></p> <p>Iyo hari ukuvuguruzanya hagati y’ibiri ku rubuga rw’ikoranabuhanga mu masoko ya Leta n’ibiri mu gitabo cy’ipiganwa, ibiri ku rubuga rw’ikoranabuhanga mu masoko ya Leta ni byo bihabwa agaciro.</p>	<p><b><u>Article 37: Discrepancy of information</u></b></p> <p>Where there is a discrepancy between information on the e-procurement portal and the content of tender document, the information on the e-procurement portal prevails.</p>	<p><b><u>Article 37 : Discordance d’information</u></b></p> <p>En cas de discordance entre les informations du système électronique de passation de marchés publics et le contenu du dossier d’appel d’offres, les informations du système électronique de</p>

<p><b><u>Ingingo ya 38: Gusobanura ibikenewe ku byerekeye amasezerano asasiye</u></b></p> <p>(1) Mu gihe cyo gutegura igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa rijyanye n'amasezerano asasiye, urwego rutanga isoko rugaragaza urutonde n'ingano ya buri kintu kigize isoko kizakenerwa mu mwaka w'ingengo y'imari isoko rizashyirirwa mu bikorwa.</p> <p>(2) Ingano yatanzwe kuri buri kintu ni yo yifashishwa mu gihe cy'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa n'igereranya ry'ibiciro byatanzwe aho ba rwiyemezamirimo bose batanga ibiciro bashingiye ku ngano izwi ya buri kintu gikenewe. icyakora, iyo ngano yatanzwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa, si ngombwa ngo ibe ari yo ikurikizwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano.</p> <p>(3) Inyandiko isaba kugemura itangwa n'urwego rutanga isoko ishingira ku giciro cya buri kintu.</p>	<p><b><u>Article 38: Specifications of needs for a framework agreement</u></b></p> <p>(1) When preparing the tender document for a framework agreement, a procuring entity indicates a list of items and estimated annual quantity of each item that it will need during the concerned fiscal year.</p> <p>(2) Quantity provided for each item serves as basis during the evaluation of bids and comparison of prices offered where bidders offered the price basing on known quantity of each unit. However, it is not mandatory to apply the quantity provided for in the tender document when executing a contract.</p> <p>(3) The purchase order issued by a procuring entity is based on the unit price of each item.</p>	<p>passation de marchés publics prévalent.</p> <p><b><u>Article 38 : Spécifications des besoins pour un accord-cadre</u></b></p> <p>(1) Pendant la préparation du dossier d'appel d'offres pour des accords-cadres, l'entité de passation de marchés indique une liste des articles et la quantité estimée de chaque article dont elle aura besoin au cours de l'exercice concernée.</p> <p>(2) La quantité fournie pour chaque article sert de base lors de l'évaluation des offres et la comparaison des prix proposés, où les soumissionnaires ont proposé les prix en se basant sur une quantité connue de chaque unité. Toutefois, il n'est pas obligatoire d'appliquer la quantité fournie dans le dossier d'appel d'offres lors de l'exécution d'un contrat.</p> <p>(3) Le bon de commande émise par l'entité de passation de marchés demandant la livraison est basé sur le prix unitaire de chaque bien ou service.</p>
--	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 39:</u> Gutegura igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa mu rurimi rumwe</b></p> <p>Ku masoko agenewe gutangwa hakoreshwejwe uburyo bwo gukoresha abatwariye, amasoko ahabwa amakoperative yo mu gihugu cyangwa amasoko yerekeye ibiribwa mu bigo by'amashuri cyangwa irindi soko ryose ryemejwe n'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano, ibitabo by'ipiganwa bitegurwa mu Ikinyarwanda.</p>	<p><b><u>Article 39:</u> Preparation of the tender document in one language</b></p> <p>For public tenders to be awarded through community participation method, tenders to be awarded to local cooperatives or tenders related to school feeding or any type of tender determined by the state organ in charge of public procurement, the tender document is prepared in Ikinyarwanda</p>	<p><b><u>Article 39 :</u> Préparation du dossier d'appel d'offres en une seule langue</b></p> <p>Pour les marchés publics attribués en utilisant la méthode de participation communautaire, marchés attribués aux coopératives locales, les marchés relatifs à l'alimentation scolaire ou tout autre marché déterminé par l'organe de l'État ayant la passation des marchés publics dans ses attributions, le dossier d'appel d'offres est préparé en Ikinyarwanda.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 40:</u> Uburyo bwo gutanga isoko mu bice bitandukanye</b></p> <p>(1) Mu kugena ibice bigize isoko, Urwego rutanga isoko rushingira ku mpamvu zinyuranye harimo nk'impamvu y'uko ibikenewe bifite imiterere ifitanye isano n'aho bizagemurwa.</p> <p>(2) Urwego rutanga isoko ntirwemerewe gucamo ibice isoko mu buryo bunyuranyije n'ibiteganywa n'iri teka.</p> <p>(3) Mu gihe amasoko agabanijwemo ibyiciro, inyandiko y'ipiganwa itanga ibisobanuro birambuye ku byerekeye imikoresheshe yabyo</p>	<p><b><u>Article 40:</u> Public tender allotment</b></p> <p>(1) The procuring entity arranges lots based on different factors including but not limited to items of similar nature and place of delivery.</p> <p>(2) Procuring entity is not allowed to divide tenders in a manner contrary to this Order.</p> <p>(3) In case of tender divided into lots, the tender document provides more details on their use and bidders should have the option to Bid for one</p>	<p><b><u>Article 40 :</u> Allotissements du marché</b></p> <p>(1) L'entité de passation de marché organise les lots sur la base de différents facteurs, y compris, mais sans s'y limiter, les articles de nature similaire et le lieu de livraison.</p> <p>(2) L'entité de passation de marché n'est pas autorisée à diviser les marchés d'une manière contraire à cet arrêté.</p> <p>(3) En cas du marché divisé en lots, le dossier d'appel d'offres fournit plus de détails sur leur utilisation et les soumissionnaires doivent avoir la</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>kandi abapiganwa bagomba kugira amahirwe yo gupiganira amasoko kuri kimwe cyangwa byinshi mu byiciro kandi inyandiko y'ipiganwa ishobora gusobanura umubare ntarengwa w'ibyiciro upiganwa ashobora guhabwa.</p> <p>(4) Inyandiko z'ipiganwa zisuzumwa kuri buri cyiciro, hitawe ku kugabanirizwa ibiciro gutangwa, niba byakozwe, nyuma yo gusuzuma ibishoboka mu gukomatanyiriza hamwe ibyiciro byose. Amasezerano ahabwa upiganwa cyangwa abapiganwa batanga igiciro gito cyasuzumwe n'urwego rutanga isoko mu gihe abapiganwa batoranijwe bujuje ibyangombwa bisabwa ku cyiciro cyangwa ibyiciro bikomatanyirijwe hamwe.</p> <p><b><u>Ingingo 41: Ukwishyira hamwe kw'amasosite mu gupiganira amasoko ya Leta</u></b></p> <p>(1) Isosiyete imwe ntishobora kwemererwa kwishyira hamwe n'izindi inshuro ebyiri mu isoko rimwe.</p>	<p>or more lots and the tender document may define the maximum number of lots the bidder may be awarded.</p> <p>(4) The Bids are evaluated lot-wise, taking into account discounts offered, if any, after considering all possible combination of lots. The contract(s) will be awarded to the Bidder(s) offering the lowest evaluated cost to the Procuring entity for combined lots, subject to the selected Bidder(s) substantially meeting the required qualification criteria for lot or combination of lots as the case may be</p> <p><b><u>Article 41: Modalities for the joint venture</u></b></p> <p>(1) One company shall not be allowed to participate in two different joint ventures in the same tender.</p>	<p>possibilité de soumissionner pour un ou plusieurs lots et le dossier d'appel d'offres peut définir le nombre maximum de lots que le soumissionnaire peut se voir attribuer.</p> <p>(4) Les offres sont évaluées par lot, en tenant compte des rabais offerts, le cas échéant, après avoir considéré toutes les combinaisons possibles de lots. Le(s) contrat(s) sera(ont) attribué(s) au(x) soumissionnaire(s) offrant le coût évalué le plus bas pour l'entité de passation de marché pour les lots combinés (contrats), sous réserve que le(s) soumissionnaire(s) sélectionné(s) satisfasse(nt) substantiellement aux critères de qualification requis pour le lot ou la combinaison de lots selon le cas.</p> <p><b><u>Article 41 : Modalités pour le groupement d'entreprises pour la soumission aux marchés publics</u></b></p> <p>(1) Une entreprise n'est pas autorisée à participer à deux groupements d'entreprises différents pour un même marché public.</p>
---	---	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(2) Amasezerano ahuriweho agomba kuba kimwe mu bikubiye mu nyandiko zatanzwe mu gupigana kw'abashyize hamwe.</p>	<p>(2) The joint venture agreement must be part of the documents submitted in the bid of the joint venture.</p>	<p>(2) L'accord du groupement d'entreprises doit faire partie des documents soumis dans l'offre du groupement.</p>
<p>(3) Iyo inyandiko y'ipiganwa yemerera abishyize hamwe gupinanira isoko, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa cyerekana ibisabwa n'uburyo bikurikizwa kugira ngo hasuzumwe inyandiko y'ipiganwa y'abishyize hamwe.</p>	<p>(3) Where a tender document allows a bidder to submit a bid as part of a joint venture, such a tender document discloses the requirements and procedures to be applied for evaluation of a joint venture bid.</p>	<p>(3) Lorsque le dossier d'appel d'offres permet le soumissionnaire de présenter une offre dans le cadre d'un groupement d'entreprises, ce dossier d'appel d'offres indique les exigences et les procédures à appliquer pour l'évaluation de l'offre du groupement.</p>
<p>(4) Abapiganwa mu cyiciro cya mbere bujuje ibyangombwa cyangwa batoranijwe bishyize hamwe, ntibemerewe gupiganira isoko ku giti cyabo mu cyiciro cy'ipiganwa gikurikira cyangwa gusimbuza umwe mu bishyize hamwe.</p>	<p>(4) Bidders pre-qualified or shortlisted as joint venture shall not be allowed to compete individually in the next bidding stage or to replace one of the Joint venture members.</p>	<p>(4) Les soumissionnaires préqualifiés ou présélectionnés en tant que groupement d'entreprises ne sont pas autorisés à soumissionner individuellement lors de la phase suivante de l'offre ou à remplacer un de ses membres.</p>
<p>(5) Buri sosiyete mu zishyize hamwe igomba kuba yemerewe gupiganira amasoko ya Leta kandi mu gihe imwe muri zo itabyemerewe, abishyize hamwe bose ntibemerewe gupiganira iryo soko rya Leta.</p>	<p>(5) A member of the joint venture is eligible to participate in public procurement and where one party is ineligible, the whole joint venture shall be declared ineligible.</p>	<p>(5) Tout membre d'un groupement d'entreprises doit être éligible pour participer à la passation de marché et si l'une des parties est inéligible, le groupement d'entreprises sera déclaré inéligible.</p>
<p>(6) Haseguriwe ibiteganwa n'ingingo ya 6 y'iri teka, isosiyete ishobora gupiganira isoko riri mu byiciro bibiri byo muni y'icyo irimo igihe yifataniye na sosiyete iri muri ibyo byiciro ariko akaba ari yo</p>	<p>(6) Subject to the provisions of Article 6 of this Order, a company is allowed to bid for a tender in the next two categories below its category when it forms a joint venture with a company belonging to</p>	<p>(6) Sous réserve des dispositions de l'article 6 du présent arrêté, une société est admise à soumissionner à un appel d'offres dans les deux catégories inférieures à sa catégorie au cas où il</p>



Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>iyobora iryo shyirahamwe.</p> <p>(7) Haseguriwe ibiteganwa n'ingingo ya 6 y'iri teka, iyo hakoreshejywe uburyo bw'ipiganwa ribanjirijwe n'ijonjora cyangwa kugaragaraza ubushake, igitabo cyerekana uko ipiganwa rikorwa gishobora guteganya ko isosiyete yashyizwe ku rutonde rw'abapiganwa yakwemererwa kwishyira hamwe n'izindi sosiyete mu gihe cyo gutanga inyandiko y'ipiganwa.</p> <p>(8) Mu gihe habaye kwishyira hamwe kw'abapiganwa, abishyize hamwe bagirana amasezerano yanditse nkuko biteganwa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta, yerekana byibuze –</p> <p>(a) isosiyete iyoboye ihagarariye andi masosiyete mu gihe cyose cy'isoko;</p> <p>(b) aderesi yuzuye ya buri sosiyete mu zishyize hamwe;</p> <p>(c) ijanisha ry'ibizashorwa na buri wese ku rwego rwa tekhnike n'urw'imari;</p>	<p>these lower categories but it must be a lead partner of that joint venture.</p> <p>(7) Subject to the provisions of Article 6 of this Order, when the bidding process is preceded by a pre-qualification or expression of interest, the tender document may stipulate that shortlisted companies are allowed to form a joint venture with other companies at the time of submission of their bids.</p> <p>(8) In case of joint venture, companies participating in the joint venture enter into a written agreement in accordance with law governing public procurement, indicating at least –</p> <p>(a) the leading company that represents other companies throughout the procurement process;</p> <p>(b) complete address of each member of the joint venture;</p> <p>(c) the percentage of each company's technical and financial input;</p>	<p>participe au groupement avec une société de ces catégories à condition qu'elle représente ce groupement.</p> <p>(7) Sous réserve des dispositions de l'article 6 du présent arrêté, si la méthode de passation de marchés publics consiste en la pré-sélection ou la manifestation d'intérêts, le dossier d'appels d'offres peut prévoir que le soumissionnaire éligible peut participer au groupement d'entreprises lors de la soumission de l'offre.</p> <p>(8) En cas de groupement d'entreprises, les entreprises participant au groupement concluent un accord écrit conformément à la loi régissant les marchés publics, indiquant au moins –</p> <p>(a) l'entreprise principale qui représente les autres entreprises tout au long du processus de passation de marché ;</p> <p>(b) l'adresse complète de chaque entreprise du groupement ;</p> <p>(c) le pourcentage d'apport technique et d'apport financier de chaque membre du groupement ;</p>
---	--	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(d) igice cy'amasezerano ateganijwe gukorwa na buri sosiyete;</p> <p>(e) ingingo igaragaraza ko inshingano za buri sosiyete zidashobora guhinduka itabanje kubihirwa uruhushya rwanditse n'urwego rutanga isoko.</p>	<p>(d) the part of proposed contract to be performed by each joint venture member;</p> <p>(e) a clause indicating that the responsibilities of each party shall not be substantially altered without prior written approval of the procuring entity.</p>	<p>(d) la partie du contrat proposé à exécuter par chaque membre du groupement d'entreprises ;</p> <p>(e) la clause stipulant que les responsabilités de chaque membre du groupement ne doivent pas être modifiées de manière substantielle sans approbation écrite préalable de l'entité de passation de marché.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 42: Igiciro cy'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa</u></b></p> <p>(1) Urwego rutanga isoko rusaba upiganwa kwishyura amafaranga y'ikiguzi cy' igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa rubicishije mu itangazo rihamagarira gupiganira isoko.</p> <p>(2) Ikoranabuhanga mu masoko ya Leta ryemerera upiganwa kubona igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kugira ngo ategure inyandiko ye y'ipiganwa ariko ntiyemerewe gutanga inyandiko ye y'ipiganwa igihe cyose atarishyura amafaranga asabwa.</p> <p>(3) Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa cyishyurwa FRW 10.000 yishyurwa kuri konti Urwego rwa</p>	<p><b><u>Article 42: Cost of the tender document</u></b></p> <p>(1) A procuring entity requires a bidder to pay a fee for the tender document through a tender notice.</p> <p>(2) The e-procurement system allows a bidder to download a tender document for the purpose of bid preparation but is not allowed to submit the bid until the required fee is paid.</p> <p>(3) The tendering fee is fixed at FRW 10,000 per each tender deposited on the accounts of the state organ in</p>	<p><b><u>Article 42 : Coût du dossier d'appel d'offres</u></b></p> <p>(1) Une entité de passation de marchés exige au soumissionnaire l'achat du dossier d'appel d'offres dans un avis d'appel d'offres.</p> <p>(2) Le système électronique de passation de marchés publics permet le soumissionnaire d'accéder au dossier d'appel d'offres pour la préparation de l'offres mais il n'est permis de soumettre son offre qu'après avoir payé les frais requis.</p> <p>(3) Les frais exigés pour le dossier d'appel d'offres sont fixés à 10.000 FRW déposés sur le compte de</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>Leta rufite Imisoro n'Amahoro mu nshingano.</p> <p>(4) ubwishyu buvugwa mu gika cya (3) cy'iyi ngingo bureba amasoko yose atangwa hakoreshejwe uburyo bw'ipiganwa risesuye n'ipiganwa rigenewe abapiganwa bacye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 43: Amasoko ya Leta atangwa hadasabwe ingwate y'ipiganwa</u></b></p> <p>Amasoko akurikira ntabwirwa ingwate y'ipiganwa:</p> <p>(a) isoko rya serivisi z'impuguke ku cyiti cyayo;</p> <p>(b) isoko ryatanzwe hakoreshejwe uburyo bw'ubwumvikane butaziguye, ubwa reji, ubwo gukoresha abaturatione, ubwo guhanga uburyo bwo gukora igikenewe n'urwego rutanga isoko;</p> <p>(c) irindi soko ryose rifite agaciro katarengeje FRW 20.000.000.</p>	<p>charge of tax and Revenue</p> <p>(4) The fee referred to under Paragraph (3) of this provision concerns tenders awarded through open competitive and restricted tendering method.</p> <p><b><u>Article 43: Tenders awarded without requiring the bid security</u></b></p> <p>The bid security is not required for the following tenders:</p> <p>(a) tender for individual consultancy;</p> <p>(b) tender awarded through single source method, force account, community participation and design contest;</p> <p>(c) any other tender whose value does not exceed FRW 20,000,000.</p>	<p>l'organe de l'État ayant des recettes dans ses attributions.</p> <p>(4) La redevance visée au paragraphe (3) de la présente disposition concerne des marchés attribués par la méthode de la concurrence ouverte et la méthode l'appel d'offres restreinte.</p> <p><b><u>Article 43 : Marchés publics passés sans exigence de garantie de soumission</u></b></p> <p>La passation de marchés publics suivants n'est pas conditionnée à la garantie de soumission :</p> <p>(a) le marché de services de consultants individuels ;</p> <p>(b) les marchés de gré à gré, régie, participation communautaire et concours de conception ;</p> <p>(c) tout autre marché public ne dépassant pas la valeur de 20.000.000 FRW.</p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 44:</u> Uburyo ingwate y'ipiganwa yakwa</b></p> <p>(1) Ku masoko adasabirwa ingwate y'ipiganwa, upiganwa akora inyandiko yo kwiyezeza gukurikiza ibisabwa mu ipiganwa akayisinya kandi akayitanga mu nyandiko y'ipiganwa, hakurikijwe inyandiko ngenderwaho iri mu gitabo cy'ipiganwa.</p> <p>(2) Bitabangamiye ibiteganwa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta, upiganwa wanze gusinya amasezerano y'isoko mu gihe inyandiko y'ipiganwa igifite agaciro ku mpamvu zimuturutseho aba atubahirije ibyo yatangaje mu nyandiko ivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ingingo. Ibi ni impamvu yo kuvanwa mu ipiganwa mu masoko yose azapiganirwa muri urwo rwego rutanga isoko mu gihe cy'imyaka itatu.</p>	<p><b><u>Article 44:</u> Modalities for requiring a bid security</b></p> <p>(1) For tenders which do not require a tender security, a bid securing declaration to abide by procurement proceedings is signed and submitted by the bidder in bid, following the standard form included in the tender document.</p> <p>(2) Without prejudice to the applicable provisions of law governing public procurement, if the successful bidder fails to sign a contract within the bid validity period on reasons emanating from him or her, he or she is in breach of the bid securing declaration referred to under Paragraph (2) of this Article. This is a ground of disqualification in all tenders of that procuring entity during three years.</p>	<p><b><u>Article 44 :</u> Procédure d'exigence de garantie de soumission</b></p> <p>(1) Pour les marchés qui n'exigent pas la garantie de soumission, une déclaration d'engagement de respecter les procédures de compétition, est signée et soumise par le soumissionnaire dans son offre selon le formulaire type inclus dans le dossier d'appel d'offres.</p> <p>(2) Sans préjudice des dispositions de la loi portant réglementation de marchés publics, le soumissionnaire qui ne parvient pas à signer un contrat dans la période de validité de l'offre pour des raisons émanant de lui, viole l'engagement visé au paragraphe (2) du présent article. Ceci constitue un motif de disqualification dans tous les marchés de cette entité de passation de marchés pendant trois ans.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 45:</u> Imiterere n'ingano y'ingwate y'ipiganwa</b></p> <p>(1) Ku masoko y'imirimo, ay'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, aya serivisi z'impuguke n'aya serivisi zitari iz'impuguke asabirwa ingwate y'ipiganwa, urwego rutanga isoko rugena imiterere n'ingano yayo.</p>	<p><b><u>Article 45:</u> Form and amount of bid security</b></p> <p>(1) For tenders of works, goods or supplies, consultancy services and non-consultancy services requiring a bid security, the procuring entity determines its form and amount. The amount of the bid security may be a percentage of the</p>	<p><b><u>Article 45 :</u> Forme et montant d'une garantie de soumission</b></p> <p>(1) Pour les marchés de travaux, de biens ou de fournitures, de services de consultance et de services de non-consultance exigeant une garantie de soumission, l'entité de passation de marchés détermine sa forme et son</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>Amafaraŋga y'ingwate y'ipiganwa ashobora kuba ijanisha ry'ingengo y'imari iteganyirijwe iryo soko mu buryo bukurikira:</p> <p>(a) 2% y'agaciro k'isoko rifite ingengo y'imari iri hasi FRW 100.000.000;</p> <p>(b) guhera kuri 1,5% kugeza kuri 2% y'agaciro k'isoko ku masoko afite ingengo y'imari yo kuva kuri FRW 100.000.000 kugeza kuri FRW 500.000.000;</p> <p>(c) guhera kuri 1% kugeza kuri 1,5% y'agaciro k'isoko ku masoko afite ingengo y'imari yo guhera ku FRW 500.000.000 kugeza kuri FRW 1.000.000.000;</p> <p>(d) guhera kuri 0.1% kuri 1% y'agaciro k'isoko ku masoko afite ingengo y'imari iri hejuru ya FRW 1.000.000.000.</p> <p>(2) Ingwate y'ipiganwa itangwa mu buryo bw'ikorabuhanga hagati y'ikorabuhanga rikoresheya mu masoko ya Leta n'uburyo bw'ikorabuhanga ry'ikigo cyatanze iyo ngwate.</p>	<p>tender estimated budget as follows:</p> <p>(a) 2% of the value of the tender whose estimated budget is less than FRW 100,000,000;</p> <p>(b) from 1.5% to 2% of the value of the tender for tenders whose estimated budget is from FRW 100,000,000 to FRW 500,000, 000;</p> <p>(c) from 1% and 1.5 % of the value of the tender for tenders whose estimated budget is from FRW 500,000,000 to FRW 1,000,000,000;</p> <p>(d) from 0.1% to 1% of the value of the tender for tenders whose estimated budget is above to FRW 1,000,000,000.</p> <p>(2) Submission of the bid security is done electronically between the e-procurement system and the internal electronic system of the institution issuing the security.</p>	<p>montant. Le montant de la garantie de soumission peut correspondre à un pourcentage du budget estimatif du marché comme suit :</p> <p>(a) 2% de la valeur du marché dont le budget estimatif est inférieur à 100.000.000 FRW ;</p> <p>(b) 1,5% à 2% de la valeur du marché pour les marchés dont le budget estimatif est de 100.000.000 FRW à 500.000.000 FRW ;</p> <p>(c) A partir de 1% à 1,5% de la valeur du marché pour les marchés dont le budget estimatif est de 500.000.000 FRW à 1.000.000.000 FRW ;</p> <p>(d) A partir 0.1% à 1% de la valeur du marché pour les marchés dont le budget estimatif est supérieur à 1.000.000.000 FRW.</p> <p>(2) La transmission de la garantie de soumission se fait par le système électronique de passation de marchés publics et le système électronique interne de l'institution ayant donné la garantie.</p>
---	---	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(3) Ingwate y'abapiganwa bishyize hamwe itangwa mu izina ry'iryo shyirahamwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 46: Uburambe bw'abapiganwa</u></b></p> <p>(1) Usibye kuba yasabwa abakozi bafite uburambe, amasosiyete mato akivuka, n'aciriritse ataragira uburambe, asonerwa uburambe ku masoko akurikira:</p> <p>(a) amasoko y'imirimo atarengeje FRW 200.000.000;</p> <p>(b) amasoko ya serivisi z'impuguke atarengeje FRW 50.000.000;</p> <p>(c) amasoko y'ibigemurwa atarengeje FRW 100.000.000;</p> <p>(d) amasoko ya serivisi zitari iz'impuguke atarengeje FRW 100.000.000.</p> <p>(2) Ibyemezo bya tekini byatanzwe</p>	<p>(3) The security for a bid of a joint venture is submitted in the name of that joint venture.</p> <p><b><u>Article 46: Technical experience of bidders</u></b></p> <p>(1) New, small and middle companies that do not have experience, except the experience required for their staff, are exempted from technical experience requirements for the following tenders:</p> <p>(a) tenders for works not exceeding FRW 200,000,000;</p> <p>(b) tenders for consultancy services not exceeding FRW 50,000,000;</p> <p>(c) tenders for supply of goods not exceeding FRW 100,000,000;</p> <p>(d) tenders for non-consultancy services not exceeding FRW 100,000,000.</p> <p>(2) Technical references issued by private</p>	<p>(3) La garantie de soumission offerte par un groupement d'entreprises est soumise au nom du groupement.</p> <p><b><u>Article 46 : Expérience technique des soumissionnaires</u></b></p> <p>(1) A l'exception de l'expérience requise pour leur personnel, les nouvelles, petites et moyennes sociétés qui n'ont pas d'expérience sont exonérées des exigences de l'expérience technique pour les marchés suivants :</p> <p>(a) les marchés des travaux ne dépassant pas 200.000.000 FRW ;</p> <p>(b) les marchés des services de consultance ne dépassant pas 50.000.000 FRW ;</p> <p>(c) les marchés de fourniture des biens ne dépassant pas 100.000.000 FRW ;</p> <p>(d) les marchés des services de non-consultance ne dépassant pas 100.000.000 FRW ;</p> <p>(2) Les références techniques émises</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>n'ibigo by'abikorera cyangwa abandi bantu, byemerwa gusa iyo biherekejwe n'amasezerano bishingiyeho.</p> <p>(3) Ku masoko y'imirimu, ibyemezo bya tekini byatanze n'ibigo by'abikorera cyangwa abandi bantu, byemerwa gusa iyo biherekejwe n'amasezerano yo gukora inyigo, ayo gukora imirimu n'ayo kuyiguzura.</p> <p>(4) Mu gihe cy'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa, ibyemezo bya tekini upiganwa yihaye nyuma y'imirimu yakoze, ibigemurwa cyangwa serivisi yatanze birebana n'imishinga ye bwite ntibyemerwa nk'icyemezo cy'uburambe.</p> <p>(5) Iyo Uburambe bw'abapiganwa busabwa, busuzumwa hakurikijwe urugero, imiterere n'agaciro k'isoko. Agaciro ka buri cyemezo cy'uburambe kagomba kuba byibuze 70% y'ingengo y'imari iteganiywe isoko.</p> <p>(6) Urwego rutanga isoko ntwemerewe gusaba ibyemezo by'uburambe birenze</p>	<p>institutions or other persons are accepted only if they are accompanied by respective contracts.</p> <p>(3) For tenders for works, technical references issued by private companies or other persons are accepted only when they are accompanied by contracts to conduct studies, contracts for execution of works and contracts for supervision of works.</p> <p>(4) During evaluation of bids, technical references issued by the bidder to himself or herself after execution of works, goods or services related to his or her projects are not accepted as a proof of experience.</p> <p>(5) Where similar references are required, they are assessed in terms of scope, nature and value of the tender. The value of each required reference must be at least 70% of the estimated cost of tender to be executed.</p> <p>(6) The procuring entity shall not require more than two similar references for a</p>	<p>par des institutions privées ou d'autres personnes ne sont acceptées que si elles sont accompagnées de contrats auxquels ils se basent.</p> <p>(3) Pour les marchés de travaux, les références techniques émises par des institutions privées ou d'autres personnes ne sont acceptées que si elles sont accompagnées de contrats d'études, d'exécution de travaux et de supervision des travaux.</p> <p>(4) Lors de l'évaluation des offres, les références techniques délivrées par le soumissionnaire à lui-même après exécution de travaux, de biens ou de services liés à ses projets ne sont pas acceptées comme preuve d'expérience.</p> <p>(5) Lorsque des références similaires sont requises, elles sont évaluées en termes de portée, de nature et de valeur de l'offre. La valeur de chaque référence requise doit représenter au moins 70% du coût estimé du marché à exécuter.</p> <p>(6) L'entité de passation de marchés ne doit pas exiger plus de deux</p>
--	---	--

<p>bibiri ku isoko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 47: Kumenyekanisha nyir'umutungo nyawe</u></b></p> <p>(1) Mu gupiganira isoko, upigana asabwa gushyikiriza urwego rutanga isoko inyandiko yabigenewe yerekana nyir'umutungo nyawe. Ifishi y'icyitegererezo yo kumenyekanisha nyir'umutungo nyawe ishyirwa mu gitabo ngenderwaho cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.</p> <p>(2) Mu gihe abishyize hamwe batsindiye isoko, buri wese mu bishyize hamwe atanga inyandiko igaragaza nyir'umutungo nyawe.</p> <p>(3) Ibikurikizwa mu kumenya nyir'umutungo nyawe bigenwa n'amategeko abigenga.</p>	<p>tender.</p> <p><b><u>Article 47: Beneficial ownership disclosure</u></b></p> <p>(1) During the bidding process, the bidder is required to submit the beneficial ownership disclosure form to the procuring entity. The beneficial ownership disclosure form is part of the standard tender document.</p> <p>(2) In case the bidder is a joint venture, each member of the joint venture submits the beneficial ownership disclosure form.</p> <p>(3) Criteria for identification of a beneficial owner are determined in accordance with the relevant laws.</p>	<p>références pour un marché.</p> <p><b><u>Article 47 : Divulgence du bénéficiaire effective</u></b></p> <p>(1) Durant la procédure de soumission pour un marché, le soumissionnaire est tenu de soumettre à l'entité de passation de marchés le formulaire de divulgation du bénéficiaire effectif. Le formulaire de divulgation est inclus dans le dossier type d'appel d'offres</p> <p>(2) Si le soumissionnaire est un groupement d'entreprise, chaque membre du groupement soumet le formulaire de divulgation du bénéficiaire effectif.</p> <p>(3) les critères d'identification du bénéficiaire effectif sont déterminés par les lois en la matière.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 48: Itangwa n'iyakirwa ry'inyandiko z'ipiganwa</u></b></p> <p>(1) Mbere y'igihe ntarengwa cyo guhagarika gutanga no kwakira inyandiko z'ipiganwa, upigana atanga inyandiko ye y'ipiganwa yifashishije ikoranabuhanga mu masoko ya Leta.</p>	<p><b><u>Article 48: Submission and reception of a bid</u></b></p> <p>(1) Before the deadline for submission and reception of bids, a bidder submits his or her bid using e-procurement.</p>	<p><b><u>Article 48 : Soumission et réception des offres</u></b></p> <p>(1) Avant la date limite de soumission et de réception des offres, un soumissionnaire soumet son offre à travers le système électronique de passation de marchés publics.</p>



Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(2) Nta wemerewe gutanga inyandiko irenze imwe y'ipiganwa ku isoko rimwe. icyakora, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora guteganya ko upiganwa ashobora gutanga indi nyandiko y'ipiganwa y'inyongera ifite inyongeragaciro ku nyandiko y'ibanze.</p>	<p>(2) No bidder is allowed to submit more than one bid for the same tender. However, the tender document may stipulate that the bidder is allowed to submit an alternative bid with additional value to the base bid.</p>	<p>(2) Aucun soumissionnaire n'est autorisé à présenter plus d'une offre pour le même marché. Toutefois, le dossier d'appel d'offres peut permettre le soumissionnaire de présenter une offre alternative ayant une valeur supplémentaire par rapport à l'offre initiale.</p>
<p>(3) Inyandiko y'ipiganwa y'ibanze niyo ishingirwaho mu isesengura no gutanga isoko. Inyandiko y'ipiganwa y'inyongera ihabwa agaciro gusa iyo uwapiganwe yatsinze ipiganwa hashingiwe ku nyandiko ye y'ibanze kandi ntigomba kongera igiciro cyatangiweho isoko.</p>	<p>(3) The evaluation and award of a tender is based on the base bid. The alternative bid is only considered when the bidder is successful on the basis of the base bid and it shall not increase the cost at which the tender was awarded.</p>	<p>(3) L'offre initiale sert de base d'évaluation et d'attribution du marché. Une offre supplémentaire n'est valable que si le soumissionnaire est attribué le marché sur base de l'offre initiale, et l'offre supplémentaire ne doit pas majorer le prix d'attribution du marché.</p>
<p>(4) Inyandiko y'ipiganwa yatanzwe kandi ikakirwa ibikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga mu masoko ya leta idafunguye kugeza ku munsu n'isaha byo kuyifunguriraho.</p>	<p>(4) The submitted and received bid is kept unopened in the e- procurement system until the date and hour of opening of bids.</p>	<p>(4) Une offre soumise et réceptionnée est gardée fermée dans le système électronique de passation de marchés publics jusqu'à la date et l'heure d'ouverture des offres.</p>
<p>(5) Mu gihe igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gisaba upiganwa gutanga urugero rw'ibyo azagemura, agomba kubishyikiriza ibiro by'urwego rutanga isoko mbere y'igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa.</p>	<p>(5) Where a tender document requires the bidder to submit a sample of a product to be supplied, he or she must submit it to the office of the concerned procuring entity before the deadline for submission of bid.</p>	<p>(5) Lorsque le dossier d'appel d'offre exige au soumissionnaire de donner un échantillon d'un produit à être livré, il doit le transmettre au bureau de l'entité de passation de marchés avant la date limite de soumission des offres.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 49: Ihindurwa ry'inyandiko z'ipiganwa</u></b></p> <p>(1) Upiganwa ushaka kugira icyo ahindura ku nyandiko y'ipiganwa yatanze ashobora kubikora mbere y'igihe ntarengwa cyo gutanga no kwakira inyandiko z'ipiganwa, asimbuza inyandiko y'ipiganwa nshya iyo yari yatanze mbere. Gutanga inyandiko nshya ntibisaba uburenganzira bw'urwego rutanga isoko.</p> <p>(2) Nyuma y'umunsi n'isaha ntarengwa byo gutanga inyandiko z'ipiganwa, ntawemerewe gutanga inyandiko y'ipiganwa. Uwari waratanze inyandiko y'ipiganwa ntiyemerewe kuyihindura cyangwa ngo agire icyo ayongeraho.</p>	<p><b><u>Article 49: Changes to bids</u></b></p> <p>(1) A bidder who wants to make a change to a bid that has been already submitted may make it before the deadline for submission and reception of bids, by substituting earlier bid with a new bid. Submission of the new bid does not require for authorisation from a procuring entity.</p> <p>(2) After the deadline for submitting bids, no bid is received. For a submitted bid, the bidder is neither change it nor make any addendum thereon.</p>	<p><b><u>Article 49 : Modifications des offres</u></b></p> <p>(1) Un soumissionnaire qui désire modifier son offre qui avait déjà été transmise peut le faire avant la date limite de soumission et de réception des offres, en remplaçant l'offre précédente par une nouvelle offre. La soumission de la nouvelle offre n'exige pas l'autorisation de l'entité de passation de marchés.</p> <p>(2) Après la date limite de dépôt des offres, nul n'est autorisé à déposer l'offre. Un soumissionnaire ne peut plus modifier l'offre ou y apporter des ajouts.</p>
<p><b><u>Iciviro cya 3: Ifungura n'isesengura inyandiko z'ipiganwa</u></b></p>	<p><b><u>Section 3: Bids opening and evaluation</u></b></p>	<p><b><u>Section 3 : Ouverture et évaluation des offres</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 50: Ifungura ry'inyandiko z'ipiganwa</u></b></p> <p>(1) Iyo umunsi n'isaha ntarengwa byo gufungura inyandiko z'ipiganwa byagenwe n'urwego rutanga isoko bigeze, ikoranabuhanga mu masoko ya Leta rifungura inyandiko zose z'ipiganwa zatanzwe.</p>	<p><b><u>Article 50: Bids Opening</u></b></p> <p>(1) At the deadline of date and time prescribed by the procuring entity for bids opening, the e- procurement system automatically opens all submitted bids.</p>	<p><b><u>Article 50 : Ouverture des offres</u></b></p> <p>(1) Lorsque la date et l'heure prescrite par l'entité de passation de marchés pour l'ouverture des offres arrive, le système électronique de passation de marchés publics procède à l'ouverture des offres.</p>

**Official Gazette n° Special of 10/10/2023**

<p>(2) Igihe kiri hagati y'igihe ntarengwa cyagenwe n'urwego rutanga isoko cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa n'igihe cyo kuzifungura ntikirenza isaha imwe.</p> <p>(3) Ikoranabuhanga mu masoko ya Leta ritangaza raporo y'ifungura ry'inyandiko z'ipiganwa ku bantu bose binyuze ku rubuga rw'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta ako kanya inyandiko z'ipiganwa zikimara gufungurwa.</p>	<p>(2) The interval between the deadline prescribed by the procuring entity for the submission of bids and the time for the opening of bids does not exceed one hour.</p> <p>(3) The e-procurement system displays the opening bid report to every bidder through e-procurement system portal immediately after bids opening.</p>	<p>(2) L'intervalle entre la date limite prescrite par l'entité de passation de marchés pour la soumission des offres et l'heure d'ouverture des offres ne dépasse pas une heure.</p> <p>(3) Le système de passation de marchés électroniques affiche le rapport d'ouverture des offres pour chaque soumissionnaire à travers le système électronique de passation de marchés publics immédiatement après l'ouverture des offres.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 51: Uko isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa bikorwa</u></b></p>	<p><b><u>Article 51: Evaluation of bids</u></b></p>	<p><b><u>Article 51 : Évaluation des offres</u></b></p>
<p>(1) Nyuma yo gufunguka kw'inyandiko z'ipiganwa, akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gakora isuzuma ry'inyandiko z'ipiganwa gashingiye ku biteganyijwe mu gitabo cy'ipiganwa.</p> <p>(2) Isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa rikorwa mu gihe kitarenze 21 ibarwa uherye igihe inyandiko z'ipiganwa zafunguriwe. icyakora iyo urwego rutanga isoko rutabashije gusoza isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa, rumenyeshya impamvu abapiganwe mu gihe cy'iminsi itatu ibarwa</p>	<p>(1) After bids opening, the Public Tender Committee conducts bids evaluation on the basis of requirements set in the tender document.</p> <p>(2) The evaluation of bids is done within a period not exceeding 21 days from the date of bids opening. However, when the procuring entity cannot evaluate bids within this period, bidders are notified of the reasons within three days to be counted from the 21 days specified in this Paragraph.</p>	<p>(1) Après l'ouverture des offres, le comité de passation de marchés publics procède à l'évaluation des offres sur base des exigences définies dans le dossier d'appel d'offres.</p> <p>(2) L'évaluation des offres se fait dans un délai ne dépassant pas 21 jours à compter de la date d'ouverture des offres. Toutefois, lorsque l'entité de passation de marchés ne parvient pas à terminer l'évaluation des offres dans ce délai, il en informe des raisons aux soumissionnaires dans un délai de</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>uhereye ku munsu wa 21 uvugwa muri iki gika.</p> <p>(3) Perezida w’akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta ahuzwa ibikorwa byose by’isesengura ry’inyandiko z’ipiganwa mu buryo butabogamye no mu mucyo. Abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta bagize uruhare mu ifatwa ry’ibyemezo birebana n’isesengura ry’inyandiko z’ipiganwa bafatanywa kwirengera ingaruka zishobora guturuka ku byemezo byafashwe n’akanama.</p> <p>(4) Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gakora raporo y’isesengura ry’inyandiko z’ipiganwa igaragaza uko isesengura ryagenze n’uko inyandiko z’ipiganwa zagiye zigereranywa. Iyo raporo igashyirwaho umukono n’abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta bakoze iryo sesengura.</p> <p><b><u>Ingingo ya 52:</u> Ibisabwa mbere y’isesengura ry’inyandiko z’ipiganwa</b></p> <p>Mbere yo gutangira isesengura ry’inyandiko z’ipiganwa abagize akanama</p>	<p>(3) The Chairperson of the public tender committee coordinates the whole process of the evaluation of bids and must act with impartiality and transparency. Members of the public tender committee taking decisions in relation to the evaluation of bids are jointly liable for the consequences that may arise from the decisions taken by the committee.</p> <p>(4) The public tender committee makes a report on the bid evaluation comprising of the evaluation process and comparison of bids. The report is signed by all members of the public tender committee present.</p> <p><b><u>Article 52:</u> Requirements before evaluation of bids</b></p> <p>Before starting evaluation of bids for tenders, members of the public tender committee</p>	<p>trois jours à compter du 21 jours spécifié dans ce paragraphe.</p> <p>(3) Le président du comité de passation de marchés publics coordonne l'ensemble du processus d'évaluation des offres et doit agir avec impartialité et transparence. Les membres du comité de passation de marchés qui prennent des décisions relatives à l'évaluation des offres sont solidairement responsables des conséquences qui peuvent résulter des décisions prises par le comité.</p> <p>(4) Le comité de passation de marchés publics établit un rapport sur l'évaluation des offres comprenant le processus d'évaluation et la comparaison des offres. Le rapport est signé par tous les membres présents du comité.</p> <p><b><u>Article 52 :</u> Conditions préalables à l'évaluation des offres</b></p> <p>Avant de commencer l'évaluation des offres, le comité de passation de marchés</p>
--	---	--

**Official Gazette n° Special of 10/10/2023**

<p>gashinzwe gutanga amasoko ya Leta bagomba kuba bafite raporo y'ibiciro biri ku isoko byaturutse ku bushakashatsi bwakozwe n'ishami rirebwa n'iryo soko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 53: Isesengura ry'ibanze</u></b></p> <p>Mbere yo gusuzuma mu buryo burambuye inyandiko z'ipiganwa, akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gakora isesengura ry'ibanze rikubiyemo kureba niba upiganywa yujuje ibisabwa byerekeye abemerewe gupiganwa, ibyerekeye igihe inyandiko y'ipiganwa imara igifite agaciro no kuba inyandiko y'ipiganwa yuzuye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 54: Kwemererwa gupiganwa</u></b></p> <p>(1) Mu gusesengura inyandiko z'ipiganwa, akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gasuzuma niba uwatanze inyandiko y'ipiganwa yemerewe gupiganwa.</p> <p>(2) Uwatanze inyandiko y'ipiganwa agomba kuba -</p> <p>(a) afite ubushobozi bwo kwishyura, atari mu gihombo cyangwa mu nzira zo gufunga sosiyete kubera kunanirwa kwishyura;</p>	<p>must possess a research report of the real price in the market carried out by the beneficiary department.</p> <p><b><u>Article 53: Preliminary evaluation</u></b></p> <p>Prior to the detailed technical evaluation of bids, the public tender committee shall carry out a preliminary examination which includes the assessment of the eligibility requirements, bid validity, and Completeness of the bid.</p> <p><b><u>Article 54: Eligibility of the bidder</u></b></p> <p>(1) In the assessment of bids, the public tender committee checks whether the bidder meets eligibility requirements.</p> <p>(2) The bidder must -</p> <p>(a) not be insolvent, bankrupt or being wound up;</p>	<p>publics doit avoir le rapport de la recherche sur le prix réel du marché qui a été effectuée par le département bénéficiaire.</p> <p><b><u>Article 53 : Évaluation préliminaire</u></b></p> <p>Préalablement à l'évaluation technique détaillée des offres, le comité de passation de marchés publics procède à un examen préliminaire qui vérifie les conditions d'éligibilité, le délai de validité de l'offre et l'exhaustivité de l'offre.</p> <p><b><u>Article 54 : Éligibilité du soumissionnaire</u></b></p> <p>(1) Dans l'évaluation de l'offre, le Comité de passation des marchés publics vérifie l'éligibilité du soumissionnaire.</p> <p>(2) Le soumissionnaire doit -</p> <p>(a) avoir la capacité de payer, ne pas être en faillite ou en cours de fermeture de l'entreprise pour défaut de paiement ;</p>
---	--	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(b) adafite igongana ry'inyungu muri iryo soko;</p> <p>(c) adahejwe cyangwa adahagaritswe mu gupiganira amasoko ya Leta;</p> <p>(d) yarishyuye ihazabu yaciwe nk'igihano cyo mu rwego rw'ubutegetsi mu masoko ya Leta;</p> <p>(e) upiganwa akomoka mu bihugu bitafatiwe ibihano mpuzamahanga mu rwego rw'ubukungu;</p> <p>(f) ari mu cyiciro cy'abemerewe gupiganira iryo soko aho bisabwa;</p> <p>(g) ari umunyamuryango w'urugaga rw'umwuga rushyirwaho n'itegeko aho bisabwa;</p> <p>(h) icyemezo cy'inshingwa ry'isosiyete hagaragamo ibikorwa by'ubucuruzi bihuye n'isoko ripiganirwa.</p>	<p>(b) not have a conflict of interest in relation to the tender;</p> <p>(c) not be suspended or blacklisted from bidding for public tenders;</p> <p>(d) have paid the fine imposed as an administrative sanction in public procurement;</p> <p>(e) not be from countries under economic sanctions;</p> <p>(f) meet the categorization requirements where applicable;</p> <p>(g) be a member of a professional body established in accordance with the law where applicable;</p> <p>(h) the bidder's certificate of registration includes business activities consistent with the concerned tender.</p>	<p>(b) ne pas avoir de conflit d'intérêt en rapport avec l'objet du marché ;</p> <p>(c) ne pas être suspendu ou interdit de soumissionner aux marchés publics ;</p> <p>(d) avoir payé l'amende prononcée à titre de sanction administrative dans les marchés publics ;</p> <p>(e) être originaire de pays qui ne sont pas soumis aux sanctions économiques internationales ;</p> <p>(f) être dans la catégorie des soumissionnaires éligibles le cas échéant ;</p> <p>(g) être membre d'une organisation professionnelle établie conformément à la loi le cas échéant ;</p> <p>(h) son certificat d'enregistrement de société fait apparaître les activités commerciales conformes au marché.</p>
--	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 55: Igihe inyandiko y'ipiganwa imara igifite agaciro</u></b></p> <p>Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta, gasuzuma niba igihe inyandiko y'ipiganwa izamara igifite agaciro, gihuye n'ibisabwa mu gitabo kigaragaza uko ipiganwa rikorwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 56: Kuzura kw'inyandiko y'ipiganwa</u></b></p> <p>Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gasuzuma niba inyandiko y'uwemerewe gupiganwa yuzuye. Mu gusesengura ukuzura kw'inyandiko y'ipiganwa, Akanama nibura gasuzuma niba -</p> <p>(a) inyandiko y'ipiganwa irimo ibintu byose bisabwa, nk'uko byateganijwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa;</p> <p>(b) ibintu bigaragaza ingero z'ibigemurwa niba byaratanzwe iyo byasabwe;</p> <p>(c) upiganwa atahakanye gukora inshingano zisabwa mu gitabo cy'ipiganwa;</p> <p>(d) upiganwa agaragaza ko azakurikiza</p>	<p><b><u>Article 55: Bid validity period</u></b></p> <p>The public tender committee checks whether the bid validity period complies with the requirements of the tender document.</p> <p><b><u>Article 56: Completeness of the bid</u></b></p> <p>The public tender committee evaluates the completeness of a bid that passes the eligibility stage. Among others, the committee assesses whether -</p> <p>(a) the bid offers all required items as stated in the tender document;</p> <p>(b) any required samples have been submitted where requested;</p> <p>(c) the bidder did not refuse to bear important responsibilities and liabilities required in the tender document;</p> <p>(d) the bidder did not take exception to</p>	<p><b><u>Article 55 : Délai de validité de l'offre</u></b></p> <p>Le comité de passation de marchés publics examine si la durée de validité de l'offre est conforme aux exigences du dossier d'appel d'offres.</p> <p><b><u>Article 56 : Exhaustivité de l'offre</u></b></p> <p>Le comité de passation de marchés publics procède à l'évaluation de l'exhaustivité de l'offre qui passe l'étape d'éligibilité. Le Comité évalue notamment si –</p> <p>(a) l'offre propose tous les éléments requis tel que prévus dans le dossier d'appel d'offres ;</p> <p>(b) les échantillons des éléments de fournitures requises ont été soumis ;</p> <p>(c) Le soumissionnaire n'a pas refusé d'assumer des responsabilités et des obligations importantes exigées dans le dossier d'appel d'offres ;</p> <p>(d) Le soumissionnaire démontre qu'il</p>
--	--	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>amategeko n'amabwiriza akurikizwa mu Rwanda;</p> <p>(e) upiganwa yatanze ingwate y'ipiganwa, aho isabwa, mu buryo bwagenwe n'umubare w'amafaranga wasabwe kandi hakarebwa niba igifite agaciro kajyanye n'igihe cyasabwe.</p>	<p>laws and regulations applicable in Rwanda;</p> <p>(e) The bidder has submitted a bid security, where required, in the prescribed form and amount and whether the bid security is valid.</p>	<p>suivra les règles et règlements en vigueur au Rwanda ;</p> <p>(e) Le soumissionnaire a fourni une garantie de soumission, le cas échéant, sous la forme et montant requis et vérifier si la Garantie de soumission est valide.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 57: Gusesengura inyandiko z'ipiganwa za tekini</u></b></p>	<p><b><u>Article 57: Technical evaluation</u></b></p>	<p><b><u>Article 57 : Évaluation technique</u></b></p>
<p>(1) Akanama k'amasoko ya Leta gakora isesengura rirambuye ry'inyandiko z'ipiganwa za tekini z'abapiganwa barenze icyiciro cy'isesengura ry'ibanze kugira ngo harebwe niba inyandiko y'ipiganwa yujuje ibisabwa bya tekini.</p>	<p>(1) The Public Tender Committee conducts a detailed technical evaluation of a bid that passes the preliminary examination to assess the responsiveness of the bid to the technical requirements of the tender document.</p>	<p>(1) Le comité de passation de marchés publics procède à une évaluation technique détaillée d'une offre qui passe l'évaluation préliminaire afin d'évaluer la conformité de l'offre aux exigences techniques du dossier d'appel d'offres.</p>
<p>(2) Mu gihe cyo gusesengura inyandiko za tekini, bimwe mu byo akanama gashinzwe gutanga amasoko ya leta gasuzuma ni ibi bikurikira:</p>	<p>(2) During a technical evaluation, the Public Tender Committee examines but not limited to the following:</p>	<p>(2) Au cours de l'évaluation technique, le comité de passation de marchés publics examine, sans s'y limiter, les éléments suivants :</p>
<p>(a) ingano y'isoko mu nyandiko y'ipiganwa nk'uko biteganijwe mu gitabo cy'ipiganwa;</p>	<p>(a) the scope of a tender as prescribed in the tender document;</p>	<p>(a) la portée du marché telle que prescrite dans le dossier d'appel d'offres ;</p>
<p>(b) niba upiganwa yujuje ibyangombwa by'ingenzi bya tekini. Kutuzuzwa iby'ingenzi</p>	<p>(b) whether the bidder meets major technical requirements. Non-conformity to technical</p>	<p>(b) si le soumissionnaire répond aux principales exigences techniques. La non-conformité aux exigences</p>



Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>bya tekini harimo gutanga ibitandukanye n'ibyasabwe keretse igihe ari byiza cyangwa bihwanye n'ibyasabwe no gutanga ibikoreho bidashobora gukora imirimo y'ibanze bigenewe;</p>	<p>requirements includes but not limited to offering completely different types of equipment or materials from the specified types unless they are better or equivalent to the requested need and offering equipment not able to perform the basic functions for which it is intended;</p>	<p>techniques comprend, entre autres, l'offre des équipements ou matériaux complètement différents de ceux spécifiés, à moins qu'ils ne soient meilleurs ou équivalents aux besoins demandés, et l'offre des équipements ne pouvant pas remplir les fonctions de base pour lesquelles ils sont destinés ;</p>
<p>(c) niba upiganwa afite ubushobozi bwo kubahiriza ingengabihe yo gutanga ibikenewe cyangwa y'akazi nkuko biteganyijwe mu gitabo cy'ipiganwa;</p>	<p>(c) whether the bidder has ability to meet the critical delivery or work schedule clearly specified in the tender document;</p>	<p>(c) si le soumissionnaire a la capacité de respecter le calendrier critique de livraison ou de travaux clairement spécifié dans le dossier d'appel d'offres ;</p>
<p>(d) niba uwapiganiye isoko yerekanye gahunda n'ingengabihe bishoboka kandi bikwiye byerekeye gushyira isoko mu bikorwa;</p>	<p>(d) whether the bidder presented absolutely realistic and adequate implementation plans and schedules;</p>	<p>(d) si le soumissionnaire a présenté des plans et des calendriers d'exécution absolument réalistes et adéquats ;</p>
<p>(e) niba nta gutandukira ku bisabwa ku buryo byagira ingaruka ku buziranenge bw'imirimo, serivisi cyangwa ibigemurwa;</p>	<p>(e) whether there are no deviations which affect the quality of the works, deliverables or supplies;</p>	<p>(e) s'il n'y a pas de déviations qui affectent la qualité des travaux, des prestations ou des fournitures ;</p>
<p>(f) niba inyandiko y'ipiganwa yujuje ibisabwa byerekeye ibiciro. Guteganya guhindura ibiciro mu gihe hatumiwe gupiganira ibiciro bidahinduka cyangwa kutemera ihinategeko</p>	<p>(f) whether the bid complies with price terms and conditions. Stipulating price adjustment when fixed price bids were invited or inability to accept the price adjustment formula</p>	<p>(f) si l'offre est conforme aux conditions de prix. Le fait de stipuler un ajustement des prix alors que des offres à prix fixe ont été sollicitées ou l'incapacité d'accepter la formule d'ajustement</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>ryo guhindura ibiciro ryatanzwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikora ahubwo agatanga ihinategeko rye ni impamvu yo kwanga inyandiko y'ipiganwa keretse iyo biri mu nyungu zo kuzigamira Leta;</p>	<p>provided in the tender document and propose its own formula leads to rejection of a bid unless it is in the interest of value for money;</p>	<p>des prix fournie dans le dossier d'appel d'offres et de proposer sa propre formule entraîne le rejet d'une offre, à moins que cela ne soit dans l'intérêt du rapport qualité-prix ;</p>
<p>(g) niba upiganwa yujuje ibisabwa byerekeye uburambe mu bya tekini nk'uko biteganywa mu gitabo cy' ipiganwa;</p>	<p>(g) whether the bidder complies with technical experience criteria as specified in the tender document;</p>	<p>(g) si le soumissionnaire remplit les critères d'expérience technique tels que spécifiés dans le dossier d'appel d'offres ;</p>
<p>(h) niba upiganwa yaragiranye amasezerano n'abazapatana gushyira mu bikorwa amasezerano akurikije igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa. Gukora ayo masezerano mu buryo burenze amafaranga cyangwa mu buryo butandukanye n'ubuteganyijwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa ni impamvu yo kwanga inyandiko y'ipiganwa;</p>	<p>(h) whether the bidder intends to subcontract in accordance with the tender document. Subcontracting in a substantially different amount or manner than that permitted by the tender document leads to rejection of a bid;</p>	<p>(h) si le soumissionnaire a l' intention de de sous-traiter conformément au dossier d'appel d'offres. La sous-traitance d'un montant ou d'une manière substantiellement différente de ceux autorisés par le dossier d'appel d'offres entraîne le rejet d'une offre ;</p>
<p>(i) niba upiganwa afite ibikoresho bisabwa kugira ngo ashyre amasezerano mu bikorwa;</p>	<p>(i) whether the bidder has the required equipment to execute the contract;</p>	<p>(i) si le soumissionnaire dispose de l'équipement requis pour exécuter le contrat ;</p>
<p>(j) niba upiganwa afite abakozi b'ingenzi basabwe.</p>	<p>(j) whether the bidder has the required key staff.</p>	<p>(j) si le soumissionnaire a le personnel clé requis.</p>

<p><b><u>Ingingo 58: Gusesengura ibiciro no kugereranya inyandiko z’ipiganwa</u></b></p>	<p><b><u>Article 58: Financial evaluation and comparison of bids</u></b></p>	<p><b><u>Article 58 : Évaluation financière et comparaison des offres</u></b></p>
<p>(1) Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gakora igereranya ry’inyandiko z’ipiganwa zarenze icyiciro cy’isesengura rya tekiniiki kugira ngo hemezwe uwatanze igiciro gito kandi wujuje ibisabwa.</p> <p>(2) Mu gihe gakora isesengura rirambuye ry’ibiciro, akanama gashinzwe gutanga amasoko ya leta kagomba –</p> <p>(a) gushingira ku giciro cy’ipiganwa nk’uko cyasomwe cyangwa cyerekanwe n’urubuga rw’ikoranabuhanga ry’amasoko ya Leta ku itariki yo gufungura inyandiko z’ipiganwa;</p> <p>(b) aho bisabwa hagamijwe kugereranya, guhindura amafaranga y’inyandiko z’ipiganwa zose ku ifaranga rikoresha mu gihugu, hakoreshejwe igipimo cy’ivunjisha-gurisha kiboneka muri Banki nkuru y’u Rwanda ku muni wo gufunguka kw’inyandiko z’ipiganwa;</p>	<p>(1) The public tender committee makes a comparison of all technically responsive bids in order to determine the lowest responsive bid.</p> <p>(2) While conducting the detailed financial evaluation, the public tender committee must –</p> <p>(a) consider the bid price as read out or displayed by e-procurement portal at the bid opening;</p> <p>(b) where required for purpose of comparison, convert all bids to a single evaluation currency which shall be the local currency using the selling exchange rate available at the National Bank of Rwanda at the date of bids opening;</p>	<p>(1) Le comité de passation de marchés publics procède à une comparaison de toutes les offres remplissant les exigences techniques afin de déterminer l'offre conforme la plus basse.</p> <p>(2) Pendant l'évaluation financière détaillée, le comité de passation de marchés publics doit -</p> <p>(a) prendre en compte le prix de l'offre tel que lu ou affiché par le système électronique de passation de marchés publics lors de l'ouverture des offres ;</p> <p>(b) convertir, si nécessaire, à des fins de comparaison, toutes les offres en une seule monnaie d'évaluation, qui sera la monnaie locale, en utilisant le taux de change vendeur disponible à la Banque Nationale du Rwanda à la date d'ouverture des offres ;</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(c) aho bikenewe, gushyiraho ibipimo by'amahirwe ahabwa abapiganwa hakoresheje inzira yatanzwe mu gitabo cy'ipiganwa;</p> <p>(d) kugaragaza igiciro cyose cyasuzumwe kuri buri wese mu bapiganwa;</p> <p>(e) gutondekanya inyandiko z'ipiganwa ukurikije ibiciro byasuzumwe;</p> <p>(f) gusuzuma niba ibiciro bijyanye n'ibisabwa kuri buri cyiciro kandi bikwiye.</p>	<p>(c) where required, apply a margin of preference using the procedure specified in the tender document;</p> <p>(d) determine the total evaluated price of each bid;</p> <p>(e) rank the bids according to their evaluated prices;</p> <p>(f) assess whether the bid is balanced and normal.</p>	<p>(c) appliquer, le cas échéant, une marge de préférence selon la procédure spécifiée dans le dossier d'appel d'offres ;</p> <p>(d) déterminer le prix total évalué de chaque offre ;</p> <p>(e) classer les offres en fonction de leur prix évalué ;</p> <p>(f) vérifier si les prix sont conformes aux exigences de chaque catégorie et s'ils sont appropriés.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 71: Ipiganwa rigenewe abapiganwa bake</u></b></p> <p>(1) Ipiganwa rigenewe abapiganwa bake rireba gusa abapiganwa bagaragara ku nyandiko ibatumira.</p> <p>(2) Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha ipiganwa rigenewe abapiganwa bake mu gihe ibintu bikeneye kugurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke biboneka gusa ku bapiganwa bake. Abapiganwa bahari bose babifitiye ubushobozi bahamagarirwa gupiganira isoko.</p> <p>(3) Ku masoko agenewe abapiganwa bake, igihe cyo gutegura amasoko ntigishobora kuba muni y'iminsi 14 ku masoko mpuzamahanga n'iminsi irindwi ku masoko yo mu gihugu.</p>	<p><b><u>Article 71: Restricted tendering</u></b></p> <p>(1) The restricted tendering is open only to bidders appearing on the invitation to bid.</p> <p>(2) A procuring entity may use restricted tendering for procurement if the needed goods or supplies, works, consultancy or non-consultancy services are available only from a limited number of bidders. All available bidders are invited to bid.</p> <p>(3) For a restricted tender, the time for bid preparation shall not be less than 14 calendar days for an international tender and seven calendar days for a national tender.</p>	<p><b><u>Article 71 : Appel d'offres restreint</u></b></p> <p>(1) L'appel d'offres restreint est ouvert uniquement aux soumissionnaires invités à soumettre leurs offres.</p> <p>(2) L'entité de passation de marchés peut utiliser l'appel d'offres restreint lorsque le marché de biens ou fourniture, des travaux ou des services de consultance et de non-consultance sont disponibles seulement chez un nombre limité de soumissionnaires. Tous les soumissionnaires identifiés sont invités à soumissionner.</p> <p>(3) Pour un appel d'offres restreint, le délai de préparation des offres ne doit pas être inférieur à 14 jours calendriers pour un appel d'offres international et à sept jours calendriers pour un appel d'offres national.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 72: Gusaba ibiciro</u></b></p> <p>(1) Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha uburyo bwo gusaba ibiciro mu gihe rushaka gutanga isoko ry'ibicurunzwa cyangwa ibigemurwa ndetse na serivisi zitari iz'impuguke bisanzwe ku isoko bisobanutse kandi igiciro cy'isoko kikaba kitarenze FRW</p>	<p><b><u>Article 72: Request for quotations</u></b></p> <p>(1) The procuring entity may use a request for quotations for the procurement of goods or non-consultancy services readily available on the market or which have well known standard specifications, when the tender has a value not exceeding FRW 5,000,000.</p>	<p><b><u>Article 72 : Demande de cotations</u></b></p> <p>(1) L'entité de passation de marchés peut recourir à une demande de cotations pour l'acquisition de bien ou fourniture ou de services de non-consultance facilement disponibles sur le marché ou dont les spécifications sont standard pour un marché dont le montant ne</p>



Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>5.000.000.</p> <p>(2) Urwego rutanga isoko rushobora gusaba ibiciro biturutse mu bapiganwa batari munsu ya batatu nibura.</p> <p>(3) Buri muntu wasabwe gutanga igiciro agomba kumenyeshwa niba hari ibindi birenze ku giciro, nk'ibijyanye n'ubwikorezi, ubwishingizi, amahoro ya gasutamo n'indi misoro, bigomba gushyirwa mu giciro.</p> <p>(4) Iyo hakoreshejwe ubu buryo, amasezerano y'isoko agomba guhabwa uwatanze igiciro gito gihuje n'ubwiza busabwa kandi bijyanye n'igihe urwego rutanga isoko rukeneyemo ibyo rwifuzako kugura.</p> <p>(5) Urwego rutanga isoko ntirushobora gucama ibice isoko kugira ngo rubashe gukoresha ibivugwako mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p> <p>(6) Abapiganywako bahabwako nibura iminsi itatu mu gihe hakoreshejwe uburyo bwo gusaba ibiciro.</p> <p>(7) Urwego rutanga isoko rusabwako ibiciro binyuze mu rubuga rw'ikoranabuhanga ry'amasoko ya Leta, keretse icyo</p>	<p>(2) The procuring entity may request for quotations from at least three bidders.</p> <p>(3) Each bidder from whom a quotation is requested must be informed whether any elements other than the price, such as any applicable transportation and insurance charges, customs duties and taxes, are to be included in the price.</p> <p>(4) If this method is used, the procurement contract must be awarded to the bidder that submitted the lowest priced quotation for the described quality that also meets the delivery period of the procuring entity.</p> <p>(5) The procuring entity shall not split its tender into separate contracts for the purpose of applying the provisions of Paragraph (1) of this Article.</p> <p>(6) The time limit given to the bidders in case of request for quotations is at least three days.</p> <p>(7) The procuring entity must request quotations through e-procurement system, unless provided otherwise by</p>	<p>dépasse pas 5.000.000 FRW.</p> <p>(2) L'entité de passation de marchés peut demander des cotations à au moins trois soumissionnaires.</p> <p>(3) Chaque soumissionnaire à qui une cotation est demandé doit être informé si des éléments autres que le prix, tels que les frais de transport et d'assurance, les droits de douane et les taxes à inclure dans le prix.</p> <p>(4) Si cette méthode est utilisée, le marché doit être attribué au soumissionnaire le moins disant, répondant à la qualité décrite et dont le délai de livraison est conforme à celui de l'entité de passation de marchés.</p> <p>(5) L'entité de passation de marchés ne peut pas fractionner le marché en plusieurs marchés différents en vue d'appliquer les dispositions du paragraphe (1) du présent Article.</p> <p>(6) Le délai donné aux soumissionnaires en cas de demande de cotations est d'au moins trois jours.</p> <p>(7) L'entité de passation de marchés doit faire la demande des cotations par le biais du système électronique de</p>
---	---	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>biteganijwe ukundi n'amategeko abigenga. Urwego rutanga isoko rubujijwe gusaba ibiciro buri gihe abapiganwa bamwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 73: Gutanga isoko nta piganwa ribayeho cyangwa binyuze mu bwumvikane butaziguye</u></b></p> <p>(1) Urwego rutanga isoko rushobora kubona ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke nta piganwa ribaye rusabye gusa ibiciro umuntu umwe ubifitiye ubushobozi, iyo -</p> <p>(a) ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke bishobora kuboneka gusa k'ugemura ibicuruzwa cyangwa ukora imirimo cyangwa bikaba bigurishwa n'umuntu umwe cyangwa sosiyete imwe gusa kandi hakaba nta bundi buryo bwakoreshwa buhari;</p> <p>(b) agaciro k'ibikenewe katarenze FRW 3.000.000 Ibi ntibishobora</p>	<p>relevant laws and regulations. The procuring entity shall not always request quotations from same bidders.</p> <p><b><u>Article 73: Single-source procurement or direct contracting</u></b></p> <p>(1) The procuring entity may procure the goods or supplies, works, consultancy and non-consultancy services by soliciting a price quotation from a single qualified bidder, when -</p> <p>(a) the goods or supplies, works, consultancy and non-consultancy services are available only from a particular supplier or contractor, or a particular person or company has exclusive rights in respect of the goods, supplies, works or services, and no reasonable alternative or substitute exists;</p> <p>(b) the cost of such public procurement does not exceed</p>	<p>passation de marché publics, sauf disposition contraire des lois et règlements pertinents. L'entité de passation de marchés ne doit pas toujours demander des cotations aux mêmes soumissionnaires.</p> <p><b><u>Article 73 : Gré à gré ou entente directe</u></b></p> <p>(1) L'entité de passation de marché peut acquérir des biens ou des fournitures, des travaux, des services de consultance et de non-consultance par la méthode de demande d'une cotation des prix à un soumissionnaire unique compétent lorsque -</p> <p>(a) les biens ou fournitures, travaux, services de consultance et de non-consultance sont disponibles seulement auprès d'un fournisseur ou entrepreneur ; ou qu'une seule personne ou une seule société détient les droits exclusifs de vente à l'égard de ces biens, fournitures, travaux ou services et qu'il n'existe pas d'alternative ou substitution ;</p> <p>(b) le coût de ces marchés publics n'excède pas le montant de</p>
--	---	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>gukorwa inshuro irenze imwe mu gihembwe kimwe ku masoko ari mu cyiciro kimwe;</p> <p>(c) ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo na serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke bikenewe byihutirwa ku buryo gukoresha ipiganwa risesuye cyangwa ubundi buryo busanzwe bwo gutanga amasoko ya Leta bidashoboka. Ubu buryo bukorehwa ari uko impamvu zatumye haba ubwihutirwe bw'ibikenewe zitaturutse ku rwego rutanga isoko cyangwa ku burangare bwarwo;</p> <p>(d) hari akazi k'inyongera kadashobora gutandukanywa n'isoko ry'ibanze ku mpamvu za tekini. Agaciro k'akazi k'inyongera ntikarenga urugero rugenywa n'itegeko rigenga amasoko ya leta kandi ako kazi gakorerwa amasezerano y'inyongera;</p> <p>(e) Urwego rutanga isoko rwifuzako kugirana amasezerano ya</p>	<p>FRW 3,000,0000. This cannot be done more than once within the same quarter for tenders of the same category;</p> <p>(c) there is an urgent need for the goods or supplies, works and consultancy and non-consultancy services, so that engaging in open tender or any other usual method of public procurement would be impractical, provided that the circumstances giving rise to the urgency were not attributable to the procuring entity or the result of its carelessness;</p> <p>(d) there are additional activities that cannot be technically separated from initial tender. The value of such additional activities does not exceed the threshold provided by the law governing public procurement and is subject to an addendum to the initial contract;</p> <p>(e) the procuring entity seeks to enter into a contract with research</p>	<p>3.000.000 FRW. Ceci ne peut être fait plus d'une fois dans un même trimestre pour des marchés de même catégorie ;</p> <p>(c) il y a un besoin urgent pour les biens ou les fournitures, les travaux et les services de consultance et de non-consultance, de sorte que s'engager dans une procédure d'appel d'offres ouvert ou dans toute autre méthode habituelle de passation des marchés publics serait impossible, à condition que les circonstances donnant lieu à l'urgence ne soient pas imputables à l'entité de passation de marchés ou le résultat de sa négligence ;</p> <p>(d) il y a des prestations supplémentaires qui, techniquement, ne peuvent être séparées du marché principal. La valeur de ces prestations supplémentaires ne doit pas dépasser le seuil prévu par la loi portant réglementation des marchés publics et doit faire l'objet d'un addendum au contrat ;</p> <p>(e) l'entité de passation des marchés souhaite conclure un contrat avec</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>serivisi z'impuguke n'ikigo by'ubushakashatsi cyangwa Ishuri rikuru, kubera impamvu y'ubushakashatsi, igerageza mu by'ubuhanga cyangwa inyigo;</p> <p>(f) Urwego rutanga isoko rurashaka kugirana amasezerano ya serivisi z'impuguke n'urwego ruhabwa n'itegeko inshingano zo gutanga iyo serivisi rwonyine;</p> <p>(g) hashingiwe ku masezerano yemejwe na Leta y'u Rwanda, abagemura ibikenewe, impuguke cyangwa ba rwiyemezamirimo bamaze kumvikanywaho;</p> <p>(h) mu gihe urwego rutanga isoko rushaka kugirana amasezerano n'ikigo cya Leta cyahawe inshingano cyonyine ku byerekeye ibikenewe.</p> <p>(2) Gutanga isoko nta piganwa ribaye ntibishobora gushingira gusa ko umuntu umwe ari we ufite ubushobozi cyangwa uburenganzira bwihariye bwo gukora cyangwa kugemura ibikenewe, gukora imirimo cyangwa gutanga serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke iyo</p>	<p>institution and institutions of Higher Learning for the consultancy service contract for the purpose of research, experiment or study;</p> <p>(f) the procuring entity seeks to enter into a contract for consultancy service with a professional body which the law confers an exclusive mandate to provide such a service;</p> <p>(g) it is a result of an agreement or a treaty in which the Government of Rwanda is a party in which the suppliers, consultants or contractors have been identified and agreed upon;</p> <p>(h) when the procuring entity seeks to enter into agreement with a public institution for a tender aligned with its exclusive mandate.</p> <p>(2) Single source procurement shall not be justified on the grounds that only one bidder has the capacity or the exclusive right to manufacture or deliver goods, works or consultancy and non-consultancy services if functionally equivalent goods or supplies, works or</p>	<p>une Institution d'enseignement Supérieure ou une Institution de Recherche, pour les services de consultance des fins de recherche, d'expérimentation ou d'étude ;</p> <p>(f) l'entité de passation des marchés cherche à conclure un contrat de service de consultance avec un organisme professionnel auquel la loi confère un mandat exclusif pour fournir un tel service ;</p> <p>(g) il résulte d'un accord ou d'un traité auquel le Gouvernement du Rwanda est partie et dans lequel les fournisseurs, consultants ou l'attributaire du marché ont été identifiés et convenus ;</p> <p>(h) lorsque l'entité de passation de marchés cherche à conclure un accord avec une institution publique pour un marché conforme à son mandat exclusif.</p> <p>(2) La méthode d'entente directe ne doit pas se justifier par le fait qu'un seul soumissionnaire a la capacité ou le droit exclusif de fabriquer ou de livrer des biens, des travaux ou des services de consultance et de non-consultance lorsque, du point de vue fonctionnel,</p>
--	---	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>hari ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bishobora gukora kimwe, imirimo cyangwa serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke bishobora kuboneka ku bandi bantu, bihujye n'ibyho urwego rutanga isoko rwifuzwa.</p> <p><b><u>Ingingo 74:</u> Amasoko atangwa atanyujijwe mu kanama k'amasoko</b></p> <p>(1) Isoko rifite agaciro katarengeje FRW 1.000.000 ritangwa binyuze ku mukozi ushinzwe amasoko ya Leta. Uyu mukozi atanga inama yo gutanga iryo soko ku Muyobozi w'Ishami rifite imari mu nshingano kugira ngo abyemeze ku rwego rwa mbere n'Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta kugira ngo abyemeze ku rwego rwa kabiri.</p> <p>(2) Uburyo buteganyijwe mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ntibushobora gukoreshwa incuro irenze imwe mu gihembwe. Nta na rimwe urwego rutanga isoko rwemerewe gucamo ibice isoko hagamijwe kutubahiriza uburyo busanzwe bw'imitangire y'amasoko ya Leta buteganywa n'itegeko.</p>	<p>consultancy and non-consultancy services available from other persons would satisfy the needs of the procuring entity.</p> <p><b><u>Article 74:</u> Tender awarded without evaluation of public tender committee</b></p> <p>(1) A tender whose value does not exceed FRW 1,000,000 is awarded through the procurement officer. This Agent proposes the tender award to the Head in charge of Finance and to the Chief Budget Manager for approval at the first and the second level respectively.</p> <p>(2) The procedure provided under paragraph (1) of this Article shall not be used more than once in a term. In any case, the procuring entity is not allowed to split tenders in a manner aimed at avoiding competition in public procurement.</p>	<p>les biens ou fournitures, les travaux ou les services de consultance et de non-consultance équivalents fournis par d'autres personnes peuvent satisfaire les besoins de l'entité de passation des marchés.</p> <p><b><u>Article 74 :</u> Marché attribué sans évaluation du comité de passation des marchés publics</b></p> <p>(1) Un marché dont la valeur ne dépasse pas 1.000.000 FRW est attribué par l'intermédiaire de l'agent de passation des marchés. Cet agent propose l'attribution du marché au Chef de service des Finances et au Gestionnaire Principal du Budget pour approbation au premier et au deuxième niveau respectivement.</p> <p>(2) La méthode prévue dans le paragraphe (1) du présent article ne peut être utilisée plus d'une fois par trimestre. En aucun cas, l'entité de passation des marchés n'est autorisée à fractionner les offres pour ne pas respecter les procédures normales de passation de marchés publics prescrites par la loi.</p>
--	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 75: Uburyo bw'inzira ngufi</u></b></p> <p>(1) Uburyo bw'inzira ngufi bukoreshwa ku masoko afite agaciro katarengeje FRW 20.000.000. Bushobora kuba mu buryo bw'ipiganwa ry'imbere mu gihugu risesuye cyangwa rigenewe abapiganwa bake, mu gihe gutegura inyandiko z'ipiganwa byoroshye kandi ikigamijwe kitarangwa n'imiterere ya tekini ihambaye.</p> <p>(2) Iyo ubwo buryo bukoreshwe, hakoreshwa igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gikoze ku buryo bw'incamake kandi mu gihe kigufi hagati y'itangazo ryerekeye ipiganwa n'umunsi wa nyuma wo gutanga inyandiko z'ipiganwa.</p> <p>(3) icyakora, ku bapiganwa baturutse mu gihugu, icyo gihe ntigishobora kujya munsi y'iminsi umunani y'akazi iyo ari ipiganwa risesuye cyangwa iminsi itanu y'akazi iyo ari ipiganwa rigenewe abapiganwa bake.</p>	<p><b><u>Article 75: Simplified methods</u></b></p> <p>(1) A simplified method is used for a tender not exceeding FRW 20,000,000. It may be a national open or restricted tendering, in which the preparation of bids is easy and the technical specifications are not complex.</p> <p>(2) When such method is used, a shorter tender document and short period between tender publication and the deadline for submission of bids are used.</p> <p>(3) However, the period cannot be less than eight working days for national open tendering or five working days for national restricted tendering.</p>	<p><b><u>Article 75 : Méthodes simplifiées</u></b></p> <p>(1) La méthode simplifiée est un procédé d'attribution des marchés ne dépassant pas un montant de 20.000.000 FRW. Il peut s'agir d'un appel d'offres ouvert ou restreint pour lequel la préparation des offres est facile et les spécifications techniques ne sont pas complexes.</p> <p>(2) Lorsqu'une telle méthode est utilisée, le dossier d'appel d'offres simplifié est utilisé et le délai entre la publication de l'avis d'appel offres et la date limite de soumission des offres est réduit.</p> <p>(3) Toutefois, ce délai ne peut être inférieur à huit jours ouvrables pour un appel d'offres ouvert national ou cinq jours ouvrables pour un appel d'offres restreint national.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 76: Reji</u></b></p> <p>(1) Isoko rya Leta rishobora gukorwa hakoreshejwe uburyo bwa reji.</p>	<p><b><u>Article 76: Force account</u></b></p> <p>(1) Public procurement may be carried out through force account.</p>	<p><b><u>Article 76 : Régie</u></b></p> <p>(1) Le marché public peut être exécuté par régie.</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(2) Ubu buryo bukoreshwa iyo –</p> <p>(a) ingano y’imirimo igomba gukorwa idashobora kugenwa mbere y’igihe;</p> <p>(b) imirimo y’ubwubatsi igomba gukorwa ari mike kandi itatanye cyangwa iri ahantu hagoye kugera ku buryo hashobora kutaboneka abubatsi babishoboye bayikora ku giciro gikwiye;</p> <p>(c) imirimo y’ubwubatsi igomba gukorwa ku buryo butabangamiye indi mirimo ihakorera;</p> <p>(d) hari ibyihutirwa cyane bigomba gukorwa;</p> <p>(e) bibaye ngombwa ko urwego rutanga isoko rukomeza imirimo yadindijwe n’uwatsindiye isoko nyuma yo kumwihanangiriza ntibigire icyo bitanga;</p> <p>(f) Urwego rutanga isoko rufite abakozi bafite ubumenyi buhagije bwo gukora imirimo na serivisi bikenewe;</p>	<p>(2) This method is used where –</p> <p>(a) quantity of works to be carried out cannot be defined in advance;</p> <p>(b) construction works are small and scattered and are in remote locations or are in locations whose access is difficult so that qualified construction firms are unlikely to bid at reasonable price;</p> <p>(c) construction works are required to be carried out without disrupting other ongoing operations;</p> <p>(d) there are emergencies needing attention;</p> <p>(e) the procuring entity is to complete works delayed by the successful bidder after the written warnings did not yield any tangible results;</p> <p>(f) works and services can be performed by the skilled staff of the procuring entity;</p>	<p>(2) Cette méthode intervient lorsque –</p> <p>(a) la quantité des travaux à être exécutés ne peut pas être définie en avance ;</p> <p>(b) les travaux de construction sont moins importants et dispersés dans des endroits éloignés ou localisés dans des zones d’accès difficile de sorte qu’il ait peu de chances que des entreprises de construction qualifiées présentent des offres à des prix raisonnables ;</p> <p>(c) les travaux de construction doivent être réalisés sans perturber d’autres opérations en cours ;</p> <p>(d) une situation d’urgence exige d’intervenir ;</p> <p>(e) l’entité de passation de marchés a besoin d’achever l’exécution d’un marché que l’attributaire de marché a retardée après une mise en demeure restée sans suite.</p> <p>(f) Les travaux et services pouvant être exécutés par le personnel qualifié de l’entité de passation de marchés ;</p>
--	---	---

**Official Gazette n° Special of 10/10/2023**

<p>(g) Mu gukoresha uburyo bwa reji, urwego rutanga isoko rushobora gukoresha abakozi ba Leta n'ibikoresho by'urundi rwego rwa Leta hakurikijwe uburyo izo nzego zombi zumvikanyeho.</p> <p>(3) Mu gihe urwego rutanga isoko ruhisemo uburyo bwa reji, abakozi ba Leta ntibagirana amasezerano n'urwego rutanga isoko kandi ntibahabwa igihembo. icyakora, bagenerwa ibikoresho, igihe n'uburyo bwose bukenewe kugira ngo ibigomba gukorwa bikorwe neza.</p> <p>(4) Iyo ibikorwa bigomba gukorerwa kure y'aho basanzwe bakorera, abakozi ba Leta bafatwa nk'abari mu butumwa bw'akazi kandi bagahabwa ibigenerwa abakozi ba Leta bari mu butumwa bw'akazi.</p>	<p>(g) When using the force account method, a procuring entity may use public servants and equipment belonging to another public entity in accordance with the modalities agreed upon by both institutions.</p> <p>(3) When the procuring entity decides to use the force account method, the civil servants do not conclude a contract with the procuring entity and must not claim any payment. However, they are given all necessary equipment, time and any other means required for a successful performance.</p> <p>(4) In case the execution is to be carried out in a location far from the work place, civil servants are considered to be on an official mission and benefit from allowances granted to public servants on official mission.</p>	<p>(g) Lorsqu'elle utilise la méthode de régie, l'entité de passation des marchés publics peut utiliser des fonctionnaires et des équipements appartenant à une autre entité publique, conformément aux modalités convenues par les deux institutions.</p> <p>(3) Lorsque l'entité de passation des marchés décide d'utiliser la méthode de régie, les fonctionnaires ne concluent pas de contrat avec l'entité de passation des marchés et ne doivent pas réclamer de paiement. Toutefois, ils disposent de tout le matériel, du temps et de tous les autres moyens nécessaires à une bonne exécution.</p> <p>(4) Dans le cas où l'exécution doit se faire dans un lieu éloigné du lieu de travail, les fonctionnaires sont considérés comme étant en mission officielle et bénéficient des indemnités accordées aux fonctionnaires en mission officielle.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 77: Gukoresha abaturage</u></b></p> <p>(1) Abaturage bagenewe igikorwa bashobora kugira uruhare mu gukora isoko ry'imirimo iyo</p>	<p><b><u>Article 77: Community participation</u></b></p> <p>(1) The beneficiary community may participate in execution of works if it is established that this method of the</p>	<p><b><u>Article 77 : Participation communautaire</u></b></p> <p>(1) La population bénéficiaire peut participer à l'exécution des marchés des travaux s'il est établi</p>



Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>bigaragara ko ubu buryo bufite icyo bwongera mu bukungu, butanga akazi kandi bugatuma abo bugenewe babugiramo uruhare.</p> <p>(2) Agaciro k’amasoko avuzwe mu gika cya (1) cy’iyi ngingo ntikarenza FRW 40.000.000. Icyo gihe urwego rutanga isoko n’abaturatione igikorwa gikenewe bagirana amasezerano y’isoko ashwirwaho umukono n’impande zombi.</p> <p>(3) Icyakora, iyo igikorwa kigenewe abaturatione ari igikorwa cy’amaterasi y’indinganire, imirwanyasuri cyangwa gutera ibiti, abo baturage bashobora gukora imirimo ifite agaciro katarenze FRW 60.000.000.</p> <p><b><u>Ingingo ya 78: Imitunganyirize y’uruhare rw’abaturatione</u></b></p> <p>Kugira ngo ibikubiye mu ngingo ya 77 y’iri teka bishyirwe mu bikorwa, urwego rutanga isoko rutegura uruhare rw’abaturatione mu buryo bukurikira:</p>	<p>community participation may contribute to the economy, create employment and enhance community members’ involvement in the activities of which they are beneficiaries.</p> <p>(2) The value of tenders referred to in paragraph (1) of this Article does not exceed FRW 40,000,000. In that case, the procuring entity and the beneficiary population conclude a procurement contract signed between the two parties.</p> <p>(3) However, in case of works related to radical terracing, anti-erosion ditches or planting trees, the beneficiary community may participate in execution of works of a value which does not exceed FRW 60,000,000</p> <p><b><u>Article 78: Organisation of community participation</u></b></p> <p>For the purpose of implementing provisions of Article 77 of this Order, the procuring entity organises the community participation as follows:</p>	<p>que l’utilisation de cette méthode contribuera à l’économie, à la création d’emploi et à la participation active des populations bénéficiaires.</p> <p>(2) La valeur de marchés stipulés au paragraphe (1) du présent article ne doit pas dépasser 40.000.000 FRW. Dans ce cas, l’entité de passation des marchés et la population bénéficiaire concluent un contrat de marché signé entre les deux parties.</p> <p>(3) Toutefois, lorsqu’il s’agit de travaux de terrassement radical de fossés anti-érosion ou de plantation d’arbres, la population bénéficiaire peut participer à l’exécution des travaux dont la valeur ne dépasse pas 60.000.000 FRW.</p> <p><b><u>Article 78 : Organisation de la participation communautaire</u></b></p> <p>Aux fins des dispositions de l’article 77 du présent arrêté, l’entité de passation des marchés organise la participation de la communauté comme suit :</p>
--	--	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(a) rwifashishije ubuyobozi bw'inzeho z'ibanze, urwego rutanga isoko rukoresha inama abaturage bagenewe igikorwa, bakamenyeshwa iby'icyo gikorwa, uruhare rwabo n'inyungu babikuramo;</p> <p>(b) mu nama urwego rutanga isoko rukoresha abaturage bagenewe igikorwa, uruhagarariye asobanurira abaturage inyangirakuraho igaragaza inshingano z'impande zombi, igihembo bazahabwa, igihe abazitabira bazahemberwa, uburyo bwo kubahemba n'ibindi byose birebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'imirimu;</p> <p>(c) nyuma y'inama urwego rutanga isoko rukoresha abaturage bagenewe igikorwa, hakorwa urutonde rw'abaturage bemeye kuzakora imirimu kandi buri wese agashyiraho umukono we cyangwa igikumwe;</p> <p>(d) urwego rutanga isoko rusaba</p>	<p>(a) assisted by local authorities, the procuring entity organises a meeting of the beneficiary community whereby the latter is informed of the activity, the scope of their participation and the benefit to the community in return;</p> <p>(b) during the meeting organized by the procuring entity for the beneficiary community, the representative of the procuring entity explains to the community the document containing obligations of both sides, the appropriate payment, the period after which participants are paid, payment modalities and other details related to works execution;</p> <p>(c) after the meeting the procuring entity organises with the beneficiary community, the procuring entity establishes a list of community members committed to participate in works execution and everyone affixes the signature or fingerprint;</p> <p>(d) the procuring entity requires the</p>	<p>(a) assistée par les autorités locales, l'entité de passation des marchés organise une réunion de la communauté bénéficiaire au cours de laquelle cette dernière est informée de l'activité, de l'étendue de sa participation et du bénéfice qu'elle en retire ;</p> <p>(b) pendant la réunion que l'entité de passation des marchés organise pour la communauté bénéficiaire, le représentant de l'entité de passation des marchés explique à la communauté le document contenant les obligations des deux parties, le paiement approprié, la période après laquelle les participants sont payés, les modalités de paiement et tout autre détail lié à l'exécution des travaux ;</p> <p>(c) après la réunion que l'entité de passation des marchés organise avec la communauté bénéficiaire, l'entité de passation des marchés établit une liste des membres de la communauté qui s'engagent à participer à l'exécution des travaux et chacun appose sa signature ou son empreinte digitale ;</p> <p>(d) L'entité de passation des marchés</p>
---	--	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>abaturage gushyiraho ubahagararira mu guhanahana amakuru no mu bikorwa byose by'urwego rutanga isoko n'abaturage;</p> <p>(e) urwego rutanga isoko rugomba gutanga ibikoresho bya tekini bikenewe mu gukora imirimo rukanamenyeshya abaturage ibikoresho bisanzwe bashobora kuzana ubwabo. Ibikoresho byaguzwe bikomeza kuba umutungo w'urwego rutanga isoko;</p> <p>(f) mu gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo, urwego rutanga isoko rwifashisha abakozi ba Leta kandi rushobora no gushyiraho impuguke yo kunganira abaturage iyo bigaragaye ko ari ngombwa;</p> <p>(g) iyo ari igikorwa cy'amaterasi y'indinganire, imirwanyasuri cyangwa gutera ibiti gifite agaciro gahera kuri FRW 40.000.000 kugeza kuri m 60.000.000 FRW, urwego rutanga isoko rushakira abaturage impuguke yo</p>	<p>community to avail their representative in all communication and transaction processes of the procuring entity and the community;</p> <p>(e) the procuring entity must avail technical equipment needed for the execution of works and must inform the community of ordinary equipment they may bring themselves. The procured equipment remain the property of the procuring entity;</p> <p>(f) for the supervision of works execution, the procuring entity uses its public servants and may hire a consultant to technically assist the community if considered necessary;</p> <p>(g) if it is a work related to radical terraces anti-erosion ditches or planting trees that have a value from FRW 40,000,000 to FRW 60,000,000, a procuring entity hires for this community a supervising consultant as per the law and regulations in</p>	<p>demande à la communauté de faire appel à son représentant dans tous les processus de communication et de transaction entre l'entité de passation des marchés et la communauté ;</p> <p>(e) l'entité de passation des marchés doit mettre à disposition les équipements techniques nécessaires à l'exécution et doit informer la collectivité des équipements ordinaires qu'elle peut apporter elle-même pour l'exécution. L'équipement acheté reste la propriété de l'entité de passation de marchés ;</p> <p>(f) pour la supervision de l'exécution des travaux, l'entité de passation des marchés utilise ses fonctionnaires et peut engager un consultant pour assister techniquement la communauté si cela est jugé nécessaire ;</p> <p>(g) s'il s'agit de travaux relatifs aux terrasses radicales, aux fossés anti-érosion ou à la plantation d'arbres dont la valeur est comprise entre 40.000.000 FRW et 60.000.000 FRW, l'entité de passation des marchés engage pour cette</p>
--	--	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>gukurikirana ibikorwa hakurikijwe itegeko n'amabwiriza byo gutanga amasoko ya Leta. Amasoko ari muni ya FRW 40.000.000 agenzurwa n'abakozi bo mu rwego rutanga isoko;</p> <p>(h) babifashijwemo n'abashinzwe gukurikirana igikorwa, buri muturage wakoze ashyira umukono, buri muni, mu gitabo no ku ikarita yabugenewe;</p> <p>(i) urwego rutanga isoko ruhamba abaturage bakoze kandi mbere yo gutangira akazi buri muturage atanga umwirondoro we wuzuye ndetse iyo bibaye ngombwa na numero ye ya konti aho ubwishyu bushobora gushyirwa;</p> <p>(j) igihe urwego rutanga isoko rudashoboye gukurikirana uruhare rw'abaturage, rugena urundi rwego rwa Leta rushoboye gucunga icyo gikorwa.</p> <p>(k) abagenerwabikorwa ni abatuye mu murenge w'aho ibikorwa bibera cyangwa imirenge bituranye;</p>	<p>public procurement. Tenders below FRW 40,000,000 are supervised by the staff from the Procuring entity;</p> <p>(h) assisted by supervisors, every participant signs on daily basis in the register and on a card prepared for that purpose;</p> <p>(i) the procuring entity pays participants and before execution every participant provides his or her full identification and if necessary, his or her bank account where the payment may be deposited;</p> <p>(j) in case the procuring entity is unable to monitor the community participation, it delegates the powers to another public body capable to manage that activity.</p> <p>(k) beneficiaries of the community participation are those residing in sector where the action takes place or</p>	<p>communauté un consultant superviseur conformément à la loi et aux règlements en matière de marchés publics. Les marchés inférieures à 40.000.000 FRW doivent être supervisées par le personnel de l'entité de passation des marchés ;</p> <p>(h) assisté par des superviseurs, chaque participant signe quotidiennement dans le registre et sur une carte préparée à cet effet ;</p> <p>(i) l'entité de passation des marchés paie les participants et, avant l'exécution, chaque participant fournit son identification complète et, si nécessaire, son compte bancaire où le paiement peut être déposé ;</p> <p>(j) si l'entité de passation des marchés n'est pas en mesure de contrôler la participation communautaire, elle délègue les pouvoirs à un autre organisme public capable de gérer cette activité.</p> <p>(k) les bénéficiaires de la participation communautaire sont ceux qui sont des résidents du secteur où se</p>
---	--	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(1) Urwego rutanga isoko rushobora gushyira imirimo mu byiciro kugira ngo bigere ku mubare munini w'abagenerwabikorwa.</p>	<p>neighbouring sectors;</p> <p>(1) The procuring entity may put the works into lots to allow the outreach to a big number of beneficiaries closer to the place of works.</p>	<p>déroule les activités ou des secteurs voisins ;</p> <p>(1) L'entité de passation de marchés peut répartir les travaux en lots pour permettre d'atteindre un grand nombre de bénéficiaires plus près du lieu des travaux.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 79: Ipiganwa mu byiciro bibiri</u></b></p>	<p><b><u>Article 79: Two-stage tendering</u></b></p>	<p><b><u>Article 79 : Appel d'offres en deux étapes</u></b></p>
<p>(1) Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha uburyo bw'ipiganwa mu byiciro bibiri iyo -</p> <p>(a) rudashobora ubwarwo mu buryo burambuye kandi bwumvikana gusobanura imiterere y'ibintu cyangwa imirimo rukeneye rugamije kubona igisubizo kirunyuze ku miterere y'icyo rwifuza kugura;</p> <p>(b) isoko rifite imiterere igoye kandi urwego rutanga isoko rutabifitemo ubumenyi buhagije cyangwa ari isoko rijyanye n'iterambere rihambaye mu by'ikoranabuhanga;</p> <p>(c) igikorwa cyo guhamagarira abantu gupiganwa cyakozwe ariko</p>	<p>(1) The procuring entity may engage in procurement by means of two-stage tendering when -</p> <p>(a) it is not feasible for the procuring entity to formulate detailed and clear specifications for the goods or works in order to obtain the most satisfactory solution to its procurement needs.</p> <p>(b) a tender is complex and the procuring entity has not enough knowledge in the area or it is a tender relating to high technological development;</p> <p>(c) tendering proceedings have been engaged in but no bids were</p>	<p>(1) L'entité de passation de marchés peut engager le processus d'appel d'offres en deux étapes lorsque -</p> <p>(a) l'entité de passation de marchés ne peut pas élaborer des spécifications techniques détaillées et claires des biens ou des travaux en vue d'obtenir la solution la plus satisfaisante à ses besoins en passation des marchés ;</p> <p>(b) le marché est complexe et l'entité de passation des marchés n'a pas assez de connaissances dans le domaine ou il s'agit d'un marché relatif au développement avancé de la technologie ;</p> <p>(c) le processus d'appel d'offres est engagé mais qu'aucune offre n'a</p>

<p>nthagire ucyitabira cyangwa rusanze nta nyandiko y'ipiganwa yujuje ibisabwa cyangwa rubona ko amahirwe yo kubona uritsindira ari make igihe rwaba rwongeye kurisubirishamo.</p>	<p>submitted or all bids were rejected or when the procuring entity finds that engaging in new tendering proceedings would unlikely result in a procurement contract.</p>	<p>été reçue ou toutes les offres sont rejetées en raison de non-conformité aux exigences requises ; ou lorsque l'entité de passation des marchés trouve qu'engager un nouveau processus de passation des marchés ne permettrait pas l'attribution du marché.</p>
<p>(2) Mu cyiciro cya mbere urwego rutanga isoko rutegura igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa rusaba inyandiko y'ipiganwa ijyanye na tekiniki, ubwiza cyangwa ibindi byihariye biranga ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke byifuzwa, haba mu bijyanye n'ingingo zashyirwa mu masezerano, mu buryo ibintu byatangwamo, aho bikenewe, ubushobozi mu kazi n'ubuhanga muri tekiniki by'abapiganwa.</p>	<p>(2) During the first stage tendering, the procuring entity prepares the tender document requesting for bids relating to the technical, quality or other characteristics of needed goods or supplies, works, consultancy and non-consultancy services, as well as to contractual terms and conditions of supply, and, where relevant, the professional and technical competence of the bidders.</p>	<p>(2) À la première étape, l'entité de passation de marchés prépare le dossier d'appel d'offres sollicitant des offres liées aux aspects techniques et qualitatifs ou aux autres spécifications des biens ou fournitures, travaux, services de consultance et de non-consultance à acquérir, ainsi qu'aux termes et conditions contractuels et de livraison, et s'il y a lieu, aux compétences techniques et professionnelles des soumissionnaires.</p>
<p>(3) Abapiganwa bahamagarirwa kuzana inyandiko z'ipiganwa z'ibanze zishingiye ku buryo bumva ibintu byakorwa mu rwego rwa tekiniki nta giciro kigaragaramo Urwego rutanga isoko rushobora kugirana ikiganiro cya tekiniki n'abapiganwa batanze inyandiko z'ipiganwa zujuje ibisabwa. Urwego rutanga isoko rufata nibura abapiganwa batatu batanze inyandiko</p>	<p>(3) Bidders are invited to submit their initial bid based on their proposals relating to the technical aspect, without a tender price. The procuring entity may hold technical discussion with bidders who submitted responsive bids. The procuring entity retains at least three bidders whose proposals are substantially responsive in order to make adjustments on the tender document.</p>	<p>(3) Les soumissionnaires sont appelés à présenter leurs offres initiales basées sur les aspects techniques sans indication de prix. L'entité de passation des marchés peut tenir des discussions techniques avec les soumissionnaires ayant présenté des offres remplissant les conditions requises. L'entité de passation des marchés retient au moins trois soumissionnaires dont les offres</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>z'ipiganwa zujuje ibisabwa kugira ngo ruzishingireho runononsora igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.</p> <p>(4) Mu cyiciro cya kabiri, urwego rutanga isoko ruhamagara ba nyir'inyandiko z'ipiganwa zatoranyijwe kugira ngo batange inyandiko z'ipiganwa za nyuma zirimo n'ibiciro bishingiye ku bisabwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kinononsoye.</p> <p>(5) Mu gutegura imiterere ya tekini mu gitabo kigaragaza uburyo ipiganwa rikorwa, urwego rutanga isoko rushobora guhindura ibyasabwaga mu gitabo cya mbere. Iyahinduwe cyangwa ibyongewemo bimenyeshwa abapiganwa mu nyandiko ibasaba inyandiko z'ipiganwa za nyuma.</p> <p>(6) Uwaba adashaka gutanga inyandiko y'ipiganwa ya nyuma, ashobora kuva mu ipiganwa nta nkurikizi y'uko ingwate y'isoko ye yafatirwa igihe yaba yarabwewe kuyitanga. Inyandiko za nyuma z'ipiganwa zigomba gusesengurwa kandi zikagereranywa kugira ngo haboneke utsindira isoko.</p> <p>(7) Ibiteganyijwe mu ngingo zigenga</p>	<p>(4) In the second stage, bidders whose bids have been accepted by the procuring entity are invited to submit final bids with prices based only on the technical specifications of the adjusted tender document.</p> <p>(5) In preparing technical specifications in a tender document, the procuring entity may modify any aspect originally set forth in the initial tender document. Such modifications or additions are communicated to bidders in the invitation to submit final bids.</p> <p>(6) A bidder not wishing to submit a final bid may withdraw from the tendering proceedings without seizing any bid security that he/she may have been required to provide. The final bids must be evaluated and compared in order to ascertain the successful bidder.</p> <p>(7) The provisions generally applicable to</p>	<p>sont substantiellement disant pour servir de base dans la finalisation du dossier d'appel d'offres.</p> <p>(4) A la seconde étape, les soumissionnaires dont les offres ont été retenues par l'entité de passation des marchés sont invités à donner leurs offres finales avec des prix basés uniquement sur les spécifications techniques du dossier d'appel d'offres ajusté.</p> <p>(5) Dans l'élaboration des spécifications techniques du dossier d'appel d'offre, l'entité de passation des marchés peut modifier les aspects prévus dans le dossier d'appel d'offres initial. Toute modification ou addition doit être communiquée aux soumissionnaires dans la lettre d'invitation à soumettre les offres finales.</p> <p>(6) Un soumissionnaire qui ne souhaite pas soumettre une offre finale peut se retirer du processus de compétition sans risque de saisie de la garantie de soumission qu'il aurait pu être tenu de fournir. Les offres finales doivent être évaluées et comparées afin de déterminer l'attributaire du marché.</p> <p>(7) Les dispositions généralement</p>
---	--	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>itangwa ry'amasoko muri rusange bigomba gukoreshwa mu ipiganwa mu byiciro bibiri, keretse mu gihe iyi ngingo inyuranye n'ibiteganywa na zo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 80:</u> Uburyo ikiganiro cya tekini giteganyijwe mu gihe cy'ipiganwa mu byiciro bibiri gikorwa</b></p> <p>(1) Ikiganiro cya tekini kivugwa mu gika cya (3) cy'ingingo ya 79 gikorwa mu nama aho:</p> <p>(a) nyuma y'ubutumire bw'urwego rutanga isoko, buri wese mu bapiganwa ufite inyandiko y'ipiganwa ishobora kwakirwa agomba kwitabira inama ubwe cyangwa akohereza umuhagarariye;</p> <p>(b) ingingo ziri muri buri nyandiko y'ipiganwa zishobora kwakirwa zifite akamaro mu kunononsora igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa zigomba kugaragazwa;</p> <p>(c) ingingo yakuwe mu nyandiko y'ipiganwa igomba kuba ifite imiterere rusange kandi itabogamiye ku nyandiko</p>	<p>tendering proceedings apply to two-stage tendering except to the extent that this Article is contrary to those provisions.</p> <p><b><u>Article 80:</u> Guidance on technical discussion during the two- stage tendering</b></p> <p>(1) A technical discussion referred to under Paragraph (3) of Article 79 is held in a meeting where:</p> <p>(a) after invitation by the procuring entity, any bidder whose bid was substantially responsive must personally attend the meeting or send a representative;</p> <p>(b) elements from each of the substantially responsive bids which are useful in adjusting the tender document must be highlighted;</p> <p>(c) an element from the bid must be of general nature and not favour anyhow the bid from which it was taken.</p>	<p>applicables aux procédures de passation de marchés sont applicables à l'appel d'offres en deux étapes, sauf lorsque le présent article est contraire à ces dispositions.</p> <p><b><u>Article 80 :</u> Guide de la discussion technique lors de l'appel d'offres en deux étapes</b></p> <p>(1) La discussion technique visée au paragraphe (3) de l'article 79 doit avoir lieu au cours d'une réunion où :</p> <p>(a) après invitation de l'entité de passation des marchés, tout soumissionnaire dont l'offre a été substantiellement conforme doit assister personnellement à la réunion ou y envoyer un représentant ;</p> <p>(b) les éléments de chacune des offres substantiellement conformes qui sont utiles pour ajuster le dossier d'appel d'offres doivent être mis en exergue ;</p> <p>(c) un élément de l'offre doit être de nature générale et ne favoriser en rien l'offre dont il est extrait.</p>
---	---	--



<p>y'ipiganwa yakuwemo.</p> <p>(2) Imigendekere y'inama igomba gufatirwa inyandikomvugo kandi igashyirwaho umukono n'abitabiriye inama bose. Kopi y'inyandikomvugo ihabwa abitabiriye inama bose kandi ikanohererezwa abapiganwa bafite inyandiko z'ipiganwa zishobora kwakirwa ariko batitabiriye inama y'ikiganiro cya tekini.</p> <p><b><u>Ingingo ya 81:</u> Gutanga isoko hakoreshejwe ipiganwa mu buryo bwa cyamunara</b></p> <p>Uburyo bwo gutanga isoko hakoreshejwe ipiganwa mu buryo bwa cyamunara bukoreshwa mu gutanga isoko ryerekeye ibigemurwa mu gihe imiterere yabyo ishobora kugenwa neza, aho igiciro cyangwa ingano aribyo byonyine byitabwaho kandi hari umubare munini w'abashobora gupiganira iryo soko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 82:</u> Inzira zo gutanga isoko hakoreshejwe ipiganwa mu buryo bwa cyamunara</b></p> <p>(1) Mu kugura ibikenewe hakoreshejwe ipiganwa mu buryo bwa cyamunara, urwego rutanga isoko rusaba ibiciro ku bigemurwa bikenewe mu gihe</p>	<p>(2) The process of the meeting is recorded and the minutes are signed by all attendants. A copy of the minutes must be given to attendants and sent to bidders whose bids were substantially responsive but who did not attend the technical discussion meeting.</p> <p><b><u>Article 81:</u> Reverse auctioning</b></p> <p>Reverse auction method is used in the procurement of standard goods or non-consultancy services for which specifications can be determined with precision, where price or quantity is the only determinant and where there exist a significant number of potential bidders.</p> <p><b><u>Article 82:</u> Procedure for reverse auction</b></p> <p>(1) In reverse auction, a procuring entity puts up a request for required goods during a scheduled time period and bidders will then place bids for the price they are</p>	<p>(2) Le déroulement de la réunion est enregistré et le procès-verbal est signé par tous les participants. Une copie du procès-verbal doit être remise aux participants et envoyée aux soumissionnaires dont les offres étaient substantiellement conformes mais qui n'ont pas participé à la réunion sur la discussion technique.</p> <p><b><u>Article 81 :</u> Enchères inversées</b></p> <p>La méthode des enchères inversées est utilisée pour la passation de marchés de fournitures pour lesquelles les spécifications peuvent être déterminées avec précision, où le prix ou la quantité est le seul facteur déterminant et où il existe un nombre important de soumissionnaires potentiels.</p> <p><b><u>Article 82 :</u> Procédure d'enchère inversée</b></p> <p>(1) Dans le cadre d'une enchère inversée, l'entité de passation des marchés lance une demande pour des fournitures requises pendant une période donnée</p>
---	---	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>cyagenwe, hanyuma abapiganwa bakagaragaza amafaranga bifuza kwishyurwa ku bintu bikenewe. Iyo cyamunara irangiye, urwego rutanga isoko rutoranya uwatanze igiciro gito akaba ari we uhabwa isoko.</p>	<p>willing to be paid for the needed supplies. At the end of the auction, the procuring entity will select and award the tender to the bidder with the lowest price.</p>	<p>et les soumissionnaires font ensuite des offres pour le montant qu'ils sont prêts à être payé. À la fin de l'enchère, l'entité de passation des marchés sélectionne et attribue le marché au soumissionnaire offrant le montant le plus bas.</p>
<p>(2) Gutanga isoko hakoreshejwe ipiganwa mu buryo bwa cyamunara bikorwa mu buryo bukurikira:</p>	<p>(2) In reverse auction, the following procedure is followed:</p>	<p>(2) Dans l'enchère inversée, la procédure suivante est suivie :</p>
<p>(a) urwego rutanga isoko rutangaza icyifuzo cy'ibigemurwa bikenewe kandi bifite imiterere isobanutse.</p>	<p>(a) a procuring entity advertises a request for required goods with clear specifications;</p>	<p>(a) l'entité de passation des marchés publie une demande de fournitures requises avec des spécifications claires ;</p>
<p>(b) abapiganwa bahita batanga ibiciro bifuza kwishyurwa ku bigemurwa mu gihe cyagenwe kitarenze iminsi cumi;</p>	<p>(b) bidders will then place bids for the price they are willing to be paid for the supplies within a prescribed period which does not exceed ten days;</p>	<p>(b) les soumissionnaires font alors des offres pour le montant qu'ils sont prêts à être payés pendant un délai prescrit qui sera d'au moins dix jours ;</p>
<p>(c) ibiciro by'abapiganwa mu gihe cyagenwe bigomba kugaragara ku bandi bapiganwa ariko hatagarajwe umwirondoro w'apiganwa;</p>	<p>(c) prices of bidders within the prescribed time shall be visible to other bidders without revealing the bidder's identity;</p>	<p>(c) les prix des soumissionnaires dans le délai prescrit seront visibles pour les autres soumissionnaires sans révéler l'identité du soumissionnaire ;</p>
<p>(d) abapiganwa bemerewe kuvugurura ibiciro byabo mbere yo kurangira kw'igihe cyagenwe ariko ntibemerewe kuvugurura ibiciro</p>	<p>(d) bidders are allowed to revise their prices before expiration of the prescribed time but shall not revise their bids upwards within the</p>	<p>(d) les soumissionnaires sont autorisés à réviser leurs prix avant l'expiration du délai prescrit mais ne peuvent pas</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>babizamura mu gihe cyagenwe;</p> <p>(e) iyo cyamunara irangiye, urwego rutanga isoko rutoranya ufite igiciro gito ku gihe ntarengwa cyo gutanga ibiciro akaba ari we uhabwa isoko.</p> <p>(3) Haseguriwe ibiteganywa n'izindi ngingo z'amategeko, urwego rutanga isoko rufatira amafaranga yo kwitabira ipiganwa mu gihe uwatsindiye isoko yanze gusinya amasezerano.</p> <p>(4) Ingingo zerekanywe n'ingwate yo kurangiza neza isoko zireba ubu buryo bw'itanga ry'isoko.</p>	<p>prescribed time;</p> <p>(e) at the end of the auction, the procuring entity will select and award the tender to the bidder with the lowest price at the bid submission deadline.</p> <p>(3) Without prejudice to other relevant provisions, the procuring entity shall seize the participation fees in case the successful bidder refuses to sign the contract.</p> <p>(4) Provisions on the performance security apply to this method.</p>	<p>réviser leur offre à la hausse dans le délai prescrit ;</p> <p>(e) à l'issue de l'enchère, l'entité de passation des marchés sélectionne et attribue le marché au soumissionnaire dont le montant est le plus bas à la date limite de soumission des offres.</p> <p>(3) Sans préjudice d'autres dispositions pertinentes, l'entité de passation des marchés saisit les frais de participation au cas où l'attributaire du marché refuse de signer le contrat.</p> <p>(4) Les dispositions relatives à la garantie de bonne exécution s'appliquent à cette méthode</p>
<p><b><u>Ingingo ya 83:</u></b> Gutanga isoko bishingiye ku biganiro n'abari ku rutonde rw'abatoranyijwe mu bapiganwe</p> <p>(1) Uburyo bwo gutanga isoko hakoreshejwe ibiganiro n'abari ku rutonde rw'abatoranyijwe mu bapiganwe bukoreshejwe mu gutanga amasoko ya Leta y'urusobe aho hashobora kuboneka ibisubizo byinshi ku bisabwa n'urwego rutanga isoko kandi hakaba hakenewe ibiganiro hagati</p>	<p><b><u>Article 83:</u></b> Procedure for competitive dialogue</p> <p>(1) Competitive dialogue is used in particularly complex procurement processes where a number of solutions that satisfy the procuring entity requirements may be possible, and the detailed technical and commercial arrangements to support those solutions require discussion and development</p>	<p><b><u>Article 83 :</u></b> Dialogue compétitif</p> <p>(1) Le dialogue compétitif est utilisé dans les processus de passation de marchés particulièrement complexes où un certain nombre de solutions répondant aux exigences de l'entité de passation des marchés peuvent être possibles, et où les arrangements techniques et commerciaux détaillés pour soutenir</p>

<p>y'impande zombi ku byerekeye tekini n'amahame y'ubucuruzi yafasha kugera kuri ibyo bisubizo. Gutanga isoko hakoreshejwe ibiganiro n'abari ku rutonde rw'abatoranyijwe bikorwa mu buryo bw'ipiganywa risesuye cg ipiganwa ry'abari ku rutonde ruhinye.</p> <p>(2) Isoko rifatwa nk'urusobe mu gihe, urwego rutanga isoko rudashoboye gutanga ibisobanuro bihagije bya tekini cyangwa imikorere n'ubunini bw'ibisabwa kandicyangwa gusobanura neza amategeko na cyangwa imari byerekeye iryo soko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 84:</u> Inzira zo gutanga isoko hakoreshejwe ibiganiro n'abari ku rutonde rw'abatoranyijwe mu bapiganwe</b></p> <p>(1) Binyujijwe mu ipiganwa risesuye, urwego rutanga isoko rusaba inyandiko z'ipiganwa z'ibanze cyangwa inyandiko z'ipiganwa z'icyiciro cya mbere hashingiwe ku bisobanuro by'ibikenewe mu buryo bwagutse, rugakora urutonde ruhinye nibura rw'inyandiko eshatu.</p>	<p>between the parties. Competitive dialogue is conducted through open competition or restricted tendering.</p> <p>(2) A tender is considered particularly complex if, the procuring entity is not objectively able to adequately define the technical or performance specifications and scope to satisfy its requirements and or adequately specify the legal and or financial arrangements of the procurement.</p> <p><b><u>Article 84:</u> Procedure for competitive dialogue</b></p> <p>(1) The procuring entity solicit proposals or first- stage bids in response to broad output specifications through an open competitive bidding process, following which a short-list from at least three of the initial proposals is created.</p>	<p>ces solutions nécessitent une discussion et un développement entre les parties. Le dialogue compétitif est effectué par appel d'offres ouvert u restreint.</p> <p>(2) Un marché est considéré comme particulièrement complexe si l'entité de passation des marchés n'est pas objectivement en mesure de définir de manière adéquate les spécifications techniques ou de performance et la portée pour satisfaire ses exigences et/ou de spécifier de manière adéquate les dispositions juridiques et/ou financières de l'achat.</p> <p><b><u>Article 84 :</u> Procédure pour le dialogue compétitif</b></p> <p>(1) L'entité de passation des marchés sollicite des propositions ou des offres de première étape en réponse aux spécifications générales par le biais d'un processus d'appel d'offres ouvert, à la suite duquel une liste restreinte d'au moins trois des propositions initiales est créée.</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(2) Urwego rutanga isoko rukora ibiganiro bitaziguye n'abapiganwa bashyizwe ku rutonde ruhinye. Ibiganiro bikoreshwa mu gukora ibisobanuro birambuye ku bisabwa bya tekini, ibyerekeye ingingo z'amasezerano kugira ngo rurusheho kunoza ibyaganiriweho.</p>	<p>(2) The procuring entity conducts a round of negotiations or dialogues directly with shortlisted bidders. Negotiations or dialogues are used to work out details of technical requirements, terms and conditions of the contract for further enhancing the competitive negotiated aspects.</p>	<p>(2) L'entité de passation des marchés mène un cycle de négociations ou de dialogues directement avec les soumissionnaires présélectionnés. Les négociations ou le dialogue permettent d'élaborer les détails des exigences techniques, les termes et les conditions du contrat afin de renforcer les aspects négociés de la concurrence.</p>
<p>(3) Mu gihe cy'ibiganiro, urwego rutanga isoko rugomba gufata abapiganwa bose kimwe kandi rukiyezeza ko ibisubizo byatanzwe cyangwa andi makuru yakiriwe mu biganiro bigirwa ibanga keretse upiganwa yemeye ko bitangazwa.</p>	<p>(3) During the dialogue, the procuring entity must treat all bidders equally and ensure that the solutions proposed or other information received in the dialogue is kept confidential unless the bidder agrees to disclosure.</p>	<p>(3) Au cours du dialogue, l'entité de passation des marchés doit traiter tous les soumissionnaires sur un pied d'égalité et veiller à ce que les solutions proposées ou les autres informations reçues au cours du dialogue restent confidentielles, sauf si le soumissionnaire accepte de les divulguer.</p>
<p>(4) Nyuma yo kunoza ibisobanuro by'imiterere y'ibisabwa, abapiganwa bari ku rutonde ruhinye basabwa gutanga inyandiko z'ipiganwa za nyuma kandi zigasuzumwa hashingiwe ku biteganywa mbere mu gitabo cy'ipiganywa.</p>	<p>(4) Final bids are requested from the shortlisted bidders after the specifications have been formalized and the evaluation is performed with pre-established criteria.</p>	<p>(4) Les offres finales sont demandées aux soumissionnaires présélectionnés après la formalisation des spécifications et l'évaluation est effectuée sur base des critères préétablis.</p>
<p>(5) Inzira y'ibiganiro yakozwe na buri wese witabiriye ipiganwa ikorerwa inyandiko kandi inyandiko mvugo isinywa n'abitabiriye bose kuri buri ruhande.</p>	<p>(5) The process of dialogue undertaken by each participating bidder is recorded and minutes are signed by attendants on both sides.</p>	<p>(5) Le déroulement de la réunion entreprise par chaque soumissionnaire participant est enregistré et le procès-verbal est signé par tous les participants.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 85: Ipiganwa rishingiye ku gukora inyigo y'imirimo no kuyishyira mu bikorwa</u></b></p> <p>Ubu buryo bukoreshwa:</p> <p>(a) mu gihe urwego rutanga isoko rushidikanya ko igishushanyo cyarwo, ari cyo gisubizo cyiza cyangwa rudafite ubushobozi cyangwa ibikoresho byo kwikorera inyigo, kandi rukaba rusanga guha isoko impuguke isoko ryo kubanza gukora inyigo bitari ngombwa;</p> <p>(b) iyo bibaye ngombwa kugabanya igihe gikenewe cyo gushaka impuguke yo gukora inyigo no gutegura igishushanyo cy'inyubako kugira ngo hatangire inzira zo gutanga amasoko y'imirimo;</p> <p>(c) Iyo bisabwa ko inyigo no kuyishyira mu bikorwa bikorwa n'uwatsindiye isoko umwe akaryozwa byose icyarimwe;</p> <p>(d) Mu gihe rwiyezamirimo</p>	<p><b><u>Article 85: Design and Build</u></b></p> <p>This method is used:</p> <p>(a) when the Procuring entity is uncertain that its own design, if any, is the best solution or does not have the capability and/or resources to design in-house, and hiring of specialized design consultant has been considered and found to be not justifiable;</p> <p>(b) when there is a need to reduce the time needed to hire a design consultant and for the preparation of engineering design to launch the bidding process for the procurement of works;</p> <p>(c) When there is a requirement of single point of responsibility where both the design and the construction are to be performed by the contractor;</p> <p>(d) when the contractor may bring</p>	<p><b><u>Article 85 : Marché de conception-construction</u></b></p> <p>Cette méthode est utilisée :</p> <p>(a) Lorsque l'entité de passation des marchés n'est pas sûre que sa propre conception, le cas échéant, soit la meilleure solution ou qu'elle n'a pas la capacité et/ou les ressources pour concevoir en interne, et que le recours à un consultant spécialisé en conception a été jugé non justifiable ;</p> <p>(b) lorsqu'il est nécessaire de réduire le temps nécessaire à l'embauche d'un consultant en conception et à la préparation de la conception technique afin de lancer le processus d'appel d'offres pour la passation de marchés de travaux ;</p> <p>(c) Lorsqu'il y a une exigence de responsabilité unique où la conception et la construction doivent être réalisées par l'attributaire du marché ;</p> <p>(d) lorsque l'entrepreneur peut</p>
---	---	---

<p>ashobora kuzana ibisubizo birimo ibitari byaratekerejwe birushaho kunoza igishushanyo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 86: Inzira zo gutanga isoko ryo gukora inyigo y'imirimu no kuyishyira mu bikorwa</u></b></p> <p>Uburyo bwo gutanga isoko hakoreshejwe ipiganwa rishingiye ku gukora inyigo y'imirimu no kuyishyira mu bikorwa bukurikiza inzira zikurikira:</p> <p>(a) urwego rutanga isoko rutanga iby'ibanze bigaragaza amakuru ahagije ku byerekeye tekini, ingano n'ibizagenderwaho mu masezerano y'iryo soko;</p> <p>(b) urwego rutanga isoko rutanga ibisobanuro birambuye byerekana ibyitezwe mu mushinga byumvikanisha neza ingano y'isoko, ikiguzi, imiterere n'urugero rw'ingaruka nyamukuru z'umushinga;</p> <p>(c) urwego rutanga isoko rusobanura ibyerekeye amakuru y'ibanze ajyanye n'ibifitanye isano n'amazi, ubushakashatsi, ibyerekeranye n'ibidukikije, imiterere y'ubutaka,</p>	<p>creative solutions which optimize the design.</p> <p><b><u>Article 86: Procedure for design and build</u></b></p> <p>When design and build method is used, the following procedure is followed:</p> <p>(a) the procuring entity performs front-end tasks by providing adequate technical and contractual information to bidders;</p> <p>(b) the procuring entity provides an adequately detailed description of the project outcome to enable bidders to fully understand the contract's scope, cost, the nature and extent of the main project risks;</p> <p>(c) the procuring entity provides hydrological baseline, investigations, geotechnical, environmental and social impact information, permits and consents that have been obtained</p>	<p>apporter des solutions créatives qui optimisent la conception.</p> <p><b><u>Article 86 : Procédure pour le marché conception-construction</u></b></p> <p>La procédure de passation de marchés publics de conception-construction se déroule conformément aux étapes suivantes :</p> <p>(a) l'entité de passation des marchés fournit des informations techniques et contractuelles adéquates aux soumissionnaires ;</p> <p>(b) l'entité de passation des marchés fait une description suffisamment détaillée du résultat du projet attendu pour permettre aux soumissionnaires de comprendre pleinement la portée du contrat, les coûts, la nature et l'étendue des principaux risques du projet ;</p> <p>(c) l'entité de passation des marchés fournit des informations de base hydrologiques, des enquêtes environnementales, géotechniques, sociales, des</p>
--	---	---

<p>ingaruka ku mibereho y'abaturage, ibyangombwa bitanga uburenganzira bwo gukora imirimo, ibigomba kwemeranywaho byabonetse cyangwa bikenewe;</p> <p>(d) urwego rutanga isoko rusobanura ibyerekeye imikorere, imitere cyangwa iby'ibanze bizakoreshwa bisabwa ku myubakire, hamwe n'ibyerekeye amasezerano;</p> <p>(e) abapiganwa batanga inyandiko y'ipiganwa igomba kuba ikubiyemo ibijyanye no gukora inyigo y'imirimo no kuyishyira mu bikorwa.</p>	<p>or are needed.</p> <p>(d) the procuring entity specifies performance, functional or basic structural requirements and terms of contractual conditions;</p> <p>(e) bidders submit the bids including details on both design and its execution.</p>	<p>permis, et des consentements qui ont été obtenus ou qui sont nécessaires ;</p> <p>(d) l'entité de passation des marchés fait une description de performances, spécifications ou des exigences fonctionnelles ou structurelles de base, et des termes des conditions contractuelles</p> <p>(e) les soumissionnaires établissent une offre qui doit comprendre les détails de l'étude de marchés de travaux et de sa mise en œuvre.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 87: Ipiganwa rishingiye ku gukora inyigo y'imirimo no kuyishyira mu bikorwa kugeza igihe imirimo yakiriwe</u></b></p> <p>(1) Uburyo bwo gukora inyigo y'imirimo no kuyishyira mu bikorwa kugeza igihe imirimo yakiriwe bukoreshwa mu gihe umushinga ari urusobe ariko ingano y'imirimo isobanutse neza ariko urwego rutanga isoko rudafite uburyo cyangwa ubushobozi bwo gukurikirana imicungire n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko kandi rukeneye</p>	<p><b><u>Article 87: Turnkey</u></b></p> <p>(1) Turnkey is used when the project has a high level of complexity and there is a well-defined scope of work and the procuring entity does not have the means or capability to handle the project management services but needs getting the works on time under a fixed budget.</p>	<p><b><u>Article 87 : Méthode de marché-clé en main</u></b></p> <p>(1) La procédure de marché-clé en main est utilisée lorsque le projet présente un niveau élevé de complexité, mais que l'étendue des travaux est bien définie et que l'entité de passation des marchés n'a pas de moyens ou de capacité de gérer les services de gestion de projet, mais qu'elle doit réaliser les travaux dans les délais</p>



<p>kubona imirimo irangiye ku gihe giteganyijwe ku giciro kidahinduka.</p> <p>(2) Ingingo zirebana n’ukurikirana imirimo nk’uko ziteganywa n’Itegeko rigenga amasoko ya Leta, zirakurikizwa.</p> <p>(3) Mu buryo bwo gukora inyigo y’imirimo no kuyishyira mu bikorwa kugeza igihe imirimo yakiriwe, urwego rutanga isoko rusobanura ibikenewe ariko uwatsindiye isoko niwe ufite inshingano zo gushyira mu bikorwa isoko harimo gukora inyigo n’ibishushanyo, kugura, kubaka, gushyiraho no gukurikirana imicungire y’ibikenewe kugeza igihe imirimo yakiriwe n’urwego rutanga isoko.</p>	<p>(2) The provisions of the law governing public procurement related to supervision of works apply.</p> <p>(3) Under Turnkey procedure, the procuring entity describes the needs but it is the duty of the contractor to design, procure, construct or install and ensure the project management aspect of the required needs or works until the final acceptance.</p>	<p>impartis et avec un budget fixe.</p> <p>(2) Les dispositions relatives à la supervision des travaux telles que prévues par la loi portant réglementation des marchés publics sont applicables.</p> <p>(3) Dans le cadre d'une procédure de marché-clé, l'entité de passation des marchés décrit les besoins, mais il incombe à l'attributaire du marché de concevoir, d'acheter, de construire ou d'installer et d'assurer la gestion de projet des besoins ou des travaux requis, puis, une fois prêt à fonctionner, de remettre les clés à l'entité de passation des marchés afin qu'elle puisse l'utiliser.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 88: Gukora isoko hakoreshejwe amafaranga y’uwatsindiye isoko akazishyurwa nyuma</u></b></p> <p>(1) Uburyo bwo gukora isoko hakoreshejwe amafaranga y’uwatsindiye isoko akazishyurwa nyuma cyangwa ukundi byumvikanweho mu masezerano, bukoreshwa mu gihe urwego rutanga isoko rudafite amafaranga cyangwa rufite adahagije yo gukora imirimo</p>	<p><b><u>Article 88: Pre-financing</u></b></p> <p>(1) Pre-financing is used when the procuring entity does not have funds or enough funds for the desired goods, works or services.</p>	<p><b><u>Article 88 : Préfinancement</u></b></p> <p>(1) Le préfinancement est une procédure de passation de marché utilisée lorsque l'entité de passation des marchés ne dispose pas de fonds ou de fonds suffisants pour obtenir les biens, les travaux ou les services requis.</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>y'icyo rwifuzwa icyo gihe.</p> <p>(2) Imitangire y'isoko ritangwa hakoreshejwe amafaranga y'uwatsindiye isoko, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigaragaza ko uzahabwa isoko azakoresha amafaranga kuri byose cyangwa igice cy'isoko ry'imirimo.</p> <p>(3) Amasezerano yerekana kandi igihe n'uburyo buteganijwe bwo kwishyura. Muri ubu buryo, rwiyezamazirimo azakoresha amafaranga ye cyangwa ashobora gushaka inkunga yo hanze.</p> <p>(4) Urwego rutanga isoko rwifuzwa gukoresha ubu buryo rusaba uburenganzira Minisitiri mbere yo kuriteganya mu igenamigambi ry'amasoko ya Leta.</p> <p>(5) Urwego rutanga isoko kandi rusaba uburenganzira Minisitiri mbere yo gushyira umukono ku masezerano.</p> <p><b><u>Ingingo ya 89:</u> Kudashobora kuzuba ibisabwa mu gukoresha uburyo bwo gutanga amasoko ya Leta</b></p> <p>(1) Iyo habonetse impamvu zituma</p>	<p>(2) Under pre-financing contract, the tender document specifies that the contractor will finance fully or partially goods, works or services.</p> <p>(3) The contract also indicates the expected payments modalities and related timelines. In this case, the contractor will pre-finance using its own funds or may seek external financing.</p> <p>(4) The procuring entity that plans to use this method seeks the authorization from the Minister before including it in the public procurement plan.</p> <p>(5) The procuring entity also requests for the authorization from the minister before signing the contract.</p> <p><b><u>Article 89:</u> Impossibility to meet the requirements for procurement methods</b></p> <p>(1) When prevailing circumstances make it</p>	<p>(2) Dans le cadre du préfinancement, le dossier d'appel d'offres spécifie que l'entrepreneur financera entièrement ou partiellement les biens, les travaux ou les services.</p> <p>(3) Le contrat indique également les modalités de paiement prévues et les délais correspondants. Dans ce cas, le contractant préfinance en utilisant ses propres fonds ou recherche un financement externe.</p> <p>(4) L'entité de passation des marchés qui souhaite utiliser cette méthode requiert l'autorisation du Ministre avant de l'envisager dans la planification des marchés publics</p> <p>(5) L'entité de passation de marchés requiert aussi l'autorisation du Ministre avant la signature du contrat.</p> <p><b><u>Article 89 :</u> Impossibilité de remplir les conditions d'utilisation des méthodes d'attribution des marchés</b></p> <p>(1) Lorsque les circonstances rendent</p>
---	---	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>hatuzuzwa ibisabwa kugira ngo uburyo buteganywa n'iri teka, kugira ngo ikigamijwe kigerweho, urwego rutanga isoko rusaba uburenganzira mu rwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano. Uru rwego rutanga uburenganzira rumaze kubona impamvu zuzvikana z'urwego rutanga isoko ziherekejwe n'icyemezo cy'umuyobozi w'urwego rureberera urwo rwego yemeza ko iryo soko riri mu nyungu rusange.</p> <p>(2) Urwego rureberera urwego rutanga isoko rushobora kuba Minisitiri ureberera urwego rusaba cyangwa Umuyobozi ukuriye Umuyobozi Mukuru ushinze gucunga imari n'umutungo bya Leta mu gihe urwego rusaba rutareberwa na Minisitiri.</p> <p>(3) Mu gusaba uburenganzira buvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, urwego rutanga isoko rugomba –</p> <p>(a) gutanga mu nyandiko ikimenyetso cy'uko ibisabwa kugira ngo hakoreshe uburyo bukwiye bidashobora kuzura ngo hatangwe isoko;</p> <p>(b) gusobanura ku buryo</p>	<p>impossible to meet the conditions for use of a given method under this Order, to award a public tender, the procuring entity seeks authorisation from the state organ in charge of Public Procurement. The entity gives the authorisation after receiving a reasonable justification from the procuring entity accompanied by a confirmation from the supervising authority, that such procurement is in public interest.</p> <p>(2) The supervising authority is either the supervising Minister of the procuring entity or the supervisor of the Chief Budget Manager in case there is no supervising Minister.</p> <p>(3) When seeking the authorization provided under paragraph (1) of this article, the procuring entity must –</p> <p>(a) provide in writing proof on how conditions for use of appropriate methods cannot be met to award a public tender;</p> <p>(b) explain in details the prevailing</p>	<p>impossible de remplir les conditions d'utilisation d'une méthode prévue par le présent Arrêté, l'entité de passation des marchés doit, pour passer un marché, demander l'autorisation à l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions. L'Organe donne l'autorisation après avoir reçu une justification raisonnable de l'entité de passation des marchés accompagnée d'une confirmation de l'autorité de supervision que ce marché est d'intérêt public.</p> <p>(2) L'autorité de supervision est soit le Ministre de tutelle de l'entité de passation des marchés, soit le superviseur du gestionnaire principal du budget s'il n'y a pas de Ministre de tutelle.</p> <p>(3) lorsqu'elle demande l'autorisation prévue par l'alinéa (1) de cet article, l'entité de passation des marchés doit –</p> <p>(a) fournir par écrit une preuve que les conditions d'utilisation des méthodes appropriées ne peuvent pas être remplies pour passer un marché public ;</p> <p>(b) expliquer en détail les</p>
--	--	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>burambuye impamvu ziriho zituma habaho gusaba uburenganzira;</p> <p>(c) gutanga ibisobanuro byerekana ko gutanga iryo soko biri mu nyungu rusange ndetse n'ingaruka zaterwa no kudatanga iryo soko;</p> <p>(d) gutanga icyemezo cya Minisitiri ureberera urwego rusaba cyangwa icy'Umuyobozi ukuriye Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta mu gihe urwego rusaba rutarebererwa na Minisiiri ko ibisobanuro urwego rutanga isoko rwatanze byumvikana kandi biri mu nyungu rusange.</p> <p>(4) Uburenganzira bwo gukoresha uburyo bw'ipiganwa ridasesuye butangwa n'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano mu gihe kitarenze iminsi irindwi y'akazi uhereye igihe cyakiriye ubusabe.</p> <p>(5) Iyo urwego rutanga isoko rusaba uburenganzira bwo gukoresha uburyo butari ipiganwa risesuye ari urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu</p>	<p>circumstances giving rise to the request for authorisation;</p> <p>(c) show a justification that the award of the tender is in the public interest and any relevant consequences in case the tender is not awarded;</p> <p>(d) submit the confirmation from the supervising Minister of the procuring entity or the supervisor of the Chief Budget Manager in case there is no supervising Minister, that the request is reasonable and serves the public interest.</p> <p>(4) The authorisation to use a less competitive method is given by the state organ in charge of Public Procurement within seven working days from the date of reception of the request.</p> <p>(5) If the procuring entity requesting the authorisation to use a less competitive method is the state organ in charge of Public Procurement, this authorisation is granted by</p>	<p>circonstances prévalant qui donnent lieu à la demande d'autorisation ;</p> <p>(c) justifier que l'attribution de ce marché est dans l'intérêt public et indiquer les conséquences pertinentes en cas de non-attribution de ce marché ;</p> <p>(d) soumettre la confirmation du Ministre de tutelle ou du superviseur du Gestionnaire principal du budget, s'il n'y a pas de Ministre de tutelle que la justification donnée par l'entité de passation des marchés est raisonnable et sert l'intérêt public.</p> <p>(4) L'autorisation d'utiliser une méthode moins compétitive est donnée par l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions dans un délai de sept jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande.</p> <p>(5) Si l'entité de passation des marchés qui demande l'autorisation d'utiliser une méthode moins concurrentielle est l'organe de l'État ayant la passation</p>
---	---	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>nshingano, ubwo burenganzira butangwa n’Inama y’Ubuyobozi y’urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano.</p> <p><b><u>Ingingo ya 90: Inyandiko zigomba gutangwa n’urwego rutanga isoko rusaba uburenganzira</u></b></p> <p>Mu gihe urwego rutanga isoko rutujuje ibisabwa kugira ngo rukoreshe uburyo buteganywa n’iri Teka, rugomba gushyikiriza ubusabe urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano rukoresheje urubuga rw’ikoranabuhanga ry’amasoko ya Leta. Urwego rutanga isoko rutanga inyandiko zirimo izi zikurikira:</p> <p>(a) inyandiko y’akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta itanga icyifuzonama ku busabe;</p> <p>(b) inyandiko isaba yashyizweho umukono n’Umugenga w’Ingengo y’Imari kandi igaragaza uburyo urwego rutanga isoko rwifuzaga gukoresha mu gutanga isoko;</p>	<p>the Board of Directors of state organ in charge of Public Procurement.</p> <p><b><u>Article 90: Documents to be submitted by the procuring entity requesting for authorization</u></b></p> <p>In case of impossibility to meet the requirements for methods provided for under this Order, the procuring entity requests an authorization to the state organ in charge of Public Procurement through e- procurement. The procuring entity is required to submit some documents including the following:</p> <p>(a) a report from the public tender committee giving its recommendation on the request;</p> <p>(b) a request signed by the Chief Budget Manager which also indicates the procurement method that the entity intends to use;</p>	<p>des marchés publics dans ses attributions, cette autorisation est accordée par le Conseil d'administration de cet Organe.</p> <p><b><u>Article 90: Documents à soumettre par l'entité de passation des marchés demandant une autorisation</u></b></p> <p>En cas d'impossibilité de satisfaire aux exigences des méthodes prévues par le présent arrêté, l'entité de passation des marchés qui demande une autorisation, soumet la demande à l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions par le biais du système électronique de passation des marchés publics. L'entité de passation des marchés est tenue de soumettre certains documents, notamment les suivants :</p> <p>(a) un rapport du comité de passation des marchés publics donnant sa recommandation sur la demande ;</p> <p>(b) une demande signée par le Gestionnaire Principal du budget qui indique également la méthode de passation de marché que l'entité a l'intention d'utiliser ;</p>
--	---	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(c) inyandiko y'urwego rutanga isoko kandi yashyizweho umukono n'Umugenga w'Ingengo y'Imari isobanura mu buryo burambuye impamvu ziriho zibuza urwego gukoresha uburyo busanzwe no kugaragaza inyungu rusange rugamije kwitaho. Inyandiko zose zisobanura izo mpamvu zavuzwe zishyirwa ku mugereka w'iyo nyandiko;</p> <p>(d) icyemezo cy'uko gutanga isoko biri mu nyungu rusange cyashyizweho umukono na Minisitiri ureberera urwego rusaba cyangwa icy'Umuyobozi ukuriye Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta mu gihe urwego rusaba rutarebererwa na Minisitiri.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 2: Uburyo bwihariye bw'Imitangire y'amasoko ya serivisi z'impuguke</u></b></p>	<p>(c) a document written by the procuring entity and signed by the Chief Budget Manager that gives details of prevailing circumstances preventing the entity from using the normal method and clarifying the public interest that the entity intends to serve. All supporting documents for the said reasons are attached to the request.</p> <p>(d) a confirmation that the procurement is in public interest signed by the supervising Minister of the procuring entity or the supervisor of the Chief Budget Manager in case there is no supervising Minister.</p> <p><b><u>Section 2: Specific method for procurement of consulting services</u></b></p>	<p>(c) un document rédigé par l'entité de passation des marchés et signé par le Gestionnaire principal du budget qui donne des détails sur les circonstances qui empêchent l'entité d'utiliser la méthode normale et qui clarifie l'intérêt public que l'entité entend servir. Toutes les pièces justificatives de ces raisons sont jointes à la demande ;</p> <p>(d) une confirmation que le marché est d'intérêt public signée par le Ministre de tutelle ou le superviseur du Gestionnaire principal du budget s'il n'y a pas de Ministre de tutelle.</p> <p><b><u>Section 2 : Méthode spécifique pour la passation des marchés de consultance</u></b></p>
--	---	---

**Official Gazette n° Special of 10/10/2023**

<b><u>Ingingo ya 91: Urutonde rw'abapiganwa no kugaragaza ubushake bwo gupiganwa</u></b>	<b><u>Article 91: Short listing and expressions of interest</u></b>	<b><u>Article 91 : Liste restreinte et manifestation d'intérêt</u></b>
(1) Isoko rifite agaciro kari hejuru ya FRW 100.000.000 ritangwa binyuze mu itangazo rihamagarira kugaragaza ubushake bwo gupiganwa.	(1) A tender for consulting services whose value does not exceed one hundred million Rwandan francs FRW 100,000,000 is awarded without calling for the expression of interest.	(1) Un marché de services de consultance dont la valeur est supérieure à 100.000.000 FRW est attribué par appel à manifestation d'intérêt.
(2) Icyakora isoko rya serivisi z'impuguke zifite agaciro katarenze FRW 100.000.000 zitangwa hatabanje guhamagarira kugaragaza ubushake bwo gupiganwa.	(2) A tender whose value is above one hundred million Rwandan francs FRW 100,000,000 is awarded by calling for expression of interest.	(2) Toutefois, un marché de services de consultance dont la valeur ne dépasse pas 100.000.000 FRW est attribué sans appel à la manifestation d'intérêt.
(3) Urwego rutanga isoko rukora urutonde rw'abapiganywa bujuje ibisabwa ariko umubare wabo ntugomba kurenga umunani kandi ntugomba kujya muni ya batatu.	(3) The procuring entity shortlists all qualified consulting firms but their number should not exceed eight and not less than three	(3) L'entité de passation des marchés établit une liste restreinte de toutes les sociétés de consultance qualifiées, mais leur nombre ne doit pas dépasser huit et ne doit pas être inférieur à trois.
(4) Ku masoko yo mu gihugu, abashobora kugaragaza ubushake bwo gupiganwa bahabwa byibura 14 yo gutegura inyandiko zabo kuva umunsi bahamagariye kugaragaza ubushake bwo gupigana.	(4) For national tenders, potential applicants are given at least 14 days for preparation of their applications from the date of calling for expression of interest.	(4) Pour les appels d'offres nationaux, les soumissionnaires potentiels disposent d'un délai d'au moins 14 jours pour préparer leur dossier de candidature à compter de la date de l'appel à manifestation d'intérêt.
(5) Ku masoko mpuzamahanga, abashobora kugaragaza ubushake bwo gupiganwa bahabwa byibura iminsi 21 yo gutegura inyandiko zabo kuva umunsi bahamagariye kugaragaza	(5) For international tenders, potential applicants are given at least 21 days for preparation of their applications from the date of calling for expression of interest.	(5) Pour les appels d'offres internationaux, les soumissionnaires potentiels disposent d'un délai minimum de 21 jours pour préparer leurs soumissions à compter de la date de l'appel à

<p>ubushake bwo gupigana.</p> <p><b><u>Ingingo ya 92: Itangazo rihamagarira kugaragaza ubushake bwo gupiganwa</u></b></p> <p>Itangazo rihamagarira kugaragaza ubushake bwo gupiganwa rigomba gutangwa ku buryo bw'ikoranabuhanga kandi rigaragamo ibi bikurikira:</p> <p>(a) izina ry'urwego rutanga isoko n'aho rubarizwa;</p> <p>(b) imiterere muri make ya serivisi z'impuguke zigomba gutangwa;</p> <p>(c) ubushobozi busabwa uzana inyandiko y'ipiganwa;</p> <p>(d) igihe inyandiko zigaragaza ubushake bwo gupiganwa zigomba gutangirwa ku rubuga rw'ikoranabuhanga.</p>	<p><b><u>Article 92: Notice of expression of interest</u></b></p> <p>The notice of expression of interest must be done online and set out the following:</p> <p>(a) the name and address of the procuring entity;</p> <p>(b) a brief description of consultancy services to be provided;</p> <p>(c) the qualification necessary to be invited to submit a bid;</p> <p>(d) indication of time for online submission of the documents related to the expression of interest.</p>	<p>manifestation d'intérêts.</p> <p><b><u>Article 92 : Avis de manifestation d'intérêt</u></b></p> <p>L'avis de manifestation d'intérêt doit être fait en ligne et comporter les éléments suivants :</p> <p>(a) le nom et l'adresse de l'entité de passation des marchés ;</p> <p>(b) une brève description des services de consultance à fournir ;</p> <p>(c) la qualification nécessaire pour être invité à soumettre une offre ;</p> <p>(d) l'indication du délai de soumission électronique des documents relatifs à la manifestation d'intérêt.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 93: Inyandiko ihamagarira gupiganira serivisi z'impuguke</u></b></p> <p>(1) Inyandiko ihamagarira ipiganwa impuguke ziri ku rutonde rw'abapiganwa igomba kuba ikubiyemo inyandiko nsobanuramiterere y'isoko irimo nibura ibi bikurikira:</p>	<p><b><u>Article 93: Request for proposals</u></b></p> <p>(1) The request for proposals must include the terms of reference indicating the following information:</p>	<p><b><u>Article 93 : Demande de propositions</u></b></p> <p>(1) La demande de propositions doit inclure les termes de référence indiquant les informations suivantes :</p>



Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(a) ibigamijwe, intego n'ibirebwa n'akazi kagomba gukorwa n'andi makuru yose yafasha impuguke mu gutegura neza inyandiko y'ipiganwa;</p> <p>(b) ubumenyi cyangwa amahugurwa ndetse n'umubare w'abakozi bazahugurwa igihe bikenewe ;</p> <p>(c) serivisi n'inyigo y'imiterere y'ahantu bya ngombwa bigomba gukorwa n'umusaruro utegerejwe kuvamo harimo raporo, amakuru ku mibare n'amakarita y'ahantu;</p> <p>(d) aho serivisi zizatangirwa n'igihe zigomba gutangwamo;</p> <p>(e) ibisobanuro birambuye kuri serivisi, ibizafasha mu kazi, ibikoresho n'abakozi bagomba gutangwa n'urwego rutanga isoko;</p> <p>(f) urwego rw'ubumenyi bw'abakozi b'ingenzi bubariwe mu mibyizi y'abakozi mu kwezi impuguke zisabwa</p> <p>(2) Urwego rutanga isoko ruha inyandiko ihamagarira ipiganwa impuguke ziri ku</p>	<p>(a) the objectives, goals and scope of the assignment and providing background information which may help the consultants to prepare their proposals;</p> <p>(b) transfer of knowledge or training as well as the number of staff to be trained where necessary;</p> <p>(c) the services and surveys necessary to carry out the assignment and the expected outputs including reports, data and maps;</p> <p>(d) where and when the services are to be provided;</p> <p>(e) full details of the services, facilities, equipment, and staff to be provided by the procuring entity;</p> <p>(f) an estimate of the capacity of key staff inputs in terms of staff-months required from procuring entity.</p> <p>(2) The procuring entity issues the request for proposals to the short-listed</p>	<p>(a) les objectifs, les buts et la portée de la mission et fournissant des informations de base qui peuvent aider les consultants à préparer leurs propositions ;</p> <p>(b) le transfert de connaissances ou la formation ainsi que le nombre de personnes à former si nécessaire ;</p> <p>(c) les services et les enquêtes nécessaires à la réalisation de la mission et les résultats attendus, y compris les rapports, les données et les cartes ;</p> <p>(d) le lieu et le moment où les services doivent être fournis ;</p> <p>(e) des informations détaillées sur les services, les installations, les équipements et le personnel qui seront fournis par l'entité de passation des marchés</p> <p>(f) une estimation de la capacité du personnel clé en termes de personnes par mois requis par l'entité de passation des marchés.</p> <p>(2) L'entité de passation des marchés envoie la demande de propositions aux</p>
--	--	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>rutonde rw'abapiganwa bake, rubasaba kwemeza niba bazitabira ipiganwa. Abari ku rutonde ruhinye bahabwa nibura iminsi 14 yo gutegura inyandiko z'ipiganw kw'ipiganwa ku masoko yokurwego rw'gihugu n'iminsi 21 ku masoko yok u rwego mpuzamahanga.</p> <p>(3) Inyandiko ihamagarira ipiganwa impuguke ziri ku rutonde rw'abapiganwa bake igomba kuba irimo nibura ibi bikurikira:</p> <p>(a) izina ry'urwego rutanga isoko n'aho rubarizwa;</p> <p>(b) imiterere, igihe n'ahantu byerekeye serivisi z'impuguke zigomba gutangwa, inyandiko nsobanuramiterere y'isoko, akazi kagomba gukorwa n'umusaruro witezwe;</p> <p>(c) ingingo rusange n'izihariye zigenga amasezerano y'isoko;</p> <p>(d) amabwiriza yo gutegura no gutanga inyandiko z'ipiganwa asaba ko inyandiko y'ipiganwa igomba kuba irimo inyandiko y'ibya tekini ukwayo</p>	<p>consultants, asking them to confirm their participation. The shortlisted firms are given 14 days for preparation of proposals on national competitive bidding and 21 days for international competitive bidding.</p> <p>(3) The request for proposals to the short-listed consultants must include at least the following information:</p> <p>(a) the name and address of the procuring entity;</p> <p>(b) the nature, time frame and location of the consultancy services to be provided, terms of reference, required tasks and outputs;</p> <p>(c) the general and specific conditions governing the contract;</p> <p>(d) instructions for the preparation and submission of proposals which must require that a proposal include separately a technical proposal and a financial</p>	<p>consultants mis sur la liste restreinte, en leur demandant de confirmer leur participation. Les consultants de la liste restreinte doivent disposer d'au moins 14 jours pour préparer leurs propositions pour les appels d'offres nationaux et de 21 jours pour les appels d'offres Internationaux.</p> <p>(3) La demande de propositions adressée aux consultants de la liste restreinte doit comprendre au moins les informations suivantes:</p> <p>(a) le nom et l'adresse de l'entité de passation des marchés ;</p> <p>(b) la nature, le calendrier et le lieu des services de consultance à fournir, les termes de référence, les tâches et les résultats requis ;</p> <p>(c) les conditions générales et particulières régissant le contrat ;</p> <p>(d) les instructions pour la préparation et la soumission des propositions qui doivent exiger qu'une proposition comprenne séparément une</p>
--	---	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>n'iy'ibijyanye n'amafaranga ukwayo;</p> <p>(e) igihe inyandiko igaragaza ubushake bwo gupiganwa zigomba gutangirwa ku rubuga rw'ikorabuhanga;</p> <p>(f) amabwiriza n'ingingo zishingirwaho mu gusesengura no kugereranya inyandiko z'ipiganwa harimo -</p> <p>(i) amabwiriza n'ibisabwa ku isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa rya tekini n'ibisabwa byose kugira ngo inyandiko y'ipiganwa ibe yujuje ibisabwa;</p> <p>(ii) amabwiriza n'ibisabwa ku isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa ry'ibijyanye n'amafaranga;</p> <p>(iii) ubundi buryo bwose bwakoreshwa mu isesengura, bushobora gusobanura no gusubiza ibibazo imbonankubone. Amabwiriza n'ibisabwa kuri ubwo buryo bw'inyongera bigomba gushyirwa mu</p>	<p>proposal;</p> <p>(e) when proposals must be submitted through website;</p> <p>(f) the procedures and criteria to be used to evaluate and compare the proposals including -</p> <p>(i) the procedures and criteria for evaluating technical proposals which must provide the basis on which to decide on the responsive proposal;</p> <p>(ii) the procedures and criteria for evaluating the financial proposals;</p> <p>(iii) any other additional evaluation method which may include interviews or presentations. The procedures and criteria for that additional method must be included in the tender document;</p>	<p>proposition technique et une proposition financière ;</p> <p>(e) les cas où les propositions doivent être soumises par le biais d'un site web ;</p> <p>(f) les procédures et les critères à utiliser pour évaluer et comparer les propositions, y compris -</p> <p>(i) les procédures et les critères d'évaluation des propositions techniques qui doivent servir de base pour décider de la proposition gagnante ;</p> <p>(ii) les procédures et critères d'évaluation des propositions financières ;</p> <p>(iii) toute autre méthode d'évaluation supplémentaire qui peut inclure des entretiens ou des présentations. Les procédures et critères de cette méthode supplémentaire doivent</p>
--	--	---

<p>gitabo cyerekeye uburyo ipiganwa rikorwa;</p> <p>(iv)inyandiko ikumira igongana ry'inyungu n'amategeko arwanya uburiganya na ruswa, birimo no guhagarikwa gupiganira amasoko ya Leta;</p> <p>(v) izindi ngingo ziteganywa n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 3: Uburyo bwo gutoranya abapiganira serivisi z'impuguke n'ibigenderwaho</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 94: Gutoranya impuguke hakoreshejwe amanota ya tekiniki n'ay'ibiciro</u></b></p> <p>(1) Urwego rutanga isoko rukoresha ipiganwa hagati y'abashyizwe ku rutonde ruhinye rw'abapiganwa, mu gutoranya impuguke, hitabwa ku ireme ry'inyandiko y'ibiganwa n'igiciro cya serivisi z'impuguke.</p>	<p>(iv)notice of conflict of interest restrictions and anti-fraud and corruption rules, including the grounds for potential disqualifications from future participation in public procurement;</p> <p>(v) any other matters provided for in the public procurement regulations.</p> <p><b><u>Section 3: Selection method and criteria for consultancy service tenders</u></b></p> <p><b><u>Article 94: Selection of consultants using the quality-cost based selection method</u></b></p> <p>(1) The procuring entity uses a competitive process among short-listed consultants in the selection of the successful consultant. It uses the Quality and cost-based selection as a default method by taking into account the quality of the proposal and the cost of the service.</p>	<p>être inclus dans le document d'appel d'offres ;</p> <p>(iv)la notification des restrictions en matière de conflits d'intérêts et des règles de lutte contre la fraude et la corruption, y compris les motifs de disqualification potentielle de toute participation future à des marchés publics ;</p> <p>(v) toute autre question prévue par la réglementation des marchés publics.</p> <p><b><u>Section 3 : Méthodes et critères de sélection pour les marchés de consultance</u></b></p> <p><b><u>Article 94 : Sélection des consultants utilisant la méthode de sélection basée sur la qualité-coût</u></b></p> <p>(1) L'entité de passation des marchés utilise un processus de compétition entre les consultants mis sur la liste restreinte lors de la sélection de consultant. En tenant compte de la qualité des offres et du coût de leur service.</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(2) Gutoranya abapiganwa bikubiyemo intambwe zikurikira:</p> <p>(a) gutegura no gutanga inyandiko ihamagarira gupiganira serivisi z'impuguke;</p> <p>(b) kwakira inyandiko z'ipiganwa;</p> <p>(c) gusesengura inyandiko z'ipiganywa za tekini, hasuzumwa ubushobozi;</p> <p>(d) gufungura ku mugaragaro inyandiko z'ipiganwa zerekeye ibiciro ;</p> <p>(e) gusesengura inyandiko z'ipiganwa zerekeye ibiciro;</p> <p>(f) isesengura rya nyuma ry'ubushobozi n'igiciro; na</p> <p>(g) imishyikirano no gutanga amasezerano ku mpuguke yatoranijwe.</p>	<p>(2) The selection process shall include the following steps:</p> <p>(a) preparation and issuance of the Request for Proposals;</p> <p>(b) receipt of proposals;</p> <p>(c) evaluation of technical proposals: consideration of quality;</p> <p>(d) public opening of financial proposals;</p> <p>(e) evaluation of financial proposals;</p> <p>(f) final evaluation of quality and cost; and</p> <p>(g) negotiations and award of the contract to the selected consultant.</p>	<p>(2) Le processus de sélection comprend les étapes suivantes :</p> <p>(a) préparation et émission de la demande de propositions ;</p> <p>(b) réception des propositions ;</p> <p>(c) évaluation des propositions techniques: prise en compte de la qualité ;</p> <p>(d) ouverture publique des propositions financières ;</p> <p>(e) évaluation des propositions financières ;</p> <p>(f) l'évaluation finale de la qualité et du coût ; et</p> <p>(g) négociations et attribution du contrat au consultant sélectionné.</p>
<p>(3) Amanota yose aboneka hateranyijwe aya tekini n'ay'igiciro. Uburemere bwa tekini n'ubw'igiciro bugenwa hakurikijwe uburemere n'imiterere y'akazi kagomba gukorwa.</p>	<p>(3) The overall score is obtained by adding the technical and financial scores. The technical and the financial scores are determined according to the complexity and nature of the assignment. The</p>	<p>(3) Le score total est obtenu en additionnant les scores techniques et financiers. Les scores techniques et financiers sont déterminés sur base de la complexité et de la</p>

**Official Gazette n° Special of 10/10/2023**

<p>(3) Amafaranga y'ingwate y'ipiganwa ashobora kuba ijanisha ry'agaciro k'amasezerano mu buryo bukurikira:</p> <p>(a) 5% ry'agaciro k'amasezerano ku masoko afite agaciro karenze FRW 500.000.000;</p> <p>(b) 6% ry'agaciro k'amasezerano ku masoko afite agaciro kuva kuri FRW 100.000.000 kugeza kuri FRW 500.000.000;</p> <p>(c) 7% ry'agaciro k'amasezerano ku masoko afite agaciro kuva kuri FRW 50.000.000 kugeza kuri FRW 100, 000,000;</p> <p>(d) 10% ku ijana ry'agaciro k'amasezerano ku masoko afite agaciro kuva kuri FRW 20.000.000 kugeza kuri FRW 50.000.000.</p>	<p>(3) The amount of the performance security may be a percentage of the contract value as follows:</p> <p>(a) 5% of the value of the contract whose value exceed FRW 500,000,000;</p> <p>(b) 6% of the contract price whose value between FRW 100,000,000 FRW to FRW 500,000,000;</p> <p>(c) 7% of the contract price whose value is between FRW 50,000,000 to FRW 100,000,000;</p> <p>(d) 10% per cent of the contract price whose value is between FRW 20,000,000 to FRW 50,000,000.</p>	<p>(3) Le montant de la garantie de bonne exécution peut être un pourcentage de la valeur du contrat de la manière suivante:</p> <p>(a) 5% du montant du contrat dont la valeur dépasse 500.000.000 FRW ;</p> <p>(b) 6% du montant du contrat dont la valeur est comprise entre 50 000 000 FRW) à 100.000.000 FRW ;</p> <p>(c) 7% du prix du contrat dont la valeur est comprise entre 50.000.000 FRW et 100.000.000 FRW ;</p> <p>(d) 10% pour cent du prix du contrat dont la valeur est comprise entre 20.000.000 FRW et 50.000.000 FRW.</p>
<p>(4) Amasoko afite agaciro FRW 20.000.000 n'amasoko ashingiye ku masezerano asasiye mu gihe urupapuro rusaba kugemura ibintu bifite agaciro katarenga FRW 20.000.000, ntasabirwa ingwate yo kurangiza neza isoko. icyakora, uwatsindiye isoko asabwa gusa gutanga inyandiko yishingira kurangiza isoko neza.</p>	<p>(4) The performance security is not required for all tenders whose amount does not exceed FRW 20,000,000 and tenders for framework agreements when the purchase order value does not exceed FRW 20,000,000. However, the successful bidder will submit the performance securing declaration.</p>	<p>(4) Tous les marchés dont le montant ne dépasse pas 20.000.000 FRW et les marchés pour les accords-cadres ne dépassant pas 20.000.000 FRW selon le bon de commande, ne nécessitent pas de garantie de bonne exécution. L'attribitaire du marché soumettra uniquement la déclaration de garantie de bonne exécution.</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(5) Mu masoko ashingiye ku masezerano asasiye, urwego rutanga isoko rusaba ingwate yo kurangiza neza isoko kuri buri nyandiko isaba kugemura irengeje FRW 20.000.000.</p> <p>(6) Ku masoko yo mu gihugu, ingwate yo kurangiza neza isoko itangwa mu gihe kitarenze iminsi 15 uherye ku munsu ibaruwa itumira kuza gushyira umukono ku masezerano yatangiwe.</p> <p>(7) Ku masoko mpuzamahanga, ingwate yo kurangiza neza isoko itangwa mu minsi itarenze 21 uherye ku munsu ibaruwa itumira kuza gushyira umukono ku masezerano yatangiwe.</p> <p>(8) Ingwate yo kurangiza neza isoko itangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga hagati y'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta n'ikoranabuhanga ry'ikigo cyahaye ingwate uwatsindiye isoko keretse ku byerekeye amasoko atangwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga.</p> <p>(9) Ku masoko atangwa mu ipiganwa rigenewe abapiganwa bake ku rwego rw'igihugu no mu buryo bw'inzira ngufi, ingwate yo kurangiza neza isoko</p>	<p>(5) For a framework agreement, the procuring entity requires the performance security per each purchase order exceeding FRW 20,000,000.</p> <p>(6) For national tenders, the performance security is provided within 15 days from the submission date of the invitation letter to sign the contract.</p> <p>(7) For international tenders, the performance security is provided within 21 days from the submission date of the invitation letter to sign the contract.</p> <p>(8) The submission of a performance security is done electronically between e-procurement and the internal electronic system of the institution issuing the security to the successful bidder, except for tenders awarded through non-electronic means.</p> <p>(9) In case of public procurement by simplified method, for national restricted tendering, the performance security is provided within five days from the</p>	<p>(5) Pour un accord-cadre, l'entité de passation des marchés exige une garantie de bonne exécution pour chaque bon de commande supérieure à 20 000 000 FRW.</p> <p>(6) Pour les appels d'offres nationaux, la garantie de bonne exécution est fournie dans un délai de 15 jours à compter de la date de soumission de la lettre d'invitation à signer le contrat.</p> <p>(7) Pour les appels d'offres internationaux, la garantie de bonne exécution est fournie dans un délai de 21 jours à compter de la date de soumission de la lettre d'invitation à signer le contrat.</p> <p>(8) La soumission d'une garantie de bonne exécution se fait par voie électronique entre le système électronique de passation de marchés publics et le système électronique interne de l'institution qui délivre la garantie à l'attributaire du marché sauf pour les marchés attribués par les voies non-électroniques.</p> <p>(9) Dans le cas des marchés publics par méthode simplifiée, pour les appels d'offres nationaux restreints, la garantie de bonne exécution est</p>
--	---	--

<p>itangwa mu gihe kitarenze minsi itanu uhereye ku muni ibaruwa itumira kuza gushyira umukono ku masezerano yatangiwe, naho ku masoko mpuzamahanga, ingwate itangwa mu gihe kitarenze iminsi umunani uhereye ku muni ibaruwa itumira kuza gushyira umukono ku masezerano yatangiwe-</p>	<p>submission date of the invitation letter to sign the contract, while for international tenders, it is provided within eight days from the submission date of the invitation letter to sign the contract.</p>	<p>fournie dans les cinq jours à compter de la date de soumission de la lettre d'invitation à signer le contrat, tandis que pour les appels d'offres internationaux, elle est fournie dans les huit jours à compter de la date de soumission de la lettre d'invitation à signer le contrat.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 110: Imiterere y'ingwate yo kurangiza neza isoko</u></b></p>	<p><b><u>Article 110: Forms of performance security</u></b></p>	<p><b><u>Article 110 : Formes de la garantie de bonne exécution</u></b></p>
<p>(1) Ingwate yo kurangiza neza imirimo ishobora kuba ingwate yatanzwe n'ikigo cy'imari cyemewe, ubwishingizi bwo kurangiza neza isoko, ibaruwa y'inguzanyo idasubirwaho cyangwa ubwishingizi bw'umwuga.</p>	<p>(1) The performance security may take the form of a financial institution Security, performance bonds, irrevocable letter of credit or professional indemnity insurance.</p>	<p>(1) La garantie de bonne exécution peut prendre la forme d'une garantie d'un établissement financier, une caution de bonne fin, une lettre de crédit irrévocable ou une assurance de responsabilité professionnelle.</p>
<p>(2) Mu gihe ibikubiye mu masezerano bidakozwe byose cyangwa bidakozwe neza, urwego rutanga isoko rufatira nta mapaka ingwate yo kurangiza neza isoko nk'indishyi kandi bitabangamiye ibindi bihano biteganijwe n'amategeko abigenga.</p>	<p>(2) In case the contract is not fully or well executed, the performance security shall unconditionally be fully seized by the procuring entity as compensation without prejudice to other penalties provided for by the relevant laws.</p>	<p>(2) Si le marché n'est pas entièrement ou correctement exécuté, la garantie de bonne exécution est saisie intégralement et sans condition par l'entité de passation des marchés à titre de compensation, sans préjudice des autres sanctions prévues par les lois en la matière.</p>
<p>(3) Inyandiko y'icyitegererezo ku miterere ya buri ngwate yo kurangiza neza isoko ivugwa muri iyi ngingo ishyirwa mu gitabo cy'ipiganwa.</p>	<p>(3) Standard templates for each of the performance security mentioned under this provision is included in the Tender document.</p>	<p>(3) Des modèles standards pour chacune des garanties de bonne exécution mentionnées dans cette disposition sont inclus dans le dossier d'appel d'offres.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 111:</u> Ingwate yo kurangiza neza imirimo yatanzwe n'ikigo cy'imari</b></p> <p>Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigomba gusaba ingwate yo kurangiza neza isoko muri banki cyangwa ikindi kigo cy'imari cyibemerewe. Iyo ingwate yo kurangiza neza imirimo iturutse mu mahanga, uwatsindiye isoko agomba kwerekana icyemezo gitanzwe n'uwatanze ingwate kerekana banki bakorana mu Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 112:</u> Ubwishingizi bwo kurangiza neza isoko bw'ikigo cy'imari</b></p> <p>Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora gusaba ubwishingizi bwo gukora neza isoko butangwa na banki, isosiyete y'ubwishingizi, cyangwa ikindi kigo icyo aricyo cyose cyemerewe gutanga izo ngwate, kugira ngo yishingire inshingano z'uwatsindiye isoko zikubiye mu masezerano.</p> <p><b><u>Ingingo ya 113:</u> Ibaruwa y'inguzanyo idasubirwaho</b></p> <p>Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora gusaba ingwate mu buryo bw'ibaruwa y'inguzanyo idasubirwaho</p>	<p><b><u>Article 111:</u> Performance Security issued by a financial institution</b></p> <p>The Tender document requires the performance security from a bank or any other authorized financial institution. When the performance security is issued from a foreign country, the bidder shall submit the issuer's proof of a corresponding bank in Rwanda.</p> <p><b><u>Article 112:</u> Performance bond</b></p> <p>The tender document may require a performance bond issued by a bank, an insurance company, or any other institution accredited to issue such bonds, to assume the liability related to the successful bidder's obligations under the contract.</p> <p><b><u>Article 113:</u> Irrevocable letter of credit</b></p> <p>The Tender document may require the security in a form of irrevocable letter of credit issued by a bank. When the letter of</p>	<p><b><u>Article 111</u> : Garantie de bonne exécution émise par une institution financière</b></p> <p>Le dossier d'appel d'offres exige une garantie de bonne exécution émise par une banque ou toute autre institution financière autorisée. Lorsque la garantie de bonne exécution est émise à partir d'un pays étranger, le soumissionnaire doit soumettre la preuve de l'émetteur d'une banque correspondante au Rwanda.</p> <p><b><u>Article 112</u> : Caution de bonne fin</b></p> <p>Le dossier d'appel d'offres peut exiger une caution de bonne fin émise par une banque, une société d'assurance ou toute autre institution habilitée pour émettre de telles garanties, afin d'assumer la responsabilité liée aux obligations de l'attributaire du marché dans le cadre du contrat.</p> <p><b><u>Article 113</u> : Lettre de crédit irrévocable</b></p> <p>Le dossier d'appel d'offres peut exiger une garantie sous la forme d'une lettre de crédit irrévocable émise par une banque. Lorsque</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>yatanzwe na banki. Iyo ibaruwa y'inguzanyo itanzwe na banki yo mu mahanga, uwegukanye isoko agomba kwerekana icyemezo cy'uwatanze iyo baruwa cyerekana banki bakorana Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 114: Ubwishingizi bw'umwuga</u></b></p> <p>Ubwishingizi bw'umwuga butangwa n' amasosiyete y'ubwishingizi kugira ngo yishingire ingaruka zo kutubahiriza inshingano z'umwuga harimo izikomoka ku makosa, kwirengagiza cyangwa uburangare mu mwuga. Ubu bwoko bw'ingwate bukoreshwa gusa ku masoko ya serivisi z'impuguke zifite amategeko agenga ibyerekeye umwuga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 115: Uburyo bw'ifatirwa ry'ingwate mu masoko ya Leta</u></b></p> <p>(1) Iyo uwatsindiye isoko yanze gushyira umukono ku masezerano y'isoko cyangwa akananirwa gutanga ingwate yo kwishingira ko azarangiza isoko neza, urwego rutanga isoko rumumenyeshya ko yambuwe isoko yatsindiye kandi ko rufatirye ingwate y'ipiganwa yatanze;</p>	<p>credit is issued by a foreign bank, the bidder shall submit the issuer's proof of a corresponding bank in Rwanda.</p> <p><b><u>Article 114: Professional Liability Insurance</u></b></p> <p>The Professional Indemnity Insurance policy is issued by insurance companies to provide protection against breach of duty owed in a professional capacity involving liability arising from error, omission or professional negligence. This type of security applies only to professionally regulated consultancy services.</p> <p><b><u>Article 115: Modalities for the seizure of securities in public procurement</u></b></p> <p>(1) If the successful bidder refuses to sign the contract or fails to provide a performance security, the procuring entity notifies him or her that he or she is deprived of the tender he or she has been awarded and that the bid security he or she provided is seized;</p>	<p>la lettre de crédit est émise par une banque étrangère, le soumissionnaire doit soumettre la preuve de l'émetteur d'une banque correspondante au Rwanda.</p> <p><b><u>Article 114 : Assurance de responsabilité professionnelle</u></b></p> <p>La police d'assurance responsabilité professionnelle est émise par des sociétés d'assurance pour fournir une protection contre le manquement à une obligation due à titre professionnel impliquant une responsabilité découlant d'une erreur, d'une omission ou d'une négligence professionnelle. Ce type de garantie s'applique uniquement aux services de consultance professionnels réglementés par la loi.</p> <p><b><u>Article 115 : Modalités de saisie de garanties dans les marchés publics</u></b></p> <p>(1) Au cas où l'attributaire du marché refuse de signer le contrat ou ne fournit pas de garantie de bonne exécution, l'entité de passation de marché l'informe qu'il n'a plus le marché qui avait été attribué à lui et que la garantie de soumission qu'il a fournie est saisie ;</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(2) Iyo uwatanze inyandiko y'ipiganwa yisubiyeho nyuma y'igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa ariko igihe inyandiko z'ipiganwa zigomba kumara zigifite agaciro kitararangira, urwego rutanga isoko rufatira ingwate y'ipiganwa yatanze;</p> <p>(3) Iyo uwatsindiye isoko watanze ingwate yo kurangiza isoko neza atubahirije amasezerano yose cyangwa igice cyayo, urwego rutanga isoko rumushyikiriza mu nyandiko integuza yo gusesa amasezerano ikubiyemo nibura amakuru akurikira:</p> <p>(a) ibitari kwubahirizwa mu masezerano;</p> <p>(b) igihe ntarengwa amasezerano agomba guseswa niba adafashe ingamba zo kwikosora kugira ngo arangize isoko neza;</p> <p>(c) ifatirwa ry'Ingwate yo kwishingira isoko neza mu gihe, igihe ntarengwa yahawe cyarangira uwatsindiye isoko atarikosora.</p> <p>(4) Mu gihe uwatsindiye isoko yatanze</p>	<p>(2) If the bidder withdraws his or her bid after the deadline of bids submission while the bid validity period has not yet expired, the procuring entity seizes immediately the bid security he or she provided;</p> <p>(3) If the successful bidder who has provided the performance security fails to perform the contract in whole or in part, the procuring entity addresses to the successful bidder a written notice of contract termination whose content includes at least the following information:</p> <p>(a) description of contractual obligations breached.</p> <p>(b) the deadline for the contract termination if he or she does not take corrective measures to fulfil his or her contractual obligations.</p> <p>(c) seizure of the performance security if the provided deadline expires while the successful bidder has not fulfilled his or her contractual obligations.</p> <p>(4) When the successful bidder who has</p>	<p>(2) Si le soumissionnaire rétracte son offre après l'échéance du délai de dépôt des offres alors que le délai de validité des offres n'est pas encore expiré, l'entité de passation de marché saisit immédiatement la garantie de soumission ;</p> <p>(3) Si l'attributaire du marché public qui a fourni la garantie de bonne exécution n'exécute pas le contrat en tout ou en partie, l'entité de passation de marché adresse à l'attributaire du marché une notification écrite de mise en demeure de résiliation du contrat qui contient au moins les informations suivantes :</p> <p>(a) description des obligations contractuelles violées.</p> <p>(b) détermination du délai maximal de la résiliation du contrat au cas où il ne prend pas de mesures correctives pour remplir ses obligations contractuelles.</p> <p>(c) saisie de la garantie de performance à l'expiration du délai maximal au cas où l'attributaire du marché ne s'est pas acquitté de ses obligations contractuelles.</p> <p>(4) Lorsque l'attributaire du marché public</p>
--	--	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>ingwate ya avansi, agakoresha avansi yahawe yose cyangwa igice cyayo mu bikorwa bidafite aho bihuriye n’isoko, Urwego rutanga isoko, rukibimenya, rufatira ingwate ya avansi yatanze rukamenyeshya uwatsindiye isoko impamvu iyo ngwate yafatiriwe;</p> <p>(5) Iyo uwatsindiye isoko yatanze ingwate ya avansi hanyuma isoko rigaseswa atararangiza kwishyura amafaranga yose yahawe n’urwego rutanga isoko, urwo rwego rufatira amafaranga asigaye kwishyurwa ku ngwate ya avansi yatanze;</p> <p>(6) Mu gufatira ingwate, urwego rutanga isoko rwandikira ikigo cy’imari cyatanze ingwate, rugisaba gushyira amafaranga y’ingwate kuri konti ya banki rwagaragaje, rukagera kopi uwapiganwe cyangwa uwatsindiye isoko.</p>	<p>provided an advance payment security uses the advance received in whole or in part for activities unrelated to the contract, the procuring entity, immediately after becoming aware of it, seizes the provided advance payment security and at the same time notifies the successful bidder reasons for this seizure;</p> <p>(5) When the successful bidder has provided the advance payment security and the contract is terminated before reimbursing the total payments received from the procuring entity, the latter will seize the remaining amount to be paid for the provided advance payment security;</p> <p>(6) While proceeding to the seizure of the security, the procuring entity writes to the financial institution which had issued the concerned security, with a copy to the bidder or the successful bidder, requesting to pay the amount of the security to the specified bank account.</p>	<p>qui a fourni une garantie de paiement anticipé utilise l'avance reçue en tout ou en partie pour des activités sans rapport avec le marché, l'entité de passation de marché, immédiatement après en avoir eu connaissance, saisit la garantie de paiement anticipé fournie et notifie l'attributaire du marché les raisons de cette saisie ;</p> <p>(5) Lorsque l'attributaire du marché a fourni la garantie de paiement anticipé et que le contrat est résilié avant d'avoir remboursé le total de paiements reçu, l'entité de passation de marché saisira le montant restant à payer sur la garantie de paiement anticipé ;</p> <p>(6) Pendant la procédure de saisie de la garantie, l'entité de passation de marché écrit à l'institution financière qui a émis la garantie concernée, avec copie au soumissionnaire ou à l'attributaire du marché, pour lui demander de verser le montant de la garantie au compte bancaire spécifiée.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 116: Ingaruka yo gushyira amananiza ku ifatira ry’ingwate</u></b></p> <p>(1) Iyo ikigo cy’imari bidatanze amafaranga angana n’agaciro k’ingwate byasabwe, urwego rutanga isoko</p>	<p><b><u>Article 116: Effect of hampering seizure of a security</u></b></p> <p>(1) When a financial institution fails to pay an amount equal to the security requested, the procuring entity communicates it to</p>	<p><b><u>Article 116 : Effet d’entrave à la saisie d’une sécurité</u></b></p> <p>(1) Lorsqu’une institution financière ne verse pas le montant égal à la garantie demandée, l’entité de passation de</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>rubimenyesha urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano rukabifataho icyemezo.</p> <p>(2) Mbere yo gufata icyemezo urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano rubanza gukora ibi bikurikira:</p> <p>(a) gusaba ikigo cy'imari bireba gutanga, mu gihe kitarenze iminsi 15 uherye ku muni cyakiriyeho inyandiko ibisaba, ibisobanuro mu nyandiko by'impamvu kidatanga ingwate;</p> <p>(b) gufata icyemezo mu gihe kitarenze iminsi 60 uherye ku muni cyakiriyeho ibisobanuro by'ikigo cy'imari bireba cyangwa mu gihe kitarenze iminsi 60 iyo igihe kivugwa mu igika cya (2)(a) cy'iyi ngingo kirangiye ikigo cy'imari bireba kitaratanga ibisobanuro cyasabwe.</p> <p>(3) Icyemezo cy'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano kibuzwa kwakira ingwate y'ikigo cy'imari bireba, kimenyeshwa icyo kigo cy'imari</p>	<p>the state organ in charge of Public Procurement to take a decision on the matter.</p> <p>(2) Before taking a decision, the state organ in charge of public procurement, has first to do the following:</p> <p>(a) to request the concerned financial institution to provide explanations in writing, within 15 days from the date it receives the request, justifying the reasons why it does not release the security;</p> <p>(b) to take a decision within 60 days from the date of reception of explanations from the concerned financial institution or within 60 days when the period referred to under paragraph (2)(a) of this Article is terminated without reception of requested explanations from the concerned financial institution.</p> <p>(3) The decision of the state organ in charge of Public Procurement prohibiting security from the concerned financial institution is notified to that financial</p>	<p>marchés le communique à l'organe de l'Etat ayant les marchés publics dans ses attributions pour une suite appropriée.</p> <p>(2) Avant de prendre la mesure l'organe de l'Etat ayant les marchés publics dans ses attributions doit d'abord faire ce qui suit :</p> <p>(a) demander à l'institution financière concernée de fournir, endéans 15 jours à partir de la réception de la demande, les explications écrites justifiant les raisons pour lesquelles elle ne libère pas la garantie ;</p> <p>(b) prendre une décision endéans 60 jours à partir de la date de réception des explications demandées à la banque ou à l'institution financière concernée ou endéans 60 jours lorsque le temps prescrit dans le paragraphe (2)(a) du présent article s'est écoulé sans avoir reçu des explications demandées de l'institution financière concernée.</p> <p>(3) La décision l'Etat ayant les marchés publics dans de l'organe de ses attributions de ne pas accepter la garantie de l'institution financière</p>
--	---	--



<p>n'inzege zose zitanga amasoko ya Leta.</p> <p>(4) Urutonde rw'ibigo by'imari guhezwa byafite icyemeo cyo kutakira ingwaye cyatanze mu masoko ya leta gudatanga ingwate, rushyirwa ku gishyirwa kurubuga rw'ikoranabuhanga rw'Urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano</p> <p><b><u>Icyiciro cya 2: Gukora amasezerano y'isoko</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 117: Igihe amasezerano y'isoko abera</u></b></p> <p>(1) Habaho amasezerano y'isoko hagati y'uwasindiye isoko n'urwego rutanga isoko rya Leta iyo habayeho amasezerano yanditse yashyizweho umukono hakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta.</p> <p>(2) Ku byerekeye gushyira umukono ku masezerano, urwego rutanga isoko, rukoresha ikoranabuhanga mu masoko ya Leta, rukohereza uwasindiye isoko amasezerano rwateguye rugendeye ku masezerano y'icyitegererezo ndetse n'ibyumvikanweho iyo bihari, nawe</p>	<p>institution and to all procuring entities.</p> <p>(4) A list of financial institutions whose securities were debarred for use in public procurement is published on the website of the state organ in charge of Public Procurement.</p> <p><b><u>Section 2: Contract awarding</u></b></p> <p><b><u>Article 117: Existence of the contract</u></b></p> <p>(1) There is a procurement contract between the successful bidder and the procuring entity when there is a written contract signed through e-procurement.</p> <p>(2) To process the contract signature, a procuring entity sends to the successful bidder a draft contract prepared on the basis of the standard contract and negotiated terms if any via e-procurement system, and the latter may propose any modifications to the draft before the contract is signed.</p>	<p>concernée est notifiée à cette banque ou à cette institution et à toutes entités de passation de marchés.</p> <p>(4) Une liste des Institutions financières dont les titres ont été interdits d'utilisation dans les marchés publics est publiée sur le site Internet de l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions.</p> <p><b><u>Section 2 : Attribution du contrat</u></b></p> <p><b><u>Article 117 : Existence du contrat</u></b></p> <p>(1) Il existe un contrat de marché entre l'entité de passation de marchés et l'attributaire du marché lorsqu'il y a un contrat écrit signé en utilisant le système électronique de passation de marchés publics.</p> <p>(2) Dans le processus de signer le contrat, l'entité de passation de marchés envoie à l'attributaire du marché par le système électronique de passation de marchés publics le projet de contrat préparé sur base du contrat type et les conditions négociées le cas échéant, et l'attributaire du marché peut proposer</p>
---	--	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>ashobora gusaba ko hari ibihinduka mbere y'uko ashwirwaho umukono.</p> <p>(3) Nyuma y'uko uwatsindiye isoko yemeye umushinga w'amasezerano, ayashyiraho umukono akoresheje umukono koranabuhanga maze akayasubiza urwego rutanga isoko akoresheje ikoranabuhanga mu masoko ya Leta kugira ngo Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta na we ayashyireho umukono we w'ikoranabuhanga.</p> <p>(4) Iyo uwatsindiye isoko hari icyo asabye kunoza mu mushinga w'amasezerano, urwego rutanga isoko rusuzuma impamvu z'icyo cyifuzo, rwasanga gifite ishingiro rukacyitaho mbere yo gushyira umukono ku masezerano.</p> <p>(5) Amasezerano y'isoko akimara gushyirwaho umukono, urwego rutanga isoko, rubinyujie ku rubuga rw'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta, rutangaza upiganwa washyize umukono ku masezerano, inyito y'amasezerano, umubare w'amafaranga ari mu masezerano, igihe amasezerano azamara n'abapiganiwe isoko ntibaritsindire.</p>	<p>(3) After the successful bidder accepts the draft contract, he or she signs it using the electronic signature and sends it back via e-procurement system to the procuring entity for e-signature by the Chief Budget Manager.</p> <p>(4) If the successful bidder suggests improvements to be made to the draft contract, the procuring entity examines whether the grounds of the request are valid before signing the contract.</p> <p>(5) Upon signature of a procurement contract, the procuring entity publishes, through e-procurement, the bidder who signed the contract, title of the contract, amount of the contract, duration of the contract and unsuccessful bidders.</p>	<p>quelques modifications avant la signature du contrat.</p> <p>(3) Après l'acceptation du projet de contrat par l'attributaire du marché, il appose sa signature électronique et envoie la copie à l'entité de passation de marchés par voie électronique de passation de marchés pour signature électronique par le Gestionnaire Principal du Budget.</p> <p>(4) Si l'attributaire du marché suggère d'apporter des améliorations au projet de contrat, l'entité de passation de marchés examine les motifs de la demande et, si elle est jugée valable, examine la validité de la demande avant la signature du contrat.</p> <p>(5) Dès la signature du contrat de marché, l'entité de passation de marchés publie, par le biais du système électronique de passation de marchés publics, le soumissionnaire qui a signé le contrat, le titre du contrat, le montant du contrat, durée du contrat ainsi que les soumissionnaires non-retenus.</p>
--	--	--

<p>(6) Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, amasoko yerekeranye no kugemura afite agaciro kari munsi ya FRW 10.000.000, ibigemurwa bifite imiterere rusange, bidasaba ingwate yo kurangiza imirimo neza cyangwa inshingano za nyuma y'igemura, ashobora gushyirwa mu bikorwa hitawe ku biteganyijwe mu nyandiko isaba kugemura, iyo nta masezerano yashyizweho umukono.</p> <p>(7) Iyo uwatsindiye isoko atagize icyo avuga ku nyandiko imusaba kugemura, bifatwa nk'aho yemeye ibiri mu nyandiko imusaba kugemura.</p>	<p>(6) Without prejudice to the provisions of Paragraph (1) of this Article, tenders for supplies whose value does not exceed FRW 10,000,000, that have a simple nature of which there was no guarantee required and no after sale services provided for, may be executed basing on what is contained in the purchase order if no written contract has been signed.</p> <p>(7) If the successful bidder does not react after receiving the purchase order, he or she is considered as having accepted the contents of the purchase order.</p>	<p>(6) Sans préjudice des dispositions du paragraphe (1) du présent article, les marchés de fournitures dont la valeur ne dépasse pas 10.000.000 FRW, ayant une simple nature, et dont ni la garantie de bonne exécution ni services après- vente n'ont été prévus, peuvent être exécutés sur base du contenu du bon de commande si aucun contrat n'a été signé.</p> <p>(7) Lorsque l'attributaire du marché ne réagit pas après avoir reçu le bon de commande, il est considéré comme avoir accepté le contenu du bon de commande.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 118: Ibyerekeye amasezerano n'urwego rutanga isoko rushya</u></b></p> <p>Urwego rutanga isoko rugishyirwaho rukomotse ku rundi rwego rwa leta rukiriho cyangwa rutakiriho rushobora gukoresha amasezerano y'isoko y'urwego rukomokaho mu gihe kitarenze amezi 12 uherye igihe ubuyobozi bwarwo bwashyirwaho. Icyakora, urwego rutanga isoko rushya rudafite urundi rwego rukomokaho rushobora gukoresha amasezerano y'amasoko y'izindi nzego zitanga amasoko ya Leta muri icyo gihe</p>	<p><b><u>Article 118: Contracting of a newly created procuring entity</u></b></p> <p>To start performing the duties, a newly created procuring entity emerging from the former procuring entity which is no longer into existence or still exists may use a procurement contract of the former procuring entity within 12 months from the date on which its management is established. However, the newly created procuring entity which does not emerge from another procuring entity may use procurement contracts identified from other procuring</p>	<p><b><u>Article 118 : Contrat d'une entité de passation de marchés publics nouvellement créée</u></b></p> <p>Une entité de passation de marché nouvellement créée, qui émane d'une autre entité de passation de marché qui n'existe plus ou qui existe toujours, peut utiliser les contrats des marchés publics de l'ancienne entité de passation de marché dans un délai de 12 mois à compter de la date à laquelle sa direction est établie. Toutefois, l'entité de passation des marchés publics nouvellement créée qui n'émane pas d'une autre entité de passation des marchés</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>nyuma yo kubiharerwa uburenganzira n'urwego rwa Leta rufite amasoko ya leta mu nshingano.</p> <p><b><u>Ingingo ya 119: Gukoresha amasezerano asasiye</u></b></p> <p>(1) Ubwoko bw'amasezerano asasiye ni ubu bukurikira:</p> <p>(a) amasezerano asasiye ategurwa akanashyirwaho umukono n'urwego rwa leta rwemerewe gutanga amasoko ya Leta mu izina ry'izindi nzego za Leta;</p> <p>(b) amasezerano asasiye Urwego rwa Leta rugirana ku giti cyarwo n'uwatsindiye isoko.</p> <p>(2) Ibigemurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke bitangirwa amasoko n'urwego rwemerewe gutegurira isoko n'amasezerano yayo izindi nzego za Leta bigenwa n'urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano.</p> <p>(3) Mu gihe ibikenewe n'urwego rutanga isoko biri muri ayo masezerano asasiye,</p>	<p>entities after authorization from the state organ in charge of public procurement.</p> <p><b><u>Article 119: Use of framework agreement</u></b></p> <p>(1) A framework agreement includes the following types:</p> <p>(a) a central framework agreement signed by a central purchasing body on behalf of other procuring entities;</p> <p>(b) individual framework agreement signed by individual procuring entity for its own and exclusive use.</p> <p>(2) Goods, works, consultancy, and non-consultancy services to be procured under central framework agreement are determined by the state organ in charge of public procurement.</p> <p>(3) In case the needs of the procuring entity are included in a central framework</p>	<p>utilisera les contrats des marchés publics identifiés auprès d'autres entités de passation des marchés après autorisation de l'organe de l'État chargé ayant les marchés publics dans ses attributions.</p> <p><b><u>Article 119 : Utilisation de l'accord cadre</u></b></p> <p>(1) L'accord cadre comporte les types d'accords-cadres suivants :</p> <p>(a) l'accord-cadre central signé par l'entité centrale d'approvisionnement au nom d'autres entités de passation de marché ;</p> <p>(b) l'accord-cadre individuel signé par une entité de passation de marchés individuelle pour son usage propre et exclusif.</p> <p>(2) Les fournitures, les services de consultance et les services de non-consultance à acquérir dans le cadre d'un accord-cadre central sont déterminés par l'organe de l'État ayant les marchés publics dans ses attributions.</p> <p>(3) Au cas où les besoins de l'entité de passation de marchés sont inclus dans</p>
--	--	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>urwego rutanga isoko rusaba ibyo rukeneye uwatsindiye isoko ry'ibigemurwa cyangwa serivisi nkuko bikubiye mu masezerano asasiye.</p>	<p>agreement, the entity places orders to the concerned supplier of goods and services specified in the framework agreement.</p>	<p>un accord-cadre central, l'entité passe des commandes au fournisseur concerné de biens et de services spécifiés dans l'accord-cadre.</p>
<p>(4) Inyandiko isaba kugemura itangwa n'urwego rutanga isoko ishingira ku giciro cya buri kintu.</p>	<p>(4) The purchase order issued by a procuring entity is based on the unit price of each item.</p>	<p>(4) Le bon de commande émis par une entité de passation de marché est basé sur le prix unitaire de chaque article.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 120:</u> Amasezerano asasiye ku masoko afite imiterere yihariye cyangwa asaba gushora amafaranga menshi</b></p>	<p><b><u>Article 120:</u> Framework agreements for complex tenders or tenders requiring investment</b></p>	<p><b><u>Article 120:</u> Accords-cadres pour les marchés complexes ou les marchés nécessitant des investissements</b></p>
<p>(1) Amasoko afatwa nk'afite imiterere yihariye iyo asaba ubumenyi cyangwa ubushobozi bwimbitse kandi bwihariye. Amasoko afatwa nk'afite imiterere ikomeye iyo asaba gukoresha inzira igoye. Amasoko afite imiterere yihariye n'ikomeye agaragaza ibibazo bijyanye no kubura ubushobozi n'urosobe rw'inzira zo gutanga amasoko mu byerekeye tekini, igishushanyo, ingano no gushyira mu bikorwa isoko, gupakira, gucunga amasezerano no kuyagenzura.</p>	<p>(1) The tender is considered as specialized when it requires or involves detailed and specific knowledge or skills. It is of complex nature when it involves complicated process. Specialized and complex tenders reflects issues related to lack of capacity and procurement complexity in terms of technical aspects and design, scope and implementation, packaging, and contract management and monitoring.</p>	<p>(1) Les marchés sont considérés comme spécialisés lorsqu'ils requièrent ou impliquent des connaissances ou compétences détaillées et spécifiques. Ils sont de nature complexe lorsqu'ils impliquent un processus compliqué. Les marchés spécialisés et complexes reflètent des problèmes liés au manque de capacité et à la complexité de l'approvisionnement en termes d'aspects techniques, conception, de portée et de mise en œuvre, d'emballage, de gestion et de suivi des contrats.</p>
<p>(2) Amasoko afatwa nk'asaba gushora imari mu gihe asaba ibikenewe bikomeye mbere yo gutangira ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano birimo kugura ibintu bishya, ubukode cyangwa</p>	<p>(2) Tenders requiring to make investments are those requiring prior heavy means including new purchases, leases or other prerequisites for contract implementation that cannot be returned within a period of</p>	<p>(2) Les marchés nécessitant de réaliser des investissements sont ceux qui exigent des moyens lourds préalables notamment de nouveaux achats, locations ou autres conditions</p>

<p>ibindi bisabwa kugira ngo amasezerano ashwirwe mu bikorwa ku buryo bidashoboka kugaruza amafaranga yashowe mu gihe kiri muni y' imyaka itatu.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 3: Amategeko rusange yerekeye kubahiriza amasezerano</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 121: Ihame n'ibisabwa kugira ngo ibiciro bisubirwemo</u></b></p> <p>(1) Guhindura ibiciro bishobora gusabwa na buri ruhande mu bagiranye amasezerano hitawe kuri ibi bikurikira:</p> <p>(a) igihe cyo gushyira amasezerano mu bikorwa kigomba kuba kirenze amezi 18 kandi guhindura ibiciro byemerwa gusa nyuma y'amezi cumi n'umunani 18) uherye igihe amasezerano yatangiye gukurikizwa;</p> <p>(b) igihe biteganijwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa;</p> <p>(c) uwegukanye isoko yatanze imibare n'ibipimo by'ihinategeko ryo gusubiramo ibiciro mu nyandiko ye y'ipiganwa, bishingirwaho mu kubara ibyerekeye gusubiramo</p>	<p>less than three years.</p> <p><b><u>Section 3: General rules on the execution of a contract</u></b></p> <p><b><u>Article 121: Principle and requirements for price adjustment</u></b></p> <p>(1) The price adjustment can be formally requested by either party subject to the following requirements:</p> <p>(a) the contract execution period is longer than 18 months and the price adjustment is only allowed after 18 months from the effective date of the contract;</p> <p>(b) the tender document includes a clause on price adjustment;</p> <p>(c) the successful bidder furnished the indices and weightings for the price adjustment formula in its bid that serve as a basis for calculating the price adjustment. The procuring</p>	<p>préalables à l'exécution du contrat qui ne peuvent être recouverts dans un délai inférieur à trois ans.</p> <p><b><u>Section 3: Règles générales régissant l'exécution du contrat</u></b></p> <p><b><u>Article 121: Principe et conditions de la révision des prix</u></b></p> <p>(1) La révision du prix peut être demandée par l'une ou l'autre des parties dans conditions suivantes :</p> <p>(a) la période d'exécution du contrat doit être supérieure à 18 mois et la révision du prix n'est autorisé qu'après 18 mois à compter de la date d'entrée en vigueur du contrat ;</p> <p>(b) le dossier d'appel d'offres inclut la clause sur la révision des prix ;</p> <p>(c) le soumissionnaire retenu a fourni les indices et les pondérations pour la formule de révision des prix dans son offre, qui servent de base de calcul dans la révision des prix.</p>
---	---	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>ibiciro. Urwego rutanga isoko rushobora gusaba uwatsindiye isoko gusobanura ishingiro ry' imibare n'ibipimo yatanze;</p> <p>(d) Uburyo bwo gusubiramo ibiciro buteganijwe mu masezerano y'isoko;</p> <p>(2) Gusubiramo ibiciro bishingira ku biciro bya buri kintu mu bishobora guhindurirwa ibiciro nkuko byatanze mu nyandiko y'ipiganwa.</p> <p>(3) Ihindurwa ry'ibiciro ribarwa, hashingiwe ku ihinategeko ukoresheje igipimo cy'ihinduka ry'ibiciro cyo mu gihe cyo gutanga ubusabe bwo guhindura ibiciro.</p> <p>(4) Iyo ifaranga ryerekanwe mu giciro cy'amasezerano ritandukanye n'ifaranga ry'ahakomoka imibare yerekana ihinduka ry'ikiguzi cy'abakozi n'ibikoresho, hakoresha umubare wo guhuza ayo mafaranga yombi. Uwo mubare ushingira ku kigereranyo cy'ivunjisha ry'ayo mafaranga yombi ku itariki fatizo no ku itariki yo guhindura ibiciro.</p> <p>(5) Gusubiramo ibiciro ntibikurikizwa ku mirimo yamaze gukorwa cyangwa</p>	<p>entity may require the bidder to justify its proposed indices and weightings;</p> <p>(d) the contract includes a clause on modalities for price adjustment;</p> <p>(2) The revision of prices is conducted on the basis of a breakdown of unit prices of adjustable items as included in the bid.</p> <p>(3) The price adjustment is calculated, on the basis of the formula by applying the price index or indicator applicable at the time of filing the request for price revision.</p> <p>(4) If the currency in which the contract price is expressed is different from the currency of origin of the labour and material indices, a correction factor is applied. The correction factor corresponds to the ratio of exchange rates between the two currencies on the base date and the date for adjustment.</p> <p>(5) Price adjustment does not apply to the work already executed, supplies or</p>	<p>L'entité de passation des marchés peut exiger le soumissionnaire de justifier les indices et pondérations qu'il propose ;</p> <p>(d) le contrat contient une clause sur les modalités de révision du prix ;</p> <p>(2) La révision des prix est applicable sur base des prix unitaires détaillés des éléments révisibles tel qu'inclus dans l'offre.</p> <p>(3) La révision des prix est calculée sur base de la formule, en appliquant l'indice ou l'indicateur de prix applicable au moment du dépôt de la demande de révision des prix.</p> <p>(4) si la monnaie dans laquelle le prix du marché est exprimé est différente de la monnaie d'origine des indices de main-d'œuvre et de matériel, un facteur de correction est appliqué. Le facteur de correction correspond au rapport des taux de change entre les deux monnaies à la date de base et à la date de révision.</p> <p>(5) La révision du prix ne s'applique pas aux travaux déjà exécutés ou aux</p>
--	---	--

**Official Gazette n° Special of 10/10/2023**

<p>ibyamaze kugemurwa cyangwa serivisi zamaze gutangwa keretse igihe ubusabe bwatanzwe mu gihe gikwiye mbere yo kuyikora cyangwa kubigemura.</p>	<p>services already delivered unless the request was made on due time before their execution or delivery.</p>	<p>fournitures déjà livrées ou aux services déjà rendus, sauf si la demande a été faite en temps utile avant leur exécution ou leur livraison.</p>
<p>(6) Birabujijwe gusubiramo ibiciro nyuma y'igihe giteganyirijwe iryo soko keretse igihe gukererwa bidaturutse k'uwatsindiye isoko.</p>	<p>(6) No price adjustment is allowed beyond the original delivery dates unless the delay is not attributed to the contractor.</p>	<p>(6) La révision du prix n'est pas autorisée pour les périodes de retard dont l'attributaire du marché est entièrement responsable.</p>
<p>(7) Gusubiramo ibiciro ntibikurikizwa ku gice cy'igiciro cy'amasezerano cyishyuriwe avansi.</p>	<p>(7) No price adjustment is payable on the portion of the contract price paid to the supplier as advance payment.</p>	<p>(7) Aucune révision de prix n'est due sur la partie du prix du marché versée au fournisseur à titre d'avance de paiement.</p>
<p>(8) Nyuma yo kubara ihinduka ry'ibiciro rigomba gukorwa, impande zombi zishyira umukono ku masezerano ahindura amasezerano ya mbere.</p>	<p>(8) After calculation of the price adjustment to be made, an amendment to the initial contract is signed between the two parties to the contract.</p>	<p>(8) Après le calcul de l'ajustement du prix à effectuer, un avenant au contrat initial est signé entre les deux parties au contrat.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 122: Ihinategeko ryo gusubiramo ibiciro</u></b></p>	<p><b><u>Article 122: Formula for price adjustment</u></b></p>	<p><b><u>Article 122: Formule de la révision des prix</u></b></p>
<p>(1) Mu gusubiramo ibiciro, hakoreshwa ihinategeko rikurikira:</p>	<p>(1) The revision of prices is done in accordance with the following formula:</p>	<p>(1) La révision des prix est effectuée en appliquant la formule ci-après :</p>
<p><math>P_1 = P_0 [a + bL_1/L_0 + cM_1/M_0] - P_0</math></p>	<p><math>P_1 = P_0 [a + bL_1/L_0 + cM_1/M_0] - P_0</math></p>	<p><math>P_1 = P_0 (a + bL_1/L_0 + cM_1/M_0) - P_0</math></p>
<p>a+b+c = 1, aho:</p>	<p>a+b+c = 1, in which:</p>	<p>a+b+c=1, lorsque:</p>
<p>P<sub>1</sub> = umubare w'amafaranga agabanywa cyangwa yongerwa ku yishyurwa uwatsindiye isoko.</p>	<p>P<sub>1</sub> = adjustment amount payable to the successful bidder.</p>	<p>P<sub>1</sub> = ajustement du montant payable à l'attributaire du marché.</p>



Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>P0 = igiciro kiri mu masezerano (igiciro fatizo).</p> <p>a = umubare w'amafaranga udahinduka ugizwe n'ibiciro bidahinduka n'inyungu uri hagati ya 5% na 15% uba warashyizwe mu masezerano.</p> <p>b = ikigereranyo cy'ijanisha ry'ikiguzi cy'abakozi mu masezerano.</p> <p>c = ikigereranyo cy'ijanisha ry'ikiguzi cy'ibikoresho mu masezerano.</p> <p>L0, L1 = imibare yerekana ihinduka ry'ikiguzi cy'abakozi ku itariki y'ifatizo no ku itariki y'ihindurwa ry'ibiciro.</p> <p>M0, M1 = imibare yerekana ihinduka ry'ikiguzi cy'ibikoresho bikoreshwa cyane muri iryo soko, ku itariki y'ifatizo no ku itariki y'ihindurwa ry'ibiciro mu gihugu biturukamo.</p> <p>Imibare a, b na c ishyirwaho n'urwego rutanga isoko iteye itya:</p> <p>a= [shyiramo umubare] b=[shyiramo umubare] c= [shyiramo umubare]</p>	<p>P0 = contract price (base price).</p> <p>a = fixed element representing profits and overheads included in the contract price and generally in the range of 5% to 15%.</p> <p>b = estimated percentage of labour cost in the contract.</p> <p>c = estimated percentage of material cost in the contract.</p> <p>L0, L1 = labour indices applicable to the appropriate industry in the country of origin on the base date and date for adjustment, respectively.</p> <p>M0, M1 = material indices for the major raw material on the base date and date for adjustment, respectively, in the country of origin.</p> <p>The coefficients a, b and c as specified by the procuring entity are as follows:</p> <p>a= [insert value of coefficient] b= [insert value of coefficient] c= [insert value of coefficient]</p>	<p>P0 = coût du contrat (prix de base)</p> <p>a = Nombre fixe représentant les prix fixes et le bénéfice inclus dans le contrat dans l'ordre de 5% à 15%.</p> <p>b = pourcentage estimé relatif au coût de la main d'œuvre prévu dans le contrat.</p> <p>c = pourcentage estimé relatif au coût du matériel prévu dans le contrat.</p> <p>L0, L1 = les indices de main d'œuvre applicables dans le pays d'origine à la date de base et à la date d'ajustement des prix respectivement.</p> <p>M0, M1 = les indices de matériels bruts importants respectivement relatifs à la date de base et à la date d'ajustement des prix dans le pays d'origine.</p> <p>Les coefficients a, b et c sont fixés par l'entité de passation de marchés comme suit:</p> <p>a= [insérer la valeur du coefficient] b= [insérer la valeur du coefficient] c= [insérer la valeur du coefficient]</p>
--	---	--

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(2) Upiganwa agaragaza aho yakuye imibare yazagenderwaho mu ihinduka ry'ibiciro n'itariki fatizo mu nyandiko ye y'ipiganwa.</p> <p>(3) Itariki fatizo = iminsi 30 mbere y'itariki yo gutanga inyandiko z'ipiganwa.</p> <p>(4) Itariki yo guhindura ibiciro = shyiramo umubare w'ibyumweru, ibyumweru bibanziriza itariki ibicuruzwa bivira aho byaguzwe, itariki yo hagati y'igihe ibicuruzwa bikorerwamo.</p>	<p>(2) The bidder indicates the source of the indices and the base date indices in the bid.</p> <p>(3) Base date = 30 days prior to the deadline for submission of the bids.</p> <p>(4) Date of adjustment = insert number of weeks, weeks prior to date of shipment representing the mid-point of the period of manufacture.</p>	<p>(2) Le soumissionnaire indique la source des indices de la date de base dans son offre.</p> <p>(3) Date de base = 30 jours avant la date limite de soumission des offres.</p> <p>(4) Date d'ajustement = insérer le nombre de semaines, semaines avant la date d'embarquement représentant la mi-période de fabrication.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 123: Impinduka ku masezerano y'ibanze</u></b></p>	<p><b><u>Article 123: Contract amendment</u></b></p>	<p><b><u>Article 123 : Modification du contrat</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 141: Igihe cyo kwishingira uburambe bw' imirimo</u></b></p> <p>(1) Amasezerano y' isoko ry'imirimo agomba guteganya igihe cyo kwishingira ibyakozwe gikubiyemo ko uwatsindiye isoko agomba gukosora inenge zishobora kugaragara nyuma yo kwakira imirimo by'agateganyo na mbere yo kwakira imirimo burundu.</p> <p>(2) Hashingiwe ku miterere, uburemere hamwe n'isuzuma ry'ingaruka byakozwe n'urwego rutanga isoko, igihe cyo kwishingira gukosora inenge kigenwa mu buryo bukurikira:</p> <p>(a) igihe cyo kwishingira gukosora inenge cy'amezi atandatu gikoreshwa mu mirimo ifite agaciro katarenze FRW 100.000.000;</p> <p>(b) igihe cyo kwishingira gukosora inenge kiri hagati y'amezi icyenda n'amezi 12 gikoreshwa ku mirimo y'agaciro kari hejuru ya FRW 100.000.000 ariko katarenze FRW 500.000.000;</p> <p>(c) igihe cyo kwishingira gukosora</p>	<p><b><u>Article 141: Defect liability period for works</u></b></p> <p>(1) The procurement contract for works should provide a period of guarantee covering the correction of possible defects by the successful bidder after the provisional acceptance of works and before the final acceptance of works.</p> <p>(2) Depending on the nature, complexity and the risk assessment conducted by the Procuring Entity, the defect liability period should be defined in the following manner:</p> <p>(a) the defect liability period of six months applies to works whose value does not exceed FRW 100,000,000;</p> <p>(b) works of the value exceeding FRW 100,000,000 but not exceeding FRW 500,000,000 are covered by a defect liability period ranging between nine and 12 months;</p> <p>(c) works of the value exceeding FRW</p>	<p>marché.</p> <p><b><u>Article 141: Période de garantie des défauts pour les travaux</u></b></p> <p>(1) Le marché de travaux doit prévoir une période de garantie couvrant la correction des défauts éventuels par l'attributaire du marché après la réception provisoire des travaux et avant la réception définitive des travaux.</p> <p>(2) En fonction de la nature, de la complexité et de l'évaluation des risques effectuée par l'entité de passation des marchés, la période de responsabilité pour les défauts doit être définie de la manière suivante :</p> <p>(a) la période de garantie des défauts de six mois s'applique aux travaux dont la valeur ne dépasse pas 100.000.000 FRW ;</p> <p>(b) les travaux d'une valeur supérieure à 100.000.000 FRW mais n'excédant pas 500.000.000 FRW sont couverts par une période de garantie de défauts de neuf à 12 mois ;</p> <p>(c) les travaux d'une valeur supérieure à</p>
--	--	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>inenge kirenze amezi 12 ariko kiri munsu y'amezi 18 gikoreshwa ku mirimo y'agaciro kari hejuru ya FRW 500.000.000 ariko katarenze FRW 5.000.000.000;</p> <p>(d) igihe cyo kwishingira gukosora inenge kiri hagati y'amezi 18 n'amezi 24 gikoreshwa ku mirimo y'agaciro karenze FRW 5.000.000.000.</p> <p><b><u>Ingingo ya 142: Kwishingira ibyakozwe mu gihe cy'imyaka icumi</u></b></p> <p>(1) Uwakoze inyigo, uwayishyize mu bikorwa n'uwakurikiranye ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo, baryozwa, buri wese ku giti cy'e, ibyangiritse byerekeye inshingano ze mu gihe cy'imyaka icumi.</p> <p>(2) Bimwe mu byishingirwa mu gihe cy'imyaka icumi, ni ibi bikurikira:</p> <p>(a) ibigize ibyubatswe;</p> <p>(b) imirimo y'ingenzi harimo sisitemu y'imyanda n'imiyoboro;</p> <p>(c) ibigize inyubako;</p>	<p>500,000,000 but not exceeding FRW 5,000,000,000 are covered by a defect liability period exceeding 12 months but below 18 months;</p> <p>(d) works of the value exceeding FRW 5,000,000,000 are covered by a defect liability period ranging between 18 and 24 months.</p> <p><b><u>Article 142: Ten-year accountability</u></b></p> <p>(1) The consultant who carried out the study of works, the contractor and the supervisor are, each one, held accountable for damages related to their respective obligations for a period of ten years.</p> <p>(2) The ten-year accountability covers but is not limited to the damage to following:</p> <p>(a) structural component of works;</p> <p>(b) viability Works including sewage systems and networks;</p> <p>(c) building structural components;</p>	<p>500.000.000 FRW mais n'excédant pas 5.000.000.000 FRW sont couverts par une période de garantie de défauts supérieure à 12 mois mais inférieure à 18 mois ;</p> <p>(d) les travaux d'une valeur supérieure à 5.000.000.000 FRW doivent être couverts par une période de garantie de défauts de 18 à 24 mois.</p> <p><b><u>Article 142: Responsabilité décennale</u></b></p> <p>(1) Le consultant qui a réalisé l'étude des travaux, l'entrepreneur et le superviseur sont, chacun, tenus responsables des dommages liés à leurs obligations respectives pendant une période de dix ans.</p> <p>(2) La responsabilité décennale couvre, sans s'y limiter, les dommages causés aux éléments suivants :</p> <p>(a) les œuvres structurales des travaux ;</p> <p>(b) travaux de viabilité, y compris les systèmes d'évacuation et les réseaux ;</p> <p>(c) les éléments de construction ;</p>
---	--	--

**Official Gazette n° Special of 10/10/2023**

<p>(d) imihanda, ibiraro n'ibindi bikorwaremezo.</p> <p>(3) Ubwishingire buteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo bukoreshwa ku mirimo ishobora kumara igihe kirenze imyaka icumi.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 5: Ingingo zihariye ku masoko yerekeye ibigemurwa</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 143: Gusubika amasezerano y'isoko ryo kugemura n'igihe bimara</u></b></p> <p>(1) Igihe cyose kandi hakoreshejwe inyandiko, urwego rutanga isoko rushobora gutegeka uwatsindiye isoko gusubika –</p> <p>(a) gukomeza gukora ibigemurwa;</p> <p>(b) kujyana ibigemurwa aho bigomba kwakirirwa. Iryo subikwa riterwa n'impamvu zisobanurirwa uwatsindiye isoko kandi ntirishobora kurenza iminsi 60 keretse iyo izo mpamvu zitumye bigenda ukundi.</p> <p>(2) Icyakora, iyo impamvu z'isubikwa</p>	<p>(d) roads, bridges and other infrastructure works.</p> <p>(3) The guarantee stated in Paragraph (1) of this Article, applies to works whose lifespan is estimated at more than ten years.</p> <p><b><u>Section 5: Specific provisions on the execution of tender for supply</u></b></p> <p><b><u>Article 143: Suspension of the contract for supplies and its duration</u></b></p> <p>(1) At any time, the procuring entity may order in writing the successful bidder to suspend –</p> <p>(a) further manufacturing of supplies;</p> <p>(b) delivery of supplies at the place of reception. Such a suspension is due to reasons explained to the successful bidder and cannot exceed 60 days, unless such reasons dictate otherwise.</p> <p>(2) However, where the successful bidder</p>	<p>(d) routes, ponts et autres travaux d'infrastructure.</p> <p>(3) La garantie décennale prévue au paragraphe (1) du présent article s'applique aux travaux dont la durée de vie est estimée à plus de dix ans.</p> <p><b><u>Section 5: Dispositions spécifiques relatives à l'exécution des marchés de fournitures</u></b></p> <p><b><u>Article 143: Suspension du contrat de fournitures et sa durée</u></b></p> <p>(1) L'entité de passation de marché peut, à tout moment, ordonner par écrit à l'attributaire du marché de suspendre –</p> <p>(a) la poursuite de la fabrication des fournitures ;</p> <p>(b) la livraison des fournitures au lieu de réception. Les raisons motivant une telle suspension doivent être expliquées à l'attributaire du marché et sa durée ne peut excéder 60 jours sauf circonstances contraires issues de ces mêmes raisons.</p> <p>(2) Toutefois, lorsque la suspension n'a</p>
--	--	---

<p>ry'isoko zitaturutse k'uwatsindiye isoko, afite uburenganzira bwo gusaba urwego rutanga isoko gusesa amasezerano y'isoko mu gihe isubikwa rirengeje iminsi 60 ikurikirana cyangwa iyo kongera igihe bimutera igihombo.</p> <p>(3) Uwatsindiye isoko agomba kwerekana ingingo zose zigaragaza imiterere y'icyo gihombo. Mu minsi 15 uhereye igihe rwaboneye inyandiko ibisaba, urwego rutanga isoko rugomba kumusubiza. Iyo urwego rutanga isoko rudasubije mu gihe cy'iminsi 15 cyavuzwe mu gika cya (2) cy'iyi ngingo, ni rwo rwishingira ikiguzi cy'ingaruka z'icyo gihe n'ikizaza.</p> <p><b><u>Ingingo va 144: Umutekano w'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa mu gihe cy'isubikwa ry'isoko</u></b></p> <p>Mu gihe cy'isubikwa ry'isoko, Urwego rutanga isoko rwirengera ibikorwa by'ubujura cyangwa kwangirika ku bigemurwa mu gihe byari bibitse mu nyubako zayo, igihe bibaye hagati yo kugezwaho ibyo bigemurwa n'igikorwa cyo kubyakira.</p>	<p>was not responsible for the reasons that resulted into the suspension, he/she has the right to request the procuring entity to terminate the contract if the suspension period exceeds 60 days and where the extension leads him or her to loss.</p> <p>(3) The successful bidder must indicate all the factors that show the nature of such loss. The procuring entity must, within 15 days from the date he or she received the request give his or her a response. When the period of 15 days expires without response, the procuring entity bears the cost of the current and future prejudice.</p> <p><b><u>Article 144: Security of goods or supplies during the suspension of the tender</u></b></p> <p>During the contract suspension, the procuring entity takes measures to protect against acts of theft or damage to delivered goods when they are stored in its premises, during the time between delivery of goods and the act of receiving them.</p>	<p>pas été provoquée par un quelconque manquement de l'attributaire, celui-ci a le droit de solliciter de l'entité de passation de marché la résiliation du marché lorsque la durée de la suspension excède 60 jours et que sa prolongation porte à la hausse son préjudice.</p> <p>(3) L'attributaire du marché doit montrer tous les indicateurs de ce préjudice. L'entité de passation de marché doit, endéans 15 jours à compter de la date de réception de la requête, donner la réponse à l'attributaire du marché. Passé le délai de 15 jours sans réponse, l'entité de passation de marché supporte le coût du préjudice actuel et futur.</p> <p><b><u>Article 144: Sécurité des biens ou fournitures pendant la suspension du marché</u></b></p> <p>Pendant la suspension du contrat du marché, l'entité de passation de marché devient responsable des actes de vol ou de détérioration des marchandises livrées qui sont entreposées dans ses locaux, pendant la période comprise entre la livraison et la réception de fournitures.</p>
--	--	---

<b><u>Ingingo ya 145: Amafaranga y'inyongera aturuka ku isubikwa ry'amasezerano y'isoko</u></b>	<b><u>Article 145: Additional costs caused by the suspension of the contract</u></b>	<b><u>Article 145 : Coût additionnel résultant de la suspension du contrat</u></b>
<p>(1) Amafaranga y'inyongera aturuka ku isubikwa ry'amasezerano y'isoko yiyongera ku mafaranga y'amasezerano y'isoko, keretse iyo isubikwa:</p> <p>(a) ryateganyijwe ku buryo butandukanye mu masezerano y'isoko;</p> <p>(b) ari ngombwa bitewe n'uko ibihe by'ikirere by'aho ibicuruzwa byakirirwa biteye;</p> <p>(c) ari ngombwa biturutse ku makosa y'uwatsindiye isoko;</p> <p>(d) ari ngombwa kugira ngo habeho kurinda ibigemurwa cyangwa gushyira neza mu bikorwa isoko ryose cyangwa igice cyaryo, igihe bibaye ngombwa bidatewe n'igikorwa cyangwa ikosa ry'urwego rutanga isoko.</p> <p>(2) Uwatsindiye isoko ashyikiriza urwego rutanga isoko inyandiko isobanura amafaranga y'inyongera mu minsi 30 ikurikira isubika ry'itangwa ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa.</p>	<p>(1) Additional costs caused by the suspension of the contract is added to the amount of the contract, except where the suspension:</p> <p>(a) had been provided for differently in the contract;</p> <p>(b) is deemed necessary due to weather conditions at the place of destination;</p> <p>(c) is considered necessary due to mistakes of the successful bidder;</p> <p>(d) is deemed necessary in order to ensure the security of the supplies or the better execution of whole or part of the contract, insofar as this necessity is not the result of an act of or failure by the procuring entity.</p> <p>(2) The successful bidder submits to the procuring entity a document explaining the additional costs within 30 days from the date of suspension of delivery of goods or supplies.</p>	<p>(1) Les frais supplémentaires occasionnés par la suspension du contrat s'ajoutent au montant du contrat, sauf si la suspension :</p> <p>(a) est réglée de manière différente dans le contrat ;</p> <p>(b) s'avère nécessaire suite aux conditions climatiques du lieu de réception ;</p> <p>(c) est due aux manquements de l'attributaire du marché ;</p> <p>(d) est nécessaire pour assurer la sécurité des fournitures ou la bonne exécution de tout ou partie du contrat, dans la mesure où cette nécessité ne résulte pas d'un acte ou d'un manquement de l'entité de passation de marché.</p> <p>(2) L'attributaire du marché doit soumettre à l'entité de passation de marché un document justifiant le montant additionnel, endéans 30 jours à compter de la date de la suspension</p>



<p><b><u>Ingingo ya 146:</u> Iyakirwa rya tekiniki ry'agateganyo</b></p> <p>(1) Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora guteganya iyakirwa rya tekiniki ry'agateganyo ry'ibikoresho cyangwa ry'ibikoresho cy'icyitegererezo bizakoreshwa mu ikorwa ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa.</p> <p>(2) Igitabo kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo kigomba kandi gusobanura bihagije uburyo iyakirwa rizakorwamo. icyakora, iryo yakirwa ntirivanaho uburenganzira urwego rutanga isoko rufite bwo kwanga kwakira ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa no gusaba isimburwa ryabyo, irya bimwe mu bikorerezo bibigize cyangwa iry'ikindi kintu bikoze wemo, mu gihe igenzura rigaragaje amakosa cyangwa indi nenge.</p>	<p><b><u>Article 146:</u> Preliminary technical acceptance</b></p> <p>(1) The tender document may provide for preliminary technical acceptance of materials or samples to be used in the manufacturing of goods or supplies.</p> <p>(2) The tender document referred to in Paragraph (1) of this Article must also specify sufficiently the modalities for this acceptance. However, the preliminary technical acceptance shall not deprive the procuring entity of its right to reject the reception of goods or to require their replacement a part of the material of their composition or other things used in the manufacturing of goods or supplies, where inspections reveal mistakes or any other defect.</p>	<p>de la livraison des biens ou fournitures.</p> <p><b><u>Article 146:</u> Réception technique préliminaire</b></p> <p>(1) Le dossier d'appel d'offres peut prescrire la réception technique préliminaire des matériaux ou échantillons d'élément à utiliser dans la fabrication des biens ou fournitures.</p> <p>(2) Le dossier d'appel d'offres visé au paragraphe (1) du présent article doit également spécifier suffisamment les modalités de cette réception. Toutefois, la réception technique préliminaire n'enlève pas à l'entité de passation de marchés le droit de refuser la réception des biens ou fournitures ou d'exiger leur remplacement, une partie des matériaux de leur composition ou d'un autre élément utilisé dans la fabrication des biens ou fournitures, si l'inspection fait apparaître des malfaçons ou tout autre défaut.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 147:</u> Igenzurwa ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa</b></p> <p>(1) Urwego rutanga isoko rushyiraho</p>	<p><b><u>Article 147:</u> Verification of goods or supplies</b></p> <p>(1) The procuring entity establishes a team</p>	<p><b><u>Article 147:</u> Vérification des biens ou des fournitures</b></p> <p>(1) L'entité de passation de marché met en</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>itsinda rishinzwe kugenzura, kwemeza no kwakira ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa. Iryo tsinda rigizwe nibura n’umukozi uturutse mu ishami rirebwa n’isoko, umukozi ushinzwe amasoko ya Leta n’umukozi ushinzwe ibyerekeye ibigemurwa mu rwego. Iryo tsinda kandi rishinzwe imucungire y’amasezerano y’isoko.</p>	<p>responsible for verifying, approving and receiving goods or supplies. The team comprises at least the user department staff, procurement officer and the staff in charge of logistics. This team is also responsible for contract management.</p>	<p>place une équipe chargée de vérifier, approuver et réceptionner des biens ou fournitures. L’équipe comprend au moins le personnel du service utilisateur, l’agent responsable des marchés et le personnel en charge de la logistique. Cette équipe est aussi chargée de la gestion du contrat de marche public.</p>
<p>(2) Itsinda rivugwa mu gika cya (1) cy’iyi ngingo ryemeza raporo ikubiyemo igice kijyanye n’iyubahiriza ry’ibisabwa mu rwego rwa tekini. Abakozi bo mu ishami rirebwa n’isoko nibo bashinzwe kugenzura iyubahiriza ry’ ibisabwa bya tekini.</p>	<p>(2) The team referred to in Paragraph (1) of this Article approves a report which includes a section on conformity to technical specifications. The staff from the user department is responsible for conformity to technical requirements.</p>	<p>(2) L’équipe visée au paragraphe (1) du présent article approuve un rapport qui contient une section sur la conformité aux spécifications techniques. Le personnel du service utilisateur est responsable de la conformité aux exigences techniques.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 148: Aho ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa byakirirwa</u></b></p>	<p><b><u>Article 148: Place of reception of goods or supplies</u></b></p>	<p><b><u>Article 148: Lieu de réception de biens ou de fournitures</u></b></p>
<p>(1) Ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bigomba gushyikirizwa urwego rutanga isoko hakurikijwe ibivugwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.</p>	<p>(1) Goods or supplies must be delivered to the procuring entity in accordance with the provisions of the tender document.</p>	<p>(1) Les biens ou fournitures doivent être livrées à l’entité de passation de marchés conformément aux dispositions du dossier d’appel d’offres.</p>
<p>(2) Iyo ahakirirwa ibigemurwa huzuye cyangwa bitewe n’indi mpamvu, urwego rutanga isoko rufite uburenganzira bwo gusaba uwatsindiye isoko, nta nama rumugishije, kubigemura ahandi ari naho byakirirwa.</p>	<p>(2) If the place of delivery is full or due to any other reason, the procuring entity, without prior consultations with the successful bidder, has the right to instruct the latter to deliver them to another place where they are received. In this case,</p>	<p>(2) En cas d’encombrement du lieu ou pour tout autre motif, l’entité de passation de marchés a le droit de les faire diriger sur d’autres lieux et d’y opérer les réceptions sans consulter l’attributaire du marché. Dans ce cas,</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>Icyo gihe ikiguzi cy'inyongera cy'ubwikorezi cyishyurwa n'urwego rutanga isoko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 149: Iyakirwa ry'ibigemurwa</u></b></p> <p>Hakurikijwe imiterere y'ibigemurwa, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora guteganya iyakirwa mu bice byinshi, iyakirwa ry'agateganyo n'iyakirwa rya burundu.</p> <p><b><u>Ingingo ya 150: Iyakirwa ry'igice cy'ibigemurwa</u></b></p> <p>(1) Urwego rutanga isoko rushobora kwakira igice cy'ibyasabwe kugemurwa. Iyakirwa ry'igice cy'ibigemurwa rishobora kuba iry'agateganyo cyangwa irya burundu hakurikijwe ibiteganywa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa n'imiterere y'ibigemurwa.</p> <p>(2) Igihe cy'ubwishingire bw'ubuziranenge bw'ibigemurwa kibarwa uherye igihe iyakirwa ry'agateganyo ryabereye, keretse iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kibiteganywa ukundi. Uwatsindiye isoko agomba gusana cyangwa gusimbura ibyangiritse mu gihe cy'ubwishingire bw'ubuziranenge</p>	<p>additional transport cost is borne by the procuring entity.</p> <p><b><u>Article 149: Reception of goods or supplies</u></b></p> <p>Depending on the nature of the supplies, the tender document may provide for partial reception, provisional reception and final reception.</p> <p><b><u>Article 150: Partial reception of supplies</u></b></p> <p>(1) The procuring entity may receive part of the supplies to be delivered. Partial reception can be final or provisional, according to the provisions of the tender document and the nature of supplies.</p> <p>(2) The period of guarantee for the supplies commences from the date of the partial reception, unless the tender document provides otherwise. The supplier must, during the guarantee period, repair or replace damaged items.</p>	<p>les frais de transport additionnels sont à charge de l'entité de passation de marché.</p> <p><b><u>Article 149: Réception des biens or de fournitures</u></b></p> <p>Suivant la nature des fournitures, le dossier d'appel d'offres peut prévoir une réception partielle, une réception provisoire et une réception définitive.</p> <p><b><u>Article 150: Réception partielle des fournitures</u></b></p> <p>(1) L'entité de passation de marchés peut réceptionner une partie des biens à délivrer. La réception partielle peut être définitive ou provisoire selon les dispositions du dossier d'appel d'offres et la nature des fournitures.</p> <p>(2) Le délai de garantie pour les fournitures est compté à partir de la réception partielle, à moins que le dossier d'appel d'offres n'en dispose autrement. L'attributaire du marché doit réparer ou remplacer des parties avérées défectueuses.</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>bw'ibigemurwa.</p> <p>(3) Iyo habaye iyakirwa mu bice, hakorwa inyandikomvugo y'iyakirwa rya burundu ry'ibigemurwa mu isoko ryose ikagaragaza uko isoko ryose ryashyizwe mu bikorwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 151: Iyakirwa ry'agateganyo ry'ibigemurwa</u></b></p> <p>Iyakirwa ry'agateganyo ry'ibigemurwa ni ngombwa iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteganywa iyakirwa rya burundu ry'ibigemurwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 152: Iyakirwa rya burundu ry'ibigemurwa</u></b></p> <p>(1) Iyakirwa rya burundu ry'ibigemurwa rishobora gukorwa nyuma yo –</p> <p>(a) kwakira by'agateganyo ibigemurwa cyangwa kwakira igice cy'ibigemurwa;</p> <p>(b) kugemura no kugenzura ko ibyagemuwe bihuye n'ibiteganywa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.</p>	<p>(3) If there had been several partial receptions, a comprehensive report of final reception of supplies is made and shows how the entire tender was executed.</p> <p><b><u>Article 151: Provisional reception of supplies</u></b></p> <p>Provisional reception of supplies is necessary if the tender document provides for a final reception of supplies. The period of guarantee for the supplies commences from the date of the provisional reception, unless the tender document provides otherwise.</p> <p><b><u>Article 152: Final reception of supplies</u></b></p> <p>(1) Final reception of supplies may occur after –</p> <p>(a) the provisional reception or a partial reception of supplies;</p> <p>(b) delivery and verification that the supplies conform to the tender document.</p>	<p>(3) En cas de plusieurs réceptions partielles, le procès-verbal global de réception définitive des fournitures est établi et indique l'exécution total du marché.</p> <p><b><u>Article 151: Réception provisoire des fournitures</u></b></p> <p>La réception provisoire est nécessaire lorsque le dossier d'appel d'offres prévoit une réception définitive. Le délai de garantie pour les fournitures est compté à partir de la réception provisoire, à moins que le dossier d'appel d'offres n'en dispose autrement.</p> <p><b><u>Article 152: Réception définitive des fournitures</u></b></p> <p>(1) La réception définitive des fournitures peut intervenir après –</p> <p>(a) la réception provisoire ou partielle des fournitures ;</p> <p>(b) la livraison et la vérification de conformité des fournitures au dossier d'appel d'offres.</p>
--	--	---

<p>(2) Inyandikomvugo y'iyakirwa rya burundu ikorwa nyuma y'iyakirwa ry'agateganyo ry'ibigemurwa cyangwa ibicuruzwa.</p> <p>(3) Iyo hateganyijwe iyakirwa rya burundu ry'ibigemurwa, rikorwa mu minsi 20 ibanziriza irangira ry'igihe cy'ubwishingire bw'ubuziranenge bw'ibigemurwa.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 6: Ingingo zihariye ku ishyirwa mu bikorwa ry'amasoko ya serivisi z'impuguke</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 153: Imyitwarire y'uwatsindiye isoko rya serivisi z'impuguke.</u></b></p> <p>By'umwihariko uwatsindiye isoko rya serivisi z'impuguke agomba kwirinda:</p> <p>(a) gutangaza amakuru arebana na serivisi atanga atabanje kubiharerwa uburenganzira n'urwego rutanga isoko;</p> <p>(b) gukora igikorwa icyo ari cyo cyose kinyuranyije n'inshingano ze zikubiye mu masezerano yagiranye n'urwego rutanga isoko;</p>	<p>(2) A final acceptance report is made after the provisional reception of supplies.</p> <p>(3) If a final reception of supplies is provided, it takes place within 20 days prior to the expiry of the period of the guarantee for the provisional reception of supplies.</p> <p><b><u>Section 6: Specific provisions on the execution of tender for consultancy services</u></b></p> <p><b><u>Article 153: Code of conduct for the successful bidder for consultancy services</u></b></p> <p>The successful bidder for consultancy services must refrain from:</p> <p>(a) revealing information concerning the services he/she is providing without prior approval from the procuring entity;</p> <p>(b) engaging in any act which contravenes his/her contractual obligations towards the procuring entity;</p>	<p>(2) Un procès-verbal de la réception définitive est dressé après la réception provisoire ou partielle des biens ou fournitures.</p> <p>(3) Lorsque la réception définitive des fournitures est prévue, elle a lieu endéans 20 jours précédant l'expiration de la période de garantie pour de standards des fournitures.</p> <p><b><u>Section 6: Dispositions spécifiques sur l'exécution d'un appel d'offres pour des services de consultance</u></b></p> <p><b><u>Article 153: Normes de conduite de l'attributaire du marché de services de consultance</u></b></p> <p>L'attributaire du marché de services de consultance doit s'abstenir de :</p> <p>(a) faire des déclarations publiques concernant les services qu'il fournit sans autorisation préalable de l'entité de passation de marché ;</p> <p>(b) s'engager dans toute activité contraire à ses obligations contractuelles envers l'entité de passation de marché ;</p>
--	--	--

<p>(c) gufata icyemezo icyo ari cyo cyose mu mwanya w'urwego rutanga isoko rutabanje kubimuhera uburenganzira bwanditse kandi bwerekana igihe cyose bibaye ngombwa;</p> <p>(d) kwirinda igongana ry'inyungu;</p> <p>(e) impamvu iyo ariyo yose yatuma atagira ubwigenge mu mirimo ye;</p>	<p>(c) taking any decision on behalf of the procuring entity without the latter's prior written consent which is presented whenever necessary;</p> <p>(d) conflict of interest;</p> <p>(e) any reason that may compromise his or her independence at work.</p>	<p>(c) prendre toute décision au nom de l'entité de passation de marché sans le consentement écrit préalablement délivrée par ce dernier qui est exhibée chaque fois que de besoin ;</p> <p>(d) tout conflit d'intérêts ;</p> <p>(e) tout motif pouvant entraver son indépendance dans l'exécution de ses travaux.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 154: Kutemererwa guhembwa n'abandi</u></b></p>	<p><b><u>Article 154: Restrictions on remuneration by third party</u></b></p>	<p><b><u>Article 154: Interdiction de rémunération par des tiers</u></b></p>
<p>(1) Uwatsindiye isoko nta kindi gihembo yemerewe kwakira gishingiye ku masezerano y'isoko yatsindiye usibye icyo ahabwa n'urwego rutanga isoko.</p> <p>(2) Uwatsindiye isoko cyangwa abakozi be ntibashobora kwemererwa kwakira igihembo icyo ari cyo cyose gifite aho gihuriye n'ishyirwa mu bikorwa ry'isoko, gitanzwe n'undi muntu uwo ari we wese. Ntashobora kandi kwakira ku buryo buziguye cyangwa butaziguye igihembo gishingiye ku kuba mu ishyirwa mu bikorwa ry'isoko yarifashishije inzira zirengewe n'uburenganzira ku gihangano</p>	<p>(1) The successful bidder is not allowed to receive any other remuneration relating to the contract he or she has been awarded except that from the procuring entity.</p> <p>(2) The successful bidder or his or her staff shall not be allowed to receive any remuneration, given by any other person, related to the execution of the tender. He/she shall neither receive directly or indirectly any remuneration for having used patented or copyrighted process.</p>	<p>(1) Il est interdit à l'attributaire du marché de recevoir une rémunération liée au contrat de marché qui lui a été attribué, autre que celle de l'entité de passation de marché.</p> <p>(2) L'attributaire du marché ou son personnel ne peut pas être autorisé à accepter une quelconque rémunération, accordée par n'importe quelle personne dans le cadre de l'exécution du marché. Il ne peut pas non plus recevoir directement ou indirectement aucune rémunération pour avoir utilisé un procédé protégé par le brevet d'invention ou le droit d'auteur.</p>

<p>cy'ubumenyi n'ikoranhanga cyangwa se izirengewe n'uburenganzira mu by'ubuvanganzo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 155: Ibanga ry'akazi</u></b></p> <p>(1) Uwatsindiye isoko hamwe n'abakozi be bagomba kugira ibanga ry'akazi mu gihe cyose amasezerano y'isoko ashirwa mu bikorwa n'igihe amaze kurangira.</p> <p>(2) uretse igihe yabanje kubiharerwa uburenganzira bwanditse n'urwego rutanga isoko, uwatsindiye isoko, abo afatanyije nabo ndetse n'abakozi babo ntibashobora na rimwe kubwira uwo ari we wese amabanga bumvise cyangwa babonye cyangwa gushyira ahagaragara amakuru ajyanye n'imyanzuro yagezweho mu gihe isoko rigikorwa cyangwa nyuma y'uko rirangira. Ntibashobora kandi gukoresha mu buryo ubwo ari bwo bwose bubangamiye urwego rutanga isoko, amakuru bahawe cyangwa ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe mu gihe cy'ishirwa mu bikorwa ry'isoko cyangwa mu gihe hategurwaga ishirwa mu bikorwa ry'isoko.</p>	<p><b><u>Article 155: Professional secrecy</u></b></p> <p>(1) The successful bidder and his or her staff must uphold professional secrecy during the period of the contract and after its completion.</p> <p>(2) In this respect, except when there is a prior written consent by the procuring entity, the successful bidder, his or her associates and staff cannot, at any time, communicate to any person, confidential information they heard or saw or disclose conclusions reached during or after the period of the execution of the tender. They shall neither use, in any way detrimental to the procuring entity, information they received or findings of research carried out during the execution of the tender or from the period of the preparation of the execution of the tender.</p>	<p><b><u>Article 155: Secret professionnel</u></b></p> <p>(1) L'attributaire du marché et son personnel doivent garder le secret professionnel pendant la durée du contrat et après l'achèvement de celui-ci.</p> <p>(2) À cet égard, sauf consentement écrit préalable de l'entité de passation de marché l'attributaire du marché, ses associés et leur personnel ne peuvent, en aucun cas, communiquer à quiconque des renseignements confidentiels qui leur ont été révélés ou qu'ils ont découverts, ni rendre publiques des informations sur les conclusions au cours ou après l'exécution du marché. Ils ne peuvent non plus utiliser au détriment de l'entité de passation de marché, les renseignements qui leur ont été fournis ou les résultats des études, tests de recherche effectués dans la période de l'exécution du marché ou pendant la période de préparation de l'exécution du marché.</p>
--	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 156:</u> Ihame ryo kudahindura uburyo bw'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko</b></p> <p>Uwatsindiye isoko agomba gukora ubwe imirimo asabwa, akoresheje abakozi n'uburyo bwashingiweho ahabwa isoko. Igihe uwatsindiye isoko abonye ko ari ngombwa kugira icyo ahindura mu biteganywa n'iyi ngingo, ashobora kubikora ari uko abanje kubiharerwa uburenganzira bwanditse n'urwego rutanga isoko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 157:</u> Uburyozwe ku makosa yakozwe n'uwatsindiye isoko mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano</b></p> <p>(1) Haseguriwe ibiteganwa n'itegeko ringenga amasoko ya Leta, uwatsindiye isoko yishingira uburyozwe bw'amakosa yakoze mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano. Igihe cyose abisabwe n'urwego rutanga isoko, uwatsindiye isoko akosora, ku mafaranga ye, ikosa ryose ryagaragaye mu mirimo ye.</p> <p>(2) Icyakora, uwatsindiye isoko ntashobora kuryozwa ibitakozwe n'ibihombo</p>	<p><b><u>Article 156:</u> Principle of non-modification of contract execution modalities</b></p> <p>The successful bidder must perform personally the services required using the staff and modalities that were the basis for the award of the tender. Where the successful bidder finds it necessary to change any of the provisions of this Article, he or she may do so with prior written consent from the procuring entity.</p> <p><b><u>Article 157:</u> Liability for mistakes made by the successful bidder during the execution of the contract</b></p> <p>(1) Subject to the provisions of the Law governing public procurement, the successful bidder is accountable for the mistakes that he or she made during the execution of the contract. Whenever it is required by the procuring entity, the successful bidder corrects, at his or her own cost, any mistake that was identified in his or her work.</p> <p>(2) However, the successful bidder is not liable for any claims of lacunae and</p>	<p><b><u>Article 156:</u> Principe de non modification des modalités d'exécution du contrat</b></p> <p>L'attributaire du marché doit exécuter personnellement les prestations lui demandées à l'aide du personnel et des moyens sur base desquels le marché lui a été attribué. Lorsque l'attributaire du marché estime qu'il est nécessaire d'apporter des modifications aux dispositions du présent article, il peut y procéder avec l'accord écrit préalable de l'entité de passation de marchés.</p> <p><b><u>Article 157:</u> Responsabilités pour les fautes commises par l'attributaire du marché pendant l'exécution du contrat</b></p> <p>(1) Sous réserve des dispositions de la loi portant réglementation des marchés publics, l'attributaire du marché est responsable des fautes commises pendant l'exécution du contrat. À n'importe quel moment et à la demande de l'entité de passation de marché, l'attributaire du marché procède, à ses frais, à la correction des erreurs identifiées dans son travail.</p> <p>(2) Toutefois, l'attributaire du marché n'est pas responsable des réclamations</p>
---	--	--



Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>byatewe n’uko:</p> <p>(a) urwego rutanga isoko rutakurikije inama zatanzwe n’uwatsindiye isoko;</p> <p>(b) urwego rutanga isoko rwategetse uwatsindiye isoko gushyira mu bikorwa amabwiriza batabyemeranyaho cyangwa uwatsindiye isoko yagaragajeho impungenge;</p> <p>(c) urwego rutanga isoko, abaruhagarariye, abakozi barwo cyangwa impuguke zarwo bashyize mu bikorwa nabi imyanzuro yatanzwe n’uwatsindiye isoko.</p>	<p>losses due to the fact that:</p> <p>(a) the procuring entity did not respect the advice by the successful bidder;</p> <p>(b) the procuring entity imposed the successful bidder to implement instructions with which the successful bidder did not agree or which he or she had some concerns;</p> <p>(c) the procuring entity, its representatives, its staff or his or her experts wrongly implemented the recommendations made by the successful bidder.</p>	<p>des lacunes et pertes dues à:</p> <p>(a) l’entité de passation de marché qui n’a pas agi suivant les recommandations de l’attributaire du marché ;</p> <p>(b) la mise en œuvre des instructions imposées par l’entité de passation de marché à l’attributaire du marché sur lesquelles l’attributaire du marché n’était pas d’accord ou avait émis ses inquiétudes ;</p> <p>(c) la mise en application non conforme à des recommandations de l’attributaire du marché par l’entité de passation de marché, ses représentants, son personnel ou ses experts.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 158: Itangwa ry’abakozi n’isimbuzwa ryabo</u></b></p> <p>(1) Iyo isoko ryerekeranye no gutanga inkunga mu bya tekiniki, uwatsindiye isoko ni we ugomba kumenya ubushobozi n’imyitwarire by’abakozi aha urwego rutanga isoko. Igihe umukozi agaragaje ubushobozi buke cyangwa imyitwarire mibi, urwego rutanga isoko rushobora gutegeka ko</p>	<p><b><u>Article 158: Staffing and its replacement</u></b></p> <p>(1) Where the contract concerns technical assistance, the successful bidder is responsible for the competence and conduct of the staff put at the disposal of the procuring entity. In case of incompetence or misconduct by any staff, the procuring entity may order their replacement.</p>	<p><b><u>Article 158: Disponibilité du personnel et son remplacement</u></b></p> <p>(1) Lorsque le marché porte sur une assistance technique, l’attributaire du marché est responsable de la qualité et de l’intégrité du personnel qu’il met à la disposition de l’entité de passation de marché. En cas d’incompétence ou de mauvaise conduite d’un membre du personnel, l’entité de passation de</p>

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>asimburwa.</p> <p>(2) Umukozi usimbuye agomba kuba afite ubushobozi bungana cyangwa buri hejuru y'ubw'uwo asimbuye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 159: Gusubika ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ya serivisi z'impuguke</u></b></p> <p>(1) Iyo bibaye ngombwa urwego rutanga isoko rufite uburenganzira bwo gusubika ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ya serivisi z'impuguke mu gihe kitarenze iminsi 60. Iryo subikwa rigomba kugira impamvu yasobanuriwe uwatsindiye isoko.</p> <p>(2) icyakora, iyo hari impamvu ituma icyo gihe kigomba kurenga igihe giteganijwe mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, uwatsindiye isoko, yemerewe gusaba urwego rutanga isoko gusesa amasezerano mu gihe uko kongera icyo gihe byabangamira uwatsindiye isoko.</p> <p>(3) Uwatsindiye isoko agomba kugaragaza ibimenyetso byose byerekana imiterere y'imbogamizi aterwa n'iryo subikwa. Urwego rutanga isoko rugomba, mu</p>	<p>(2) The replacing staff must have the same competence or be more competent than the replaced staff.</p> <p><b><u>Article 159: Suspension of consultancy service contract execution</u></b></p> <p>(1) Whenever it is necessary, the procuring entity has the right to suspend the execution of the contract for consultancy services in a period which does not exceed 60 days. Such suspension must have a reason which is explained to the successful bidder.</p> <p>(2) However, when there are reasons causing the suspension that exceeds the period provided in Paragraph (1) of this Article, the successful bidder has the right to request the procuring entity to cancel the contract if the extension affects himher negatively.</p> <p>(3) The successful bidder must indicate all the factors that show the nature of the prejudice resulting from that suspension. The procuring entity must, within 15</p>	<p>marché peut exiger leur remplacement.</p> <p>(2) Le personnel remplaçant doit avoir les mêmes ou plus de compétence que le personnel remplacé.</p> <p><b><u>Article 159: Suspension de l'exécution du contrat de services de consultance</u></b></p> <p>(1) En cas de besoin, l'entité de passation de marché a le droit de suspendre l'exécution du contrat de services de consultance dans un délai n'excédant pas 60 jours. Les raisons motivant Une telle suspension doit être motivée par des raisons expliquées à l'attributaire du marché.</p> <p>(2) Toutefois, lorsqu'il y a des motifs pouvant prolonger la suspension au-delà du délai prévu dans alinéa (1) de cet article, l'attributaire du marché a le droit de solliciter de l'entité de passation de marché la résiliation du contrat lorsque cette prolongation de délai peut affecter négativement l'attributaire du marché.</p> <p>(3) L'attributaire du marché doit fournir les éléments nécessaires qui montrent la nature du préjudice résultant de cette suspension. L'entité de passation de</p>
--	--	--

<p>gihe cy'iminsi 15 uherye ku muni w'iyakirwa ry'ubusabe, gufata icyemezo ku byasabwe n'uwatsindiye isoko.</p> <p>(4) Iyo igihe cy'isubika kirenze icyateganijwe mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, urwego rutanga isoko rukanga iseswa riteganijwe mu gika cya (2) cy'iyi ngingo, urwego rutanga isoko rwishingira ikiguzi cy'imbogamizi ziriho zishingiye kuri iryo subika.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 7: Kubika inyandiko z'amasoko ya Leta</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 160: Urutonde rw'inyandiko zibikwa n'igihe zimara zibitse</u></b></p> <p>(1) Ikoranabuhanga mu masoko ya Leta ribika inyandiko zijyanye n'itangwa ry'amasoko n'iz'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mu gihe cy'imyaka icumi kandi zikagaragarira igihe cyose, uwo ari we wese ubifitiye uburenganzira.</p> <p>(2) Inyandiko zivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ni izi zikurikira:</p>	<p>days from the date it received the request, make a decision with regard to the request of the successful bidder.</p> <p>(4) When the suspension exceeds the period provided under Paragraph (1) of this Article and the procuring entity refuses the cancellation provided under Paragraph (2) of this Article, the procuring entity bears the cost of the consequences of that suspension.</p> <p><b><u>Section 7: Record keeping in public procurement</u></b></p> <p><b><u>Article 160: List of documents to be archived and archive retention period</u></b></p> <p>(1) E-procurement system keeps archives of public procurement procedures and contract management for a period of ten years and makes them available any time to any authorised person.</p> <p>(2) Documents referred to under Paragraph (1) of this Article are the following:</p>	<p>marché doit, endéans 15 jours prenant cours à partir de la date de la réception de la requête, réagir à la demande de l'attributaire du marché.</p> <p>(4) Lorsque la durée de la suspension excède le délai prévu au paragraphe (1) du présent article et que l'entité de passation de marché n'accorde pas la résiliation du contrat prévue au paragraphe (2) du présent article, l'entité de passation de marché doit supporter toutes les conséquences causées par cette suspension.</p> <p><b><u>Section 7: Tenue de registres dans les marchés publics</u></b></p> <p><b><u>Article 160: Liste des documents à archiver et délai de conservation des archives</u></b></p> <p>(1) Le système électronique de passation de marchés publics garde les archives des documents relatifs à l'attribution du marché et à la gestion du contrat pour une période de dix ans, et les rend accessibles tout le temps, à toute personne autorisée.</p> <p>(2) Les documents visés au paragraphe (1) du présent article sont les suivants:</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special of 10/10/2023

<p>(a) amatangazo abapiganwa; ahamagara</p> <p>(b) ibitabo cy'ipiganwa;</p> <p>(c) inyandiko z'ipiganwa;</p> <p>(d) inyandikomvugo ry'inyandiko n'iy'isesengurwa ryazo; z'ifungurwa z'ipiganwa</p> <p>(e) inyandiko uwatsindiye isoko; zimenyekanisha</p> <p>(f) kopi y'amasezerano hagati y'urwego rutanga isoko rya Leta n'uwatsindiye isoko;</p> <p>(g) inyandiko yose yakozwe hagati y'urwego rutanga isoko rya Leta n'uwapiganwe;</p> <p>(h) indi nyandiko yose itanga amakuru, amabwiriza na raporo kuri iryo soko.</p> <p>(3) Ku bijyanye no kubika inyandiko z'amasoko yatanzwe, urwego rutanga isoko rya Leta rubika neza ibintu biba byaratanzwe n'abapiganwa bagaragaza urugero rw'imiterere y'ibyo barugemurira.</p>	<p>(a) tender notices;</p> <p>(b) tender documents;</p> <p>(c) bids;</p> <p>(d) bids opening and evaluation reports;</p> <p>(e) tender award notifications;</p> <p>(f) copy of the contract concluded between the procuring entity and the successful bidder;</p> <p>(g) any correspondence between the procuring entity and the bidder;</p> <p>(h) any other useful document containing information, instructions and reports that are related to the tender.</p> <p>(3) Concerning the archives of awarded tenders, the procuring entity safely keeps samples submitted by bidders.</p>	<p>(a) l'appel d'offre ;</p> <p>(b) les dossiers d'appel d'offres ;</p> <p>(c) les offres ;</p> <p>(d) le procès-verbal d'ouverture des offres et rapport d'évaluation des offres ;</p> <p>(e) la notification d'attribution du marché ;</p> <p>(f) une copie du contrat conclu entre l'entité de passation de marchés publics et l'attributaire du marché ;</p> <p>(g) toute correspondance entre l'entité de passation de marchés et le soumissionnaire ;</p> <p>(h) tout autre document contenant les informations utiles, instructions et rapports relatifs au marché.</p> <p>(3) Pour l'archivage des documents relatifs aux marchés attribués, l'entité de passation de marchés garde bien les échantillons présentés par les soumissionnaires.</p>
--	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 161: Uburenganzira n'ibisabwa mu kubona inyandiko zashyinguwe</u></b></p> <p>(1) Inyandiko zose zerekeye amasoko yatanzwe zibitse mu ikoranabuhanga ry'amasoko ya Leta zishobora kubonwa n'umuntu wese ubishaka abisabye urwego ruzibitse hakurikijwe ibiteganyijwe n'ingingo z'itegeko rigenga amasoko ya Leta zerekeye ihame ry'okugira ibanga mu maso.</p> <p>(2) Urwego rutanga isoko ry'amasoko rubitse inyandiko rushobora gusaba ushaka amakuru kwishyura FRW 100 kuri buri paji, mu gihe akeneye guhabwa kopi y'inyandiko irimo amakuru akeneye.</p> <p><b><u>UMUTWE WA VII: INGINGO ZIHARIYE KU GUTANGA AMASOKO YA LETA HADAKORESHEJWE IKORANABUHANGA</u></b></p>	<p><b><u>Article 161: Rights and conditions for accessing archives</u></b></p> <p>(1) All procurement documents archived in e-procurement may be consulted by any person who so wishes upon request to a procuring entity that keeps them in accordance with the provisions of the law governing public procurement on confidentiality.</p> <p>(2) A procuring entity that owns archives may require the person who wants to consult them to pay FRW 100 per page, if he or she wants to be given a copy of a document containing information that he or she is looking for.</p> <p><b><u>CHAPTER VII: SPECIFIC RULES ON AWARDING PUBLIC TENDERS USING NON-ELECTRONIC PROCEDURES</u></b></p>	<p><b><u>Article 161: Droits et conditions d'accès aux archives</u></b></p> <p>(1) Toutes les archives relatives aux marchés publics gardées dans la passation électronique de marchés publics peuvent être consultées par toute personne qui le désire après demande à l'entité qui en assure la garde conformément aux dispositions de la loi portant la réglementation de marchés publics relatives à la confidentialité.</p> <p>(2) Une entité de passation de marchés qui conserve les archives peut exiger la personne qui veut consulter les archives de payer 100 FRW par page, si elle veut se procurer une copie d'un document contenant des informations qu'elle désire.</p> <p><b><u>CHAPITRE VII: REGLES SPECIFIQUES SUR L'ATTRIBUTION DE MARCHÉS PUBLICS PAR VOIE NON ÉLECTRONIQUE</u></b></p>
--	--	--

<b><u>Ingingo ya 162: Itangazwa ry'isoko hadakoreshejwe ikoranabuhanga</u></b>	<b><u>Article 162: Publication of a tender opportunity using non-electronic procedure</u></b>	<b><u>Article 162: Publication d'une offre par voie non électronique</u></b>
